



Inteko Nyarwarwanda y'Ururimi n'Umuco

UBUKWE BWA KINYARWANDA



2018

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO



**UBUKWE BWA
KINYARWANDA**

2018

© Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, 2016
B.P. 5796 KIGALI

Gishyizwe ku mugaragaro bwa mbere 2016

Uburenganzira bwose burakomye

Umuntu wese uzandukura, uzafotora, uzakoresha ubundi buryo bwose
bugamije gucuruza iki gitabo azahanwa n'itegeko rigenga abanditsi.

ISBN: 978-99977-700-0-10

IBIRIMO

IBIRIMO	4
IMBONERAHAMWE ZIFASHISHIJE	6
AMASHUSHO YIFASHISHIJE	6
IMPINE Z'AMAGAMBO ZIFASHISHIJE	6
IJAMBO RY'IBANZE	8
IRIBURIRO	10
0. INTANGIRIRO	11
I. IMIHANGO Y'UBUKWE MU MUCO W'ABANYARWANDA	14
Intangiriro.....	15
1.1. Kurambagiza.....	15
1.2. Gusaba no gufata irembo.....	19
1.3. Gusaba no gukwa umugeni.....	22
1.3.1. Gusaba umugeni.....	22
1.3.2. Gukwa umugeni.....	25
1.3.3. Gutanga indongoranyo.....	29
1.4. Gutebutsa.....	30
1.5. Gushyingirwa.....	31
1.5.1. Imyiteguro y'abageni mbere yo gushyingirwa.....	31
1.5.2. Imihango yakorwaga ku munsu wo gushyingirwa.....	35
1.5.3. Imihango yo gushyingirwa yakorwaga nyuma yo kurongora.....	39
1.6. Gutwikurura.....	42
1.6.1. Gukura umugeni mu nyegamo.....	43
1.6.2. Kogosha amasunzu.....	43
1.6.3. Umuhango w'amata.....	44
1.6.4. Kwerekana imitwa.....	45
1.7. Gutekesha cyangwa gukoza ku mashyiga.....	46
1.8. Guca mu irembo no kuramukanya.....	47
Umwanzuro.....	48
1. UBUKWE BWA KINYARWANDA MURI IKI GIHE	50
Intangiriro.....	50
1.1. Imyiteguro yo gushinga urugo muri iki gihe.....	51
1.1.1. Imyiteguro y'umusore n'inkumi bashaka gushinga urugo.....	51
1.1.2. Imyiteguro yo gushinga urugo iboneye.....	53
1.2. Imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda muri iki gihe.....	54
1.2.1. Kurambagiza.....	55

1.2.2.	Gusaba no gufata irembo.....	62
1.2.3.	Gusaba umugeni, gukwa no gutebutsa.....	66
1.2.4.	Gusezerana imbere y'amategeko.....	77
1.2.5.	Guhagurutsa umugeni.....	79
1.2.6.	Gusezerana mu idini.....	81
1.2.7.	Kwakira abatumurwa.....	85
1.2.8.	Gutwikurura.....	90
1.2.9.	Gutekesha.....	94
1.2.10.	Guca mu irembo.....	95
1.2.11.	Gusura abageni.....	96
1.3.	Ibibazo byihariye bigaragara mu bukwe muri iki gihe.....	98
1.3.1.	Inkwano ihanitse.....	98
1.3.2.	Ibirongoranwa by'umurengera.....	101
1.3.3.	Imyumvire idahwitse y'amategeko n'amabwiriza mbonezamubano.....	104
1.4.	Ingeso zibangamira ubukwe bwa kinyarwanda.....	110
1.4.1.	Imyitwarire idahwitse mbere yo gushyingirwa.....	111
1.4.2.	Ugushakira indonke mu bukwe.....	116
2.	UMWANZURO RUSANGE.....	120
3.	IBITABO BYIFASHISHIJE.....	123

IMBONERAHAMWE ZIFASHISHIJE

- Imbonerahamwe №1 Guhitamo uwo muzabana
Imbonerahamwe №3 Ibyo Abanyarwanda batekereza ku mihango yo gusaba no gukwa muri iki gihe
Imbonerahamwe №4 Ishusho y'ingano y'inkwano mu Ntara no Muji wa Kigali

AMASHUSHO YIFASHISHIJE

- Ishusho №1 Impuzandego y'ibigendaho amafaranga mu kwakira abatumirwa mu Muji wa Kigali

IMPINE Z'AMAGAMBO YIFASHISHIJE

MINISPOC	Minisiteri ya Siporo n'Umuco
MINALOC	Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu
MIGEPROF	Minisiteri y'Umuryango n'Iterambere ry'Abategarugori
RALC	Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco
INMR	Ikigo k'Ingoro z'Umurage w'Igihugu
CNF	Inama y'Igihugu y'Abagore
Grp	Groupe
NISR	National Institute of Statistics of Rwanda
№	Nomero

ABAGIZE URUHARE MU IYANDIKWA RY'IKI GITABO

Intiti z'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco:

Intiti NIYOMUGABO Cyprien

Intiti MUKABACONDO Thérèse

Intiti KAYISHEMA Jean-Marie Vianney

Intiti KAMALI Alphonse

Intiti KAYISABE Védaste

Intiti MUKARUTABANA Rose-Marie

Intiti NDAHIRO Alfred

Intiti NYIRAHABIMANA Jeanne

Intiti RUGEGE Geoffrey

Intiti RUTAYISIRE Paul

Intiti RWAGATARE Joseph

Intiti YANZIGIYE Béatrice

Intiti KAREMERA U. Carole

Intiti MFIZI Christophe

Intiti SHYAKA Anastase

Abakozi b'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco :

Dr NZABONIMPA Jacques

NIYOMUGABA Jonathan

KANYANGE Gaudiose

BIRAGUMA Prudence

IYAMUREMYE Donat

IJAMBO RY'IBANZE

Ubukwe ni umwe mu mihango ikomeye mu buzima bw'umuntu. Mu muco w'Abanyarwanda, ubukwe ni ishingiro ry'umuryango. Ni umuhango wubahwa kuko uhuza imiryango ukayagura, ugatuma umuntu ashinga urugo rwe, akabyara ndetse n'Igihugu kikunguka amaboko. Uretse kuba ubukwe ari uruhererekane rw'imihango igamije gushyingira umuhungu n'umukobwa ni n'ibirori bihuza imiryango ibiri igasabana, ikunga ubumwe.

Mu Kinyarwanda ubukwe bugira uruhererekane rw'imihango ikorwa, bukagira n'amagambo akoreshwa mu kiganiro cy'abahagarariye imiryango ishyingirana bita: *"imisango"*. Mu Rwanda hose ingingo shingiro y'imihango y'ubukwe ni imwe kandi yubahirizwa hose nubwo hashobora kubaho umwihariko wa buri karere.

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu wa 2003 nk'uko ryavugururwe muri 2015, mu ngingo yaryo ya 18 ku kurengera umuryango rigira riti: ***"Umuryango, niwo shingiro y'imbaga y'Abanyarwanda, urengerwa na Leta"***. Ni yo mpamvu, Leta y'u Rwanda ishyira imbaraga nyinshi mu kwita ku miryango no gufasha Abanyarwanda kubaka ingo nshya zikomeye kandi zigendera ku ndangagaciro z'umuco w' u Rwanda.

Kuva abakoronni bagera mu Rwanda imico mvamahanga ikinjira inyuze mu madini, amashuri, ikoresheya ry'ifaranga n'iterambere ry'ikoranabuhanga indangagaciro z'umuhango w'ubukwe zagiye zitakaza ireme ryazo mu kubaka umuryango nyarwanda uhamye. Ibi byiyongeraho amateka u Rwanda rwanyuzemo; ay'ubuhunzi na Jenocide yakorewe Abatutsi mu wa 1994 ndetse n'isabanyamuco ryoroshye ryazanywe n'iterambere ry'ikoranabuhanga n'ikusanyabukungu.

Ibyo byatumye muri iki gihe, uruhare rw'umuryango mu bukwe rugabanuka cyangwa rukabura, umusore n'umukobwa babana bataziranye bihagije, ubukwe buhenze, inkwano yabaye nk'ikiguzi cy'umukobwa, ibirongoranwa by'umurengera n'ibindi. Ibi bizana ingaruka ku ngo zubakwa kuko zirangwamo amakimbirane ashobora kuviramo bamwe kwicana, gutandukana kwa hato

na hato, abana ntibitabweho bamwe bakajya mu mihanda, bikagira ingaruka ku mutekano n'iterambere by'Igihugu muri rusange.

Abanyarwanda banyuranye ndetse n'inama y'Umushyikirano yateranye mu wa 2014 n'iyateranye mu wa 2015 bagarutse ku bibazo bigaragara mu bukwe bwa Kinyarwanda no ku ngo zishingwa ntizirame muri iki gihe. Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, imaze kubona uburyo Abanyarwanda cyanecyane urubwiruko rufata ibijyanye n'ubukwe nk'ikibazo, yafashe ikemezo cyo gukora ubushakashatsi bugamije gufasha Abanyarwanda kugaruka ku mwimerere nyawo w'ubukwe nyarwanda no gufasha urubwiruko kubaka ingo zihamye.

Iki gitabo gikubiyemo ibyavuye muri ubwo bushakashatsi bwakozwe mu Rwanda hose hitawe ku mirenge yo mu bice by'umugi n'imirenge yo mu bice by'icyaro. Iki gitabo kigamije gufasha buri wese kumenya imihango y'ubukwe bwa Kinyarwanda n'indangagaciro zihishe muri yo, kizanafasha kandi abasomyi kumenya uko imihango ikorwa muri iki gihe yakurikirana bitabangamiye umuco w'u Rwanda kandi nta guhushura.

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco inejejwe no kugeza ku Banyarwanda n'abandi bakunda umuco w'u Rwanda ibyavuye mu bushakashatsi ku bukwe binyuze muri iki gitabo. Inteko irashishikariza kandi buri Munyarwanda gufata iya mbere mu kurinda umuco, urugo n'umuryango byo shingiro ry'iterambere ry'Igihugu, twita ku mwimerere w'imihango y'ubukwe nyarwanda n'inteego yayo. U Rwanda ruzakomera mu gihe cyose abasore n'inkumi bashinga ingo ziramba kandi zigamije kubera urugero rwiza ababakomokaho ari bo Rwanda rw'ejo.



Prof. NIYOMUGABO Cyprien (PhD)

Intebe y'Inteko, Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco.

IRIBURIRO

Ijambo «Ubukwe» ku Banyarwanda risobanura ibirori bihuza abantu benshi ariko rigakoreshwa cyane iyo bavuga ibirori by'ishyingirwa ry'umuhungu n'umukobwa cyangwa se iry'umugabo n'umugore [Coupez A., et all., 2005, p.1450]. Ubukwe kandi ntibusobanura gusa wa munsu mukuru wo gushyingirwa, ahubwo busobanura ibyiciro byose by'imihango ikorwa mu bukwe.

Ubukwe ni umwe mu mihango ikomeye, ari ku muntu ku giti ke ndetse ari no ku gihugu muri rusange, kuko ari bwo burema imiryango n'amaboko yacyo. Imihango y'ubukwe igenda itandukana hashingiwe ku muco, idini ndetse n'akarere abantu baherereyemo.

Ubusanzwe mu kinyarwanda ubukwe bugira uruhererekane rw'imihango ikorwa, bukagira amagambo akoreshwa *"imisango"*, bigatuma imiryango ishyingirana isabana kandi ikunga ubumwe kurushaho. Nubwo hari umwihariko wa buri karere, mu Rwanda hose ingingo shingiro y'imihango y'ubukwe ni imwe kandi irubahirizwa.

Amateka u Rwanda rwanyuzemo ay'ubukoroni, ubuhunzi, Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994 ndetse n'isabanyamuco ryoroshye ryazanywe n'iterambere ry'ikorabuhanga, byahungabanyije cyane umuco w'u Rwanda n'imihango iwushingiyeho n'iy'ubukwe irimo. Imihango imwe n'imwe yataye umwimerere wayo, indi iratakara ndetse mu mihango y'ubukwe hinjizwamo indi mishya. Kuri icyo kibazo k'imihango yangiritse hiyongeyeho ik'inkwano zisigaye zifatwa nk'ikiguzi, ik'ibirongoranwa by'umurenge ndetse n'ik'ingo zisigaye zitarama.

Inama y'Umushyikirano yateranye mu wa 2014 n'yateranye mu wa 2015 zagatse ku bibazo bigaragara mu bukwe bwa kinyarwanda no ku ngo zishingwa muri iki gihe. Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, imaze kubona uburyo Abanyarwanda cyanecyane urubyiruko rufata ibijyanye n'ubukwe nk'ikibazo, yafashe ikemezo cyo gukora ubushakashatsi bugamije gufasha Abanyarwanda kugaruka ku mwimerere nyawo w'ubukwe nyarwanda no gufasha urubyiruko kubaka ingo zihamye.

0. INTANGIRIRO

Ubukwe ni umwe mu mihango ikomeye mu mateka ya muntu. Imihango yo gushinga urugo igenda itandukana hagendewe ku muco, idini ndetse n'akarere abantu baherereyemo. Mu muco w'Abanyarwanda, uruhererekane rw'imihango, imisango n'ibindi byose bikorwa hagamijwe gushinga urugo rushya no gusabanya imiryango, ni byo byitwa ubukwe.

Mu kinyarwanda, uretse kuba ubukwe ari uruhererekane rw'imihango igamije gushyingira umuhungu n'umukobwa ni n'ibirori biherekeza uwo muhango wo kubashyingira. Ku Banyarwanda kandi, ibirori byose bitegurirwa guhuza abantu benshi bakishima kandi bagasabana byitwa ubukwe. Ibika bikurikira biribanda ku bukwe bwo gushyingira umuhungu n'umukobwa hagamijwe kubaka urugo rushya.

Nk'uko mu muco w'Abanyarwanda gushinga urugo byagiraga imihango, imigenzo n'imiziririzo bikurikiza no muri iki gihe mu bice binyuranye by'Igihugu ingingo ngenga z'ubukwe ziracyubahirizwa nubwo hari impinduka nyinshi zibugaragaramo.

Izo mpinduka ziterwa ahanini n'imimerere y'ubuzima bw'iki gihe, ikoreshwa ry'ifaranga n'inyota yaryo, amadini, amategeko n'amabwiriza mbonezamubano byumvwa nabi, ingaruka z'ubuhunzi, Jenocide n'ibindi.

Ubuzima bw'iki gihe busigaye bwihuta cyane. Ibikorwa byose byaba iby'iterambere ry'umuntu ku giti ke cyangwa irya rusange birihuta ku buryo n'ibijyanye n'imibanire y'abantu na byo bigendera ku muvuduko Igihugu kigezeho. Uwo muvuduko utuma abashaka kubaka urugo batabona umwanya uhagije wo kumenyana, abantu bahura bakabana nta muranga, umuryango nta ruhare ukigira mu mibanire y'abashakanye, imihango yataye umwimerere n'ibyo yari isobanuye kubera kuyikora abantu basiganwa n'igihe.

Ifaranga kuva ryagera mu Rwanda ahagana mu mwaka wa 1900 [Byanafashe D. et Rutayisire P., 2011, p. 198] ryagize ingaruka nyinshi ku buzima bw'Igihugu, ku mibanire y'abantu ndetse no ku bukwe. Ifaranga kandi ryazanye kwifuza

kuritunga ari byo byiswe inyota yaryo. Iyo nyota y'ifaranga yateye impinduka mu myiteguro no mu migendekere myiza y'ubukwe cyanecyane ku nkwanu. Irari ry'ifaranga kandi rituma bamwe mu bantu bafata ubukwe nk'ahantu bashobora kubonera amaronko.

Inyota y'ifaranga iyo ihujwe n'ubuzima bwo muri iki gihe bwihuta, usanga abenshi mu bifuzaga gushinga urugo badaha agaciro ik'ingenzi mu kubaka urugo rukomeye: **urukundo** hagati y'abifuzaga kubaka urugo.

Imyemerere ishingiyeye ku madini na yo yazanye impinduka mu myumvire y'Abanyarwanda ku bijyanye n'ubukwe, aho usanga hamwe na hamwe imisango y'ubukwe bayifata nko kubeshya n'ibindi banga gukora babyita ibipagani.

Izindi mpinduka mu bijyanye n'ubukwe zituruka ku ruhurirane rw'imico mu Rwanda cyanecyane mu migi. Mu migi ni ahantu abantu bafite imico itandukanye bahurira kuburyo abahavukiye bakanahakurira baba batazi neza intambwe z'ubukwe n'imihango yabwo. Abenshi bakurikiza imihango babonye mu baturanyi bashobora kuba ari Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga; bityo ugasanga hari ibikorwa cyangwa ntibikorwe mu mihango y'ubukwe atari ku bushake bwa ba nyiri ubwite ahubwo ari uko ntawuba uzi neza uko ubukwe bwa kinyarwanda bugomba gukorwa.

Iterambere kandi rituma Abanyarwanda, cyanecyane urubyiruko, basabana n'imico y'ahandi ku buryo bwihuse biciye mu ikoranabuhanga; bityo bikoroha gutira no kwigana iby'abandi. Ibi bishora bamwe mu Banyarwanda mu rwiganwa n'itira bitarimo ubushishozi no mu zindi ngeso mbi zihutaza indangagaciro na kirazira by'umuco wa kinyarwanda.

Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore ni poritiki nziza u Rwanda rugenderaho kandi irufasha kwihutisha iterambere kuko buri wese mu bana barwo atanga umusanzu we mu kurwubaka. Gusa hari aho usanga iryo hame ryarumviswe nabi ku buryo rimwe na rimwe umwana w'umukobwa yitwara ku buryo butamuhesha agaciro ngo "**yaribohoye**".

Ikindi kandi, kubera irari ry'imitungo rya bamwe, hari abifashisha itegeko bakarongora cyangwa bakarongorwa bishakira umutungo w'uwo bashakanye. Iyo bamaze gusezerana imbere y'amategeko, hari abahita baka gatanya bagamije kugabana imitungo y'uwo bashakanye mu buryo bungana iyo basezeranye ivangamutungo rusange.

Uretse izo mpinduka zigaragara, hari izindi zatewe n'amateka yihariye u Rwanda rwanyuzemo, ari yo ubuhunzi na Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994. Jenoside yateye icyuho kinini mu bijyanye n'imihango y'ubukwe kuko yasenyeye icyo imihango y'ubukwe yari yubakiyeho ari wo muryango. Nyuma ya Jenoside, bamwe mu Banyarwanda bahungutse bazanye imico y'ibihugu babayemo, bakomeza kuyikurikiza ariko bayivanga n'umuco nyarwanda, ibyo byatumye habaho uruvangitirane rw'imico rutera urujijo abarureba.

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco yanditse gitabo "Ubukwe bwa kinyarwanda" igamije kwerekana uko ubukwe bwa kinyarwanda bwacyuzwaga, uko bukorwa muri iki gihe n'inama ku bibazo bibugaragaramo.



**I. IMIHANGO Y'UBUKWE MU
MUCO W'ABANYARWANDA**

I. IMIHANGO Y'UBUKWE BWA KINYARWANDA

INTANGIRIRO

Ubukwe ni umwe mu mihango ndangamuco ukomeye w'Abanyarwanda, wakoranwaga ubushishozi, ubwitonzi, ubwenge n'ubwumvikane hagati y'imiryango. Ubukwe bwahuzaga imiryango ibiri: umuryango w'umuhungu n'umuryango w'umukobwa bahujwe n'ikifuzo cyo kubakira abana babo urugo rukomeye.

Abanyarwanda bose bari basangiye umuhango w'ubukwe kuko mu duce twose tw'igihugu wasangaga imyumvire n'imihango y'ubukwe ari bimwe. Hari uturere twabaga dufite umwihariko ariko muri rusange imihango nyayo y'ubukwe, hose mu Gihugu yari imwe.

Intego y'ibanze y'ubukwe mu Rwanda yari iyo kurema urugo rushya maze na rwo rukabyara, rukororoka bityo igihugu n'umuryango bikunguka amaboko. Ubukwe bwari umuhango w'imiryango ibiri isanzwe idafitanye isano ihuzwa n'uko umwe ufite umusore undi ukagira inkumi maze ikiyemeza kubashingira urwabo rugo.

Imiryango ibifashijwemo n'umuranga yararambagizanyaga, yamara gushimana hagakurikiraho gufata irembo, gusaba no gukwa, gushyingirwa no gutwikurura, kugera mu rugo cyangwa kuramukanya, gutekesha ndetse n'indi mihango [Erny P., 2005, p. 225].

Uyu mutwe uragaragaza mu ncamake imihango y'ingenzi y'ubukwe bwa kinyarwanda, hibandwa ku byari bihuriweho na benshi.

I.1. KURAMBAGIZA

Kurambagiza ni ukureba uburanga bw'umukobwa n'ubwiza bwe, kuzenzura

imico n'imyifatire ye, uko yitwara mu mibereho ye, imikorere ye, isuku ndetse n'umuryango akomokamo kugira ngo umenye niba yarahawe uburere bwiza [Gasimba F.S., 2013, p. 17].

Mu Rwanda rwo hambere, iyo ababyeyi babonaga ko umwana akuze, ageze igihe cyo kurongora babimenyeshaga inshuti n'umuryango, maze bagafatanya gushaka umuranga. Umuhungu n'umukobwa ntibabonanaga cyane, keretse ababaga baturanye. Umuryango washakaga umuranga wabaga ari umuntu mukuru uzi neza umuryango urambagizwa maze agafasha umuryango urambagiza kureba, kwitegereza no guhitamo neza umugeni cyangwa umusore ubereye umuryango wamutumye [p. 18].

Mu kurambagiza, umuranga yaheraga ku kumenya umuryango w'uwo arambagiza. Yibandaga kumenya niba nta sano iri hagati y'imiryango, akamenya imico y'umuryango umukobwa avukamo, umutungo bafite, ubuntu n'urugwiro. Umuranga kandi yitaga ku kumenya niba nta miziro, ubwicanyi, kutaremya urugo n'ibindi byatumaga abantu badashyingirana.

Umuranga yitaga no ku mico n'imiterere by'umukobwa akamenya ko afite ubwiza, umutima n'uburere, ko adafite ubumuga cyangwa indwara zidakira. Yamenyaga kandi ko ashobora kubyara, atari impenebere cyangwa impa. Ku rundi ruhande, hari ubwo umusore wabaga ageze igihe cyo gushaka umugore yagezaga ikifuzo ku babyeyi, ariko akenshi na bo babaga baratangiye kugenzura ngo barebe ko ari muzima kandi ko ageze igihe cyo gushaka. Muri uko kumwemerera barebaga ko yubatse n'inzu yo kurongoreramo nubwo akenshi bamufashaga kuyubaka [Ndekezi S., 1984, p. 12].

Umusore watangiye kurambagirizwa hari ubwo yagaba atazi neza umukobwa, mbere y'uko imihango yo gusaba irembo itangira, bityo yabwiraga mugenzi we w'inkoramutima bakigira abagenzi, bakajya iwabo w'umukobwa. Iyo bageraga iwabo w'umukobwa basabaga amazi cyangwa igishirira cyo gutekera itabi, bakaboneraho kwitegereza uko umukobwa agira ubwuzu, yakira abantu, agira isuku mu rugo no ku irembo, uko ataka mu nzu n'ibindi. Iyo bashimaga bamenyeshaga ababyeyi ko bashimye, ko imihango yakomeza [Nzajyibwami E., 2015, p. 14].

Hari aho umusore yajyaga kureba iwabo w'umukobwa umuranga yarabanje kumuteguriza. icyo gihe yakirwaga na muramu we, cyangwa undi musore wo muri urwo rugo, maze bakicara ku muryango, bakamuzimanira. Umukobwa na nyina bakurikiraniraga ikiganiro bicaye mu kirambi, bamurungurukira mu nkomane z'insika. Igihe babaga bamuherekeje umukobwa yamukurikizaga amaso, yitegereza uko ateye, indeshyo, intambuko n'ibindi bigaragarira amaso [p.14].

Iyo umusore yabaga amenyeranye n'umuryango arambagizamo umukobwa, cyanecyane nk'iyo babaga baturanye, aje kubasura sebukwe cyangwa nyirabukwe hari igihe bamusuzumaga ngo barebe ko azavamo umugabo ushobora kubaka urugo rukomeye. Bamuhaga ingiga y'igiti k'insobe cyangwa se ikindi kiruhije kwasa. Iyo cyamunaniraga hari ubwo yabaga ahebye umugeni [p.15].

Umuhungu cyangwa umukobwa yashoboraga kubenga bitavuye ku babyeyi babo. Inshuti zabo cyangwa bo ubwabo barapererezaga bagaya uwo babasabira, bakamubenga. Uwabengaga yabimenyeshaga abandi. Umukobwa yabimenyeshaga nyirasenge, nyinawabo, nyina cyangwa mukuru we naho umuhungu we akabimenyeshya inshuti ze, n'inshuti z'umuryango cyanecyane abantu babaga bisanzuye kuri se maze bakabimumenyeshya.

Iwabo w'umukobwa iyo bamaraga kumenya ko umukobwa wabo arimo arambagizwa, na bo bashakaga umuntu w'inshuti cyangwa umuvandimwe utari umuranga, wagenzura iwabo w'umuhungu kugira ngo bamenye imyitwarire ye. Iyo umuryango w'umukobwa warangizaga kugenzura umuryango w'umusore n'imyitwarire ye, hakurikiraho kubaza umukobwa niba yemera kuzabana n'uwo musore. Iyo amaze kwemera, hakurikiragaho umuhungu wo kuraguza kugira ngo babaze abakurambere niba urwo rugo ruzaba urugo ruhanye [Ruhumuliza B., 1988, p.23]. Iyo inzuzi zeraga imihango yarakomezaga.

Se w'umuhungu, se wabo, umuranga cyangwa undi muntu umuryango wizeye, yajyaga kubaza iwabo w'umukobwa niba bazabaha umugeni. Iyo babaga

bamaze kwemeranywa basezeranaga igihe cyo kuza gufata irembo. Naho iyo inzuzi ziteraga ariko babona bidakomeye, bashakaga isubyo, bakarinywa, bikaba bibaye insinzi. Ibi byakorwaga ku miryango yombi muri rusange.

I.2. GUSABA NO GUFATA IREMBO

Gusaba no **gufata** irembo ni imihango yakurikiraga kurambagiza ikabera iwabo w'umukobwa. Iyo se w'umuhungu yabaga amaze kumvikana na se w'umukobwa igihe bazazira gusaba irembo, yatumaga ku muryango we akabagezaho urubanza afite. Umukuru w'umuryango akaba ari we ufata inshingano zo kuzajya gusabira irembo umuhungu wabo cyangwa akagira undi aziha cyanecyane akaba ari se w'umwana [Ntampaka C., 2001, p.9].

Mu duce twinshi tw'u Rwanda, umukwe mukuru muri iyi mihango yabaga ari se w'umwana, yaba atabishoboye agahagararirwa na se wabo cyangwa se umuranga keretse iyo umuranga yabaga ari umugore [Ndekezi S.,1984, p. 16.].

Mu gusaba irembo bajyanaga inzoga y'amarwa, ariko bitewe n'ubushobozi bw'umuryango hari n'igihe bajyanaga inzoga y'ubuki (inturire). Mu mihango y'ubukwe yose mu Rwanda ntibakundaga gukoresha inzoga y'urwagwa kuko bayitaga incike (ica umuryango kuko umukobwa basabishije urwagwa Abanyarwanda bavugaga ko atabyara), uretse mu Gisaka no mu Kinyaga kuko batahingaga amasaka [p. 17.].

Impamvu mu Rwanda bakoresheje inzoga y'amarwa ni uko ari yo nzoga yitwaga inzoga nkuru. Ubusanzwe mu mbuto nkuru z'Abanyarwanda harimo amasaka, uburo n'inzuzi bityo rero inzoga y'amasaka ikaba ari yo yakundaga gukoreshwa mu mihango ikomeye yose y'Abanyarwanda nk'inzoga nkuru iva mu mbuto nkuru.

Mu muhango wo gusaba no gufata irembo, iwabo w'umuhungu hagendaga abantu bake batarenze icumi, umukwe mukuru akababanziriza imbere (Mu Kinyaga) cyangwa akabajya inyuma (Ahasigaye hose mu Rwanda). Mu bice bya Bushiru, hagendaga abantu babiri cyangwa batatu gusa ahubwo bagaruka baje kuvuga amagenzi, bagasanga iwabo w'umuhungu hateraniye umuryango wose.

Umuryango w'umuhungu ugiye gusaba irembo iyo wageraga iwabo w'umukobwa waravunyishaga, ukakirwa maze ukazimanirwa. Bamara gushira impumu, umusangwa mukuru (akenshi yabaga ari se w'umukobwa) akabaza umukwe mukuru ikibagenza. Umukwe mukuru yasobanuraga ko baje kubasaba amaboko, ko umuryango wabo ufite umusore ugeze igihe cyo kurongora kandi ko bazi ko muri urwo rugo hari umukobwa bakwiranye. Agakomeza ababwira ko bari baje **gusaba irembo** kugira ngo bazarinyuzemo inka yo kubakwera.

Umuryango w'umukobwa iyo wabemereraga, hakurikiragaho umuhango wo **gufata irembo**. Muri uyu muhango, umuryango w'umusore watangaga isuka *y'ifatarembo n'isando* yerekanaga ko umukobwa wo muri urwo rugo yatanzwe kandi ko inka izaza ubutaha.

Isando yari akabando ko mu giti cy'umusave gafite amashami abiri abasaza bakundaga kwitwaza bakakisunga cyangwa bakakeguza ibyatsi batema [Coupez A., et all, 2005, p.2075]. Iyo umuryango w'umukobwa wakiraga isando wayishyiraga mu bikingi by'amarembo ku buryo abahise bose bayibonaga bakamenya ko umukobwa wo muri urwo rugo yemerewe undi muryango maze abasore bandi bagasubiza amerwe mu isaho.

Mu Rwanda hose, mu gusaba irembo uretse inzoga y'amarwa cyangwa iy'ubuki, bajyanaga isuka y'ifatarembo bitaga "*Mbogo*" naho ababaga ari abatunzi bakajyana inka na yo ikitwa "*Inka y'ifatarembo*" [Nzajyibwami E., 2015, p. 15]. Ni bake mu Rwanda batangaga inka y'ifatarembo kuko byakorwaga n'imiryango y'abatware cyangwa abatunzi bafite amashyo menshi.

Umusore n'umukobwa ntibabonekaga mu mihango yo gusaba no gufata irembo. Umusore ntiyajyanaga n'abagiye gusaba irembo, umukobwa na we nubwo byaberaga iwabo ntiyigaragazaga ahubwo yarihezaga. Iyo umukobwa yabaga yigaragaje, Abanyarwanda babifataga nk'ikimenyetso cyo kubenga umusore cyangwa umuryango akomokamo.

Umuhango wo gufata irembo iyo wahumuzaga, umusangwa mukuru n'abamugaragiye baherekezaga umuryango w'umusore maze buri muryango ugasubira iwawo aho waturutse. Abagiye gufata irembo iyo bageraga iwabo w'umusore, banyuriraga muri make abasigaye mu rugo uko urubanza bagiyemo rwagenze. Umuryango w'umukobwa na wo waganiraga uko babonye umuryango w'umusore maze buri muryango ugafata ingamba zijyanye n'ibyo bazanoza mu mihango izakurikiraho.

I.3. GUSABA NO GUKWA

I.3.1. GUSABA UMUGENI

Gusaba umugeni ni umuhango w'ubukwe wakurikiraga umuhango wo gufata irembo ukabera iwabo w'umukobwa. Mu muco w'Abanyarwanda, umuryango w'umuhungu ni wo ujya gusaba umugeni mu muryango w'umukobwa kuko mu Rwanda, umuryango, ubwoko n'igisekuru bishingira ku mugabo.

Umuhango wo gusaba wabanzaga gutegurwa bihagije, bategura ibizakoreshwa byose ndetse bakabanza no kuwuraguriza. Inzuzi zakwera bakabona kohereza intumwa ku muryango bazajya gusabamo umugeni. Batumaga umuranga (akenshi na we babanzaga kumuraguriza ngo barebe niba nta miziro afite) akajya kubaza igihe umuryango w'umusore wazabaturira inzoga zo kubasaba umugeni. Imiryango yakwemeranya umunsi, igatangira kwitegura hanyuma ikamenyesha inshuti n'abavandimwe.

A. Umukwe mukuru

Umukuru w'umuryango akenshi ni we wabaga umukwe mukuru yaba atabishoboye, umuryango ugatoranya undi ubikwiye. Umukwe mukuru yagombaga kuba ari umuntu uzwiho ubuhanga mu kuvuga imisango, avugisha ukuri, azi gutega amatwi, yubashywe muri ako gace kandi yiyubaha, atarangwa n'imyitwarire mibi. Umuryango kandi wahitagamo abagabo bakuze bo kumwunganira, bagashaka abasore bagenda bikoreye ibinyobwa n'inkumi zabaga ziteruye ibiseke birimo imyaka. Hateganywaga ababyeyi, bashiki b'umuhungu, ba nyirasenge n'abandi bagore bo mu muryango cyangwa inshuti kugira ngo bazatange impundu mu gihe bazaba bemerewe umugeni [Ndekezi S.,1984, p. 23].

B. Ibintu bajyanaga gusabisha umugeni

Mu muhango wo gusaba umugeni, bajyanaga inzoga zirimo amarwa, inzagwa ariko ahenshi mu Gihugu amarwa cyangwa inturire ni zo zabaga inzoga nkuru umukwe mukuru yavugiragaho ijambo. Bajyanaga kandi isuka yitwa “*Cyozi cyogera inka*”, bakanajyana ikibindi k’isugi (kidahongotse). Iyo ikibindi cyabaga gihongotse byagarazaga ko umuryango w’umusore hari inenge bazi ku mukobwa usabwa cyangwa ku muryango we. icyo kibindi kandi cyagumaga iwabo w’umukobwa bakagifata neza, nticyasohokaga kuko batinyaga ko cyameneka. Iyo cyamenekaga, bavugaga ko umukobwa usabwa ashobora gupfa cyangwa akazabyara apfusha. N’iyo ubukwe bwapfaga icyo kibindi cyagumaga iwabo w’umukobwa [Nzajyibwami E., 2015, p.16].

Ubwinshi bw’inzoga bwaterwaga n’akarere nko mu Burera, Buhoma, Bushiru, Bugoyi na Kanage bajyanaga inzoga nyishi cyane kubera ko heraga amasaka hakaba n’urutoki rwinshi. Bitewe n’akarere nanone hari ubwo mu byo bitwazaga bagiye gusaba bashyiragamo ibiseke ndetse n’inkangara zirimo imyaka y’aho baturutse [Ndekezi S., 1984, p. 26].

Abagiye gusaba, iyo babaga bageze hafi y’aho bagiye gusaba barabanzaga bagatura ibyo bajyanye, bakitunganya, abasore baje bikoreye inzoga n’ibindi bijyanye n’umuhango wo gusaba bakabanza bakihanagura ibyuya, bakisukura kugira ngo aho bagiye bataza kubabonaho inenge. Batumaga umuranga kubavunyishiriza maze bagategereza ko babakira.

Mu Rwanda, uburyo binjiraga byabaga bitandukanye hakurikijwe imico y’akarere bagiye gusabamo. Nko mu Kinyaga, umukwe mukuru ni we wabanzaga imbere, akinjira ashagawe n’abagabo batoranyijwe baza kumwunganira. Abakwe bagendaga bakurikirana uko bagenda barushanwa icyubahiro mu muryango, hakaza guheruka abikoreye inzoga. Mu tundi duce tw’Igihugu, imbere habanzaga abikoreye inzoga n’andi maturo hagakurikiraho abandi bose bashorewe n’umukwe mukuru.

C. Imisango yo gusaba

Ikiganiro umukwe mukuru agirana n’umusangwa mukuru ni cyo kitwa imisango; ikaba yari igamiye gutuma imiryango bahagarariye mu mihango y’ubukwe imenyana kandi igasabana kurushaho [Kashamura A., 1973, p. 93].

Iyo umukwe mukuru yabaga amaze kwicara no kuzimanirwa, umusangwa mukuru yamuhaga ijambo maze na we akavuga ikimugenza. Imisango yo gusaba mu Gihugu hose yakorwaga kimwe. Mu misango y’ubukwe, umuryango w’umukobwa wabanzaga kurushya uw’umuhungu bashakisha impamvu z’urwiyenzo n’amananiza bigamiye kureba uburyo umuryango w’umuhungu ubyigobotoramo n’uko abagize uwo muryango barwanirana ishyaka maze umuryango usabwa ukamenya ko n’umwana wabo bagiye kubashyingira bazashobora kumurwanira ishyaka bibaye ngombwa. Ikindi kandi byari bigamiye ni ukureba niba abaje gusaba ari intore, batari ibifura cyangwa abanyamusozi.

Icyakora hari igihe byashobokaga ko abantu baza bagasaba bakabima umugeni. Nk’igihe umukwe mukuru yitwaraga nabi, akaba igifura arakazwa n’ubusa cyangwa agasuzugura abasangwa [p. 94].

Iyo byagendaga neza, nta nenge umuryango w’umukobwa usanganye uw’umusore, umusangwa mukuru, mu izina ry’umuryango w’umukobwa, yabemereraga umugeni maze ababyeyi baherekeje umukwe mukuru bakavuzza impundu. Umukwe mukuru yahagurukaga, akivuga ndetse akanakura ubwatsi atanga inzoga.

Nyuma y’ibyo, umusangwa mukuru yarongeraga agafata ijambo akabwira umuryango w’umusore ko babemereye umugeni ariko ko atabahaye inkwano ndetse akanongeraho ko umukobwa wabo ari “*Mutumwinka*” cyangwa ko ari “*Mukobwajana*”. Ubwo akaba arabakosheje [Kayigana C., 1979, p. 24].

Iyo umuryango w’umusore wabaga waje witeguye guhita utanga inkwano, imisango yarakomezaga ariko iyo wabaga waje utiteguye imiryango

yaganiraga ku nkwanu maze bamara kuyumvikanaho umukwe mukuru agasezera. Umusangwa mukuru mu kumusezerera yamuhaga itabi n'inzoga by'impamba hanyuma we n'abamuherekeje bakabasubiza inkoni zabo bagataha. Mbere y'uko bagenda, umusangwa mukuru yabahaga indi nzoga batagomba gukoraho yashyikirizwaga se w'umuhungu (iyo yabaga atashoboye kuza) cyangwa umukuru w'umuryango nk'ikimenyetso cy'uko bageze iwabo w'umukobwa kandi ko bakiriwe neza [p. 25].

Mu turere twa Burera, Bugoyi, Bigogwe, Bukonya, Kanage n'u Bushiru, guhera umunsi babemereyeho umugeni kugeza igihe bazazira gukwa, umuryango w'umusore watangiraga kujya utura inzoga n'imfukire (inkangara n'uduseke turimo imyaka) umuryango w'umukobwa nka rimwe mu kwezi. Muri utwo turere kandi, hari igihe uko gutura kwa sebwake byafataga igihe kirekire kirenze n'umwaka.

I.3.2. GUKWA UMUGENI

Mu Rwanda, **gukwa** ni ugutanga ikintu kemewe nk'inkwanu kugira ngo ubone umugeni, kikaba ari ikimenyetso cyo kwerekana ko umugeni afite aho aturuka, ko atishyingiye, ko ashyingiwe n'umuryango. **Inkwano** rero yari ishimwe ry'umubyeyi w'umukobwa kubera ko yabaga yarareze neza, umwana akaba agiye gushinga urwe rugo.

A. Uko inkwanu yabaga iteye

Mu kinyarwanda, umuryango wakwaga ukurikije uko ureshya. Hari abakwaga inka, abandi intama, ihene cyangwa amasuka. Iyo umuryango wabaga ukennye ariko babona ko ari abantu b'inyangamugayo, babahaga umugeni w'ubuntu cyangwa se umusore akajya gutenda kwa sebwake [Inteko Izirikana, 2003, p. 21].

Gutenda, byakorwaga n'umuhungu w'umukene cyangwa w'imfubyi udafite inkwanu kandi kwa sebwake bayimusabye, maze akajya kugira imirimo akorayo mu gihe runaka. Iyo mirimo ni yo yabarwaga nk'inkwanu y'uwo musore [p.22].

Umugeni w'ubuntu na we yabagaho. Iyo usaba atashoboraga kubona inkwano kandi adashaka gutenda, yemeraga ko azayishaka, yayibona akayitanga. Mu muco wa kinyarwanda bakwa umukobwa cyangwa abana, ni yo mpamvu umugore warongowe adakowe bamukwaga amaze kubyara [Kayigana C., 1979, p.26].

Muri rusange mu Rwanda inkwano yari inka imwe ku babaga bayifite. Ku babaga batayifite batangaga ihene eshanu, esheshatu cyangwa se umunani. Aho batangaga intama, bakwaga imwe naho baba bakoye amasuka, akava ku masuka abiri kugera ku munani. Mu muhango wo gukwa mu Rwanda, buri gihe isuka yagombaga kugaragaramo (bayitaga inkwano nkuru). Niyo babaga bakoye inka, isuka yagendaga imbere bakayita “*Cyozi cyogera inka*” [Ndekezi S., 1984, p. 27].

Mu Rwanda, abakwaga inka n'amasuka ni bo babivugaga mu mazina yabyo bati: «*Twakoye inka cyangwa twakoye amasuka umubare runaka, naho ababaga bakoye ihene cyangwa intama ntibavugaga mu mazina ahubwo bavugaga ko bakoye itungo*» [Kayigana C., 1979, p.25].

Mu guhitamo inkwano umuryango uzatanga byakoranyaga ubwitonzi bwinshi cyane kuko inkwano iyo ari yo yose, yaba inka, ihene, intama cyangwa se amasuka, ntiyagombaga kuba ifite inenge cyangwa ubusembwa ubwo ari bwo bwose. Iyo yabaga ifite inenge umuryango w'umukobwa wabifataga nk'aho umuryango w'umusore ushaka kubabwira ko umukobwa wabo afite ubusembwa kandi ko ashobora no kuzakenya umuryango ashyingiweho.

B. Uko bakiraga inkwano

Nk'uko twabibonye haruguru, mu Rwanda hari uburyo bubiri inkwano yashoboraga gutangwamo. Inkwano yashoboraga gutangwa uwo muni mu gihe cyo gusaba cyangwa ikazatangwa nyuma y'igihe umuryango w'umusore umaze kwisuganya. Uburyo izo nkwano zakirwaga bwabaga butandukanye.

Iyo umuryango w'umuhungu wabaga waje witeguye gutanga inkwano, nyuma y'uko umusangwa mukuru akosheje umuryango w'umuhungu, umukwe mukuru yarahagurukaga akamurika inkwano yazanye. Yaheraga ku isuka ari yo “*Cyozi cyogera inka*”, akavuga ko ari yo izahingira inka ubwatsi. Akamurika igicuba cyo kudahira inka yazanye maze akayerekana.

Mu kumurika inka, iyo yabaga itambuka, umukwe mukuru yafataga ikiziriko, inkoni y'umushumba n'ikizinzho cyo gukoma isazi akabihereza umusangwa mukuru. Umuryango w'umusore wabaga wazanye umushumba uzi kuvuga amazina y'inka maze akaba ari we uyababwira. Iyo umushumba yabaga arangije kuvuga amazina y'inka, yaherezaga inkuyo umukwe mukuru, na we akamuha inzoga yitwa “*Amata y'abashumba*” [Ndekezi S., 1984, p.31].

Hari ubwo umuryango w'umusore wabaga wazanye abantu benshi bazi kuvuga amazina y'inka, bose bagendanga bakuranwa bavuga amazina y'inka kugeza ku wa nyuma maze ufite inkuyo yateganyijwe guhabwa umuryango w'umukobwa akaba ari we uheruka akayishyikiriza umukwe mukuru akaba ari we uyihereza umusangwa mukuru.

Umuryango w'umukobwa iyo wamaraga gushima inka yakowe, umusangwa mukuru yafataga ya nkoni yahawe n'umukwe mukuru maze akayihereza umushumba wabo maze na we agaherako avuga amazina y'izo basanganywe. Iyo usabwa umugeni yabaga adashimye inkwano yakomezaga ya nkoni, akavuga ko inka bayibonye ariko umuryango w'umusore ukwiye kuzana murumuna wayo ndetse n'inzoga yo mu ibuye (inzoga yo gutebutsa). Icyo cyabaga ari ikimenyetso ko bakwiye kuzazana indi nkwanu.

Cyaraziraga kuvana inka mu rugo yakowe umugeni itarata amase ngo inagange. Guta amase cyari ikimenyetso cy'amahoro mu rugo n'ubutunzi buzagwizwa n'iyo nka bakowe. Inka iyo yamaraga kugaragaza ko ari mucyurabuhoro barayishoreraga bakayijyana mu rwuri [Nzajiywami E., 2015, 19].

Mu muhango wo gutanga inkuyo hari uturere tumwe na tumwe nko mu Nduga no mu Gisaka, bayigabanyagamo kabiri umukwe mukuru agasigarana igice

kimwe n'umusangwa mukuru agafata ikindi, kuko ngo iyo bayitangaga yose byasuraga kumara inka mu muryango wakoye [p.20].

Nyuma yo gukwa, umukwe mukuru yarazimanirwaga byaba ngombwa akabyinirwa mbese abantu bakizihirwa. Iyo umukwe mukuru yasezeraga, umusangwa mukuru yasabaga abanyabintu kuzana agashinguracumu kagizwe n'ibinyobwa ndetse n'itabi maze bakabaherekeza bagataha. Iyo abaje gusaba babaga baturutse kure, barararaga bakabasezerera mu gitondo maze bagataha.

Mugihe umuryango w'umusore wabaga uzanye inkwanonyuma y'igihe basabye, iyo abaje gukwa bageraga ku irembo baravunyishaga maze bagategereza ko babakira. Bamaze guhabwa ikaze, umukwe mukuru yashoreraga inka afite inkoni n'ikizinzo, agasanga bayicaniye, se w'umukobwa ahagaze ku nkingi ya kanagazi. Bakaramukanya, bakicara, bakazimanira abashyitsi.

Muri uyu muhango, ntihagendaga abantu benshi kandi n'ababakiraga ntibabaga ari benshi. Ahenshi hagendaga se w'umuhungu, se wabo na nyirarume. Nta misango yihariye uyu muhango wagiraga ahubwo inshuti n'abavandimwe babaga bahujwe n'uyu muhango baraganiraga bakumvikana ku gihe n'umunsi umuryango w'umukobwa uzabahekera maze abazanye inkwano bagasezera bagataha.

Hari uduce tumwe tw'igihugu nko mu Nduga, mu Gisaka, mu Mutara no mu Ndorwa bazanaga inka ebyiri, imwe y'ishashi n'indi nto iyiherekeje. Iyo nka nto yasubiraga iwabo w'umuhungu iyo umuryango w'umukobwa wabaga ubahekeye umugeni.

Cyaraziraga kwakira inka mu kizima, bagombaga kuyicanira kandi yaba ari inka ikamwa musaza w'umukobwa agahita ayikama maze umuryango wabo ukihutira kunywa amata yayo kugira ngo hatazagira umuntu wo mu mihana ubatanga kuyanywa kuko bashoboraga guhumana. Mu miryango imwe n'imwe, iyo inka yabaga idakamwa barayirasaga maze bakanywa ikiremve cyayo nabwo birinda kuzahumana igihe hagize ubatanga kunywa ku mata yayo baribagiwe.

I.3.3. GUTANGA INDONGORANYO

Gutanga indongoranyo cyangwa kurongoranya mu kinyarwanda ni uguha uwagukwereye, ikintu gikomoka ku nkwanu yatanze cyangwa gifitanye isano na yo; naho indongoranyo akaba ari icyo kintu gihabwa umukwe bamurongoranya [Coupez A., et al., 2005, p.1980].

Iyo umukobwa wasabwe akanakobwa ageze mu rugo rwe, Imana ikamuha urubyaro n'inka bamukoye ikabyara ubugira gatatu, inyana ivutse bwa gatatu se w'umukobwa ayirongoranya umukwe we [Ndekezi S., 1984, p.15].

Se w'umuhungu iyo yamenyaga ko inka yakoye imaze kubyara inshuro eshatu, yajyaga inama n'umuhungu we n'umukazana we, maze bagashaka inzoga bakazijyana kwa bamwana we. Bagezeyo, barabakiraga maze bagasubira mu misango y'ubukwe; uko baje gusaba, uko bakoye, uko babahekeye, ibyiza bagize ndetse n'ibyago baba baragize muri icyo gihe gishize. Hanyuma y'ibyo se w' umuhungu akaza gusoza ijambo rye avuga ko aje kwaka indongoranyo.

Iyo abasabwa indongoranyo ari inyangamugayo bahitaga bamubwira ko indongoranyo bayimuhaye ariko hari igihe babanzaga kuruhanya ndetse no kwitabaza abagabo babakiranura. Mu kinyarwanda, mu kurongoranya batangaga inyana, ikajyana n'ikimasa kiyiherekeza ndetse n'igisabo kiri mu njishi yacyo.

Iyo indongoranyo itanzwe, ya nka yakowe ikagumya kororoka, kandi abayaka n'abayakwa bakaramba, umukobwa asubira iwabo kwaka inka ya *Gashyimbo*, byatinda akazasubirayo kwaka indi y'*iteto*.

Iyo umugeni atakowe kandi baremeye inkwano, umukobwa w'uwo mugore iyo akowe, inkwano y'umukobwa ikwa nyina. Ibyo byari byemewe mu muco kandi bigakorwa mu Rwanda hose [p.16].

I.4. GUTEBUTSA

Ababyeyi b'umuhungu cyangwa intumwa yabo bajyaga mu rugo basabyemo umugeni bakumvikana na bamwana wabo ku byerekeye umunsi bazabahekeraho umugeni. **Gutebutsa** rero ni ukubaza no kuvuga igihe imiryango izashyingirira abana bayo [Bizimana S. & Kayumba C., 2010, p. 149]. Imiryango yombi yumvikanaga ku gihe kiyibereye maze igahana umunsi hubahirijwe ibyifuzo bya buri muryango.

Iyo bajyaga gutebutsa, iwabo w'umuhungu bajyanaga inzoga imwe cyangwa ebyiri. Hari uturere tumwe tw'igihugu nko mu Kinyaga, cyaziraga kujyana umubare w'igiharwe, bajyanaga inzoga ebyiri cyangwa enye. Muri uwo muhango, bajyanaga inzoga iyo ari yo yose yaba urwagwa cyangwa se amarwa, ntacyaziraga.

Abagiye gusaba umugeni ni bo bajyaga no gutebutsa keretse iyo habonekaga impamvu zikomeye zibabuza kujyayo, boherezaga abandi mu kigwi cyabo. Iyo bageraga iwabo w'umukobwa, mbere y'ibindi byose babanzaga gusobanura impamvu abaje gusaba batabonetse.

Bitewe n'uturere, gutebutsa byashoboraga gukorwa rimwe cyangwa inshuro nyinshi kandi buri nshuro hagaturwa inzoga. Nko mu majyaruguru y'u Rwanda, mu Burera, bashingaga inkoni abazanye inzoga bakajya bashyiramo ingata baje bazikoreje kugeza igihe inkoni izuzurira ingata bakabona kubahekera umugeni. Naho mu magepfo nko mu Busanza, iyo bajyaga gutebutsa bajyanaga inzoga bakanagerekaho isuka [Ndekezi S. 1984, p.32].

Iyo imiryango yumvikanaga ku munsi n'igihe cy'ubukwe, ku mpande zombi batangiraga imyiteguro, bagatara, bakitwerereza, bakararika inshuti n'abavandimwe.

I.5. GUSHYINGIRA

Gushyingira ku Banyarwanda, ni umuhango wo guhuza umusore n’umukobwa bakarema umuryango mushya. Ni igikorwa k’imiryango ibiri, umuryango w’umusore n’uw’umukobwa, ihuza n’abana bayo ikabaremera urugo rwabo [Kananura J.C., 1980, p. 53].

Mu Rwanda, umuhango wo gushyingira wakorwaga mu buryo butandukanye hakurikijwe uturere, ariko muri iyi nyandiko twagaragaje ibyari bihuriweho n’uturere twinshi mu Gihugu.

I.5.1. IMYITEGUROY’ABAGENIMBEREYOGUSHYINGIRWA

A. Umuhungu uraye ari bushyingirwe

Bamutegaga amasunzu, bakamwogoshya ubwanwa, bakamuca inzara mbese agakorerwa isuku yose yo ku mubiri. Bamwambikaga uruhu rushya cyangwa indengera z’abagabo. Bamwambikaga ibitare n’inigi nshya hanyuma abagabo bamutanze kurongora bakamwigisha uko azifata mu bukwe, uko azabana n’umugore, uko azarongora: Gucira imbazi, kwambika umwishywa, gukirana n’ibindi [Erny P., 2005, p. 231].

Abasore bagenzi be bamuherekezaga hose bakamumara ubwoba, bakamutera ijabo n’ubutwari ngo atazabaka ishema agahemuza umuryango. Umuryango wateganyaga abagabo n’abasore bajijutse, baboneye bo kuyobora no kugira inama umusore, ntibamuveho. Bamurindaga kwandagara, kwifata nabi, gusinda no gukubagana. Bamwigishaga uko azaramukanya, uko azicara, uko azavuga bamubajije, uko azivuga amaze kurongora, uko azakirana n’ibindi [Nzajyibwami E., 2015, p. 22].

Ababyeyi b’umuhungu na bo bariteguraga bakaraguza hanyuma bakanatunganya ibizakenerwa mu mihango yo gushyingira:

Umwishywa: Boherezaga umukobwa w’isugi (ufite se na nyina) akajya guca umwishywa uri hasi, uturiye igiti. Cyaraziraga guca umwishywa wanyagiwe

uwo muni. Umwishywa utabonetse, bakoreshaga igikangaga. Igikangaga bakitaga “*indacika*” kandi kikabarwa nk’icyatsi gikuru kuko cyazanywe na Gihanga [Nzamwita U.J., 2015, p.175].

Imbazi: Umukobwa wabaga yagiye guca umwishwa yarongeraga agaca utubabi tw’imbazi akadushyira mu mutemeri w’inkongoro akabishyira inyuma y’irembo, hanyuma imbazi akazihonda maze akazikamurira mu nkongoro y’isugi (idahongotse). Impamvu babiteguriraga inyuma y’irembo ni uko iyo babizanaga mu rugo ubukwe bwabaga busubitswe [Bigirumwami A., 1964].

Amata: Muri ya nkongoro yakamuriwemo imbazi, bakamiragamo amata y’inka y’isugi (inka itarapfusha) yonsa ikimasa kitwa imana. Uwabaga adafite inka yashoboraga gukoresha amarwa kuko amasaka ari mu mbuto nkuru ku Banyarwanda. Ayo marwa bashyizemo imbazi bayitaga “*Ubuho bwabyawe n’ubutaka*” [Bigirumwami A., 1964].

B. Umukobwa araye ari bushyingirwe

Bamutegaga amasunzu bakamukenura hose. Nyirasenge w’umukobwa cyangwa undi mugore wizewe wo mu muryango nka nyirakuru cyangwa nyina wabo yazaga kumuhana.

Umukobwa n’umubyeyi ugiye kumuhana bajyaga mu mwiherero maze akamubwira uko azajya atsinda abakuru, sebukwe na nyirabukwe, uko azajya yubaha umugabo we akamurinda inzara n’inyota, akamurinda gukonoza akayoga kasigaye mu gicuma cy’umugabo. Akamubwira ukuntu azajya yubaha abagabo babo, akabaha agaciro nk’ak’umugabo kuko ari baramu be ariko akagarukiriza aho. Akamugira inama y’uko azajya yubaha abantu bose cyanecyane abo mu muryango yashatse, inshuti z’umuryango ariko akirinda agakungu. Yamuganirizaga ku kuntu azajya yirinda gutesha agaciro umugabo we, yirinda kumena amabanga y’urugo. Yamwihanangirizaga ku bintu byose bishobora gutuma umugore asendwa. Yamwigishaga kandi uko azagenda mu kirago, uko azarira n’uko azahozwa. Yamwigishaga uko azitwara n’ahura n’umugabo we, uko azakirana akirinda kumuvuna cyangwa

kumukubita ku kintu cyamukomeretsa. Yamuhanaga kutagira inda nini ku biryo, ko yagombaga kurya bike ahubwo akinywera amata [Bushayija S., 1966, p. 48].

Ababyeyi b'umukobwa na bo bamufashaga kwitegura bamukorera ibi bikurikira:

Indibu: Mbere y'iminsi nk'itatu ngo umukobwa arongorwe, bazanaga amata y'inka y'isugi n'umutsima bashyizemo indibu. Indibu ni imbuto z'ikiriburibu (insina zo mu ishyamba zigira amabere arimo imbuto zitaribwa). Ababyeyi bahaga umukobwa uwo mutsima akawurya kugira ngo uburozi ntibuzamufate akaba ari yo mpamvu bawitaga “*Naburya*” [Gasimba F.S., 2015, p. 48].

Ikigagara n'umukunde: Barakimurasagaga kugira ngo azakundwe n'umugabo we [p.48].

Amase y'imvubu: Bayamurasagaga mu mugongo kugira ngo azabyare vuba akimara gukorwa n'inda ngo nk'uko imvubu ihita innya iyo ihanzwe n'ihwa [p.48].

Kwambara umukobwa: Bamukebaga agakoba mu kirenge, nyina akakambara. Ibyo byamukingiraga amarozi [p.48].

Amata: Mugitondo abyutse ari burongorwe uwo munsu, bamuhaga amata maze bakagira bati: “Kirazira ntawanga amata, uhawe amata n'u Rwanda” [p.48].

Umukobwa uraye ari bushyingirwe bamuteguriraga uruhu rushya n'ubutega azagenda yambaye. Bateguraga ibiseke azatahana, umubavu wo kosa inkanda, bakanamwigisha ukobayinyukanyuka n'uko azayitaho. Bamwigishaga guteka, kwarura, gusasa, gutegura mu nzu no kumenya kwakira abashyitsi [Bigirumwami A., 1964].

C. Gutora abakwe

Mu muco wa kinyarwanda, nta mukobwa washoboraga kwijyana nk'aho atagira umuryango cyangwa nk'uwaciwe mu muryango. Bagombaga kumuha abantu bamuherekeza byerekana ko avuye mu muryango kandi wamukundaga.

Gutora abakwe bo guherekeza umugeni byaritonderwaga cyane. Batoranyaga abantu batazabakoza isoni, batazanywa ngo basinde, batazararikira ibyo batarahabwa ngo ubone bafite umururumba, muri make hatoranywaga abantu b'inyangamugayo.

Ubukwe bwa kinyarwanda bwatahaga mu ijoro. Hatoranywaga abakwe benshi harimo abasore n'abagabo bo kubarinda. Hagatoranywa ababyeyi bo guherekeza umukobwa, umukwe mukuru akaba ari we ubakurira kandi akaba ari umugabo. Batoraga abagabo benshi bo kumugaragira n'abasore bazabafasha gutwara ibirongoranwa. Hategurwaga umwe muri basaza be uzajya guca hagati, hagatorwa n'abakobwa benshi bo guherekeza umugeni harimo n'abazaheka umugeni [Bushayija S., 1966, p. 58].

Batoranyaga umushyingira. Yagombaga kuba ari umugore, washoboraga kuba ari mukuru we, nyirasenge, nyina wabo cyangwa uwamubandishije.

I.5.2. IMIHANGO YAKORWAGA KU MUNSI WO GUSHYINGIRWA

A. Guhagurutsa umugeni

Mu muco w'Abanyarwanda, umugeni ntiyapfaga gusohoka. Barabanzaga bakamugoragoza, akinangira, akarira, agafata inkingi ngo batamusohora mu nzu kugeza ubwo bamuhaye impano runaka (ubutare, umuringa, itungo runaka n'ibindi) maze akabona gusohoka.

Mu turere tumwe na tumwe tw'Igihugu, mbere yo guhagurutsa umugeni, ise yabanzaga kumutera icyuhagiye yaba adafite se akabikorera na se wabo. Iyo yabaga agisohoka mu nzu agiye gushyiringirwa, yageraga ku marembo bakamusaba kuvuna agati k'inkingi y'amarembo y'iburyo n'iy'ubumoso agira ati: "Nsenye urw'iwacu, ngiye kubaka urw'ahandi". Utwo duti yaduherezaga ababyeyi be. Ibyo byamusuriraga kuzubaka urugo rugakomera. Nyuma y'ibyo, baramuherezaga bagera hafi y'aho agiye gushyiringirwa bakabona kumushyira mu kirago [Ndekezi S., 1984, p. 39].

Mu Rwanda hose, umukobwa yavaga iwabo bakamujyana aho azashyiringirwa, uretse mu Gisaka aho umusore ushyiringirwa yajyanaga na se, bashiki be n'abandi bantu bake batoranyijwe iwabo w'umukobwa bitwaje inzoga (*ikizeneko*) n'umwambaro w'umugeni maze bakamutwara iwabo [p. 40].

Umukobwa uvuye iwabo agiye kurongorwa ntiyanyuraga mu nzira yanyuzemo inzoga zaje kumusaba, kuko bavugaga ko atazubaka ngo urugo rukomere. Cyaraziraga kandi ko umugeni akandagira mu mazi, baramuteruraga. Iyo yabaga ayakandagiyemo, mu kinyarwanda bavugaga ko aba umugore w'umusambanyi. Ni kimwe n'iyoyarengaga umugendo w'intozi.

Abakwe iyo babaga bageze hafi y'aho bajyanye umugeni, bamushyiraga mu kirago maze abakobwa bareshya na we bakagiterura. Boherezaga umuntu kujya kwa sebukwe gutata aho imyiteguro igeze no kuvunyisha. Akenshi uwo

muntu batumaga yabaga ari umuranga akagarukana n’umusangwa akabaha ikaze.

B. Amajyambere cyangwa ibirongoranwa

Amajyambere cyangwa **ibirongoranwa** ni ibintu umugeni ajyana avuye iwabo aya gushyingirwa. Buri muryango wateganyaga ibishyingiranwa bijyanye n’ubushobozi ndetse n’ubutunzi bwawo.

Muri rusange umugeni yajyanaga **ibikoresho** bizamufasha mu gukora isuku ye ku mubiri mu gihe azaba ataramenyera urugo rushya no gutegura amafunguro y’ibanze ya kinyarwanda. Yajyanaga ibi bikurikira:

- Igisabo cyo gucunda cyagendaga imbere kigaterurwa n’umwana w’umukobwa w’isugi (umwana ufite ababyeyi bombi);
- Urusyo n’ingasire;
- Ubutega azambara: amagana cyangwa ibihumbi hakurikijwe umutungo w’iwabo;
- Uruhu rushya rwo kwambara aho barufite;
- Ibiseke birimo ubwoko butandukanye bw’amavuta yo kwisiga ndetse n’ayo guteka;
- Icwende;
- Inkono nshya;
- Ikgigara: urutete rwo kwosa inkanda;
- Imibavu yo kosa inkanda;
- Ibiremo byo kwihanaguza;
- Inkanda z’imikane zo kuryamamo no kwiyorosa;
- Ikirago cyo kwiyorosa n’akayanza (icyatsi cyakoreshwaga mu isuku);
- Intamyi n’uruhindu byo kuzamufasha kuboha nyabitabo mu gihe cyo gutinya.

Bitewe n’akarere, hari abageni bajyanaga inyegamo ndetse n’ibirago byo gukinga ku rutara. Hari abajyanaga inkuri yagendagamo inzoga yitwaga “*gasabanyamiryango*”. Yabaga ari inzoga iryoshye y’inturire cyangwa inkangaza, umugeni yasangiraga gusa n’umugabo we, sebukwe, nyirabukwe na barumuna cyangwa bakuru b’umugabo [Ndekezi S., 1984, p. 38].

Mu miryango ikomeye y'abatunzi, hari ubwo mu birongoranwa umukobwa yajyanaga inka, abagaragu ndetse n'abaja. Ibirongoranwa hose mu Rwanda, byagendaga mu duseke maze bakadushyira mu bigagara (igitete kinini kiboshye mu migano cyangwa mu duti duto ababumbyi bakunda gutwaramo inkono) hamwe n'utundi ducogocogo umugeni yumvaga ari ngombwa ko atwara.

C. Kwakira umugeni

Mu turere dutandukanye tw'Igihugu, bagiraga uburyo bunyuranye bwo kwakira umugeni. Mu nduga, iyo umugeni yabaga ageze mu bikingi by'amaremba yakirwaga na sebukwe na nyirabukwe. Hagati mu irembo bahatabaga ingasire y'ikinanira, maze umugeni akayihagararaho n'amaguru yombi, sebukwe akamutera icyuhagiho naho nyirabukwe akamukoza umwuko ku ruhanga, mu gatuza no ku ntugu zombi nuko umugeni akinjira mu nzu [Ndekezi S., 1984, p. 41].

Icyuhagiho cyabaga kigizwe n'ibintu byinshi: ikibonobono, umukunde, umwishywa, umucyuro, umugobora, umuvumu, umurinzi, umuseke, umusave, amazi n'ingwa. Icyuhagiho bagikubita mu gatuza no mu gihumbi.

Mu Burasirazuba bw'Igihugu nko mu Gisaka no mu Bugesera, umugeni yageraga mu nzu, agasanga sebukwe na nyirabukwe bicaye maze umukobwa akicara ku bibero bya sebukwe akahava bamuhaye impano. Hari aho umugeni yicaraga ku bibero bya sebukwe akabivaho ajya no ku bya nyirabukwe na ho akahava ahakuye indi mpano. Mu batunzi bamuhaga inka, ikitwa "*Inka y'ibibero*" [Bushayija S., 1966, p. 81].

Umugeni yinjizwaga na Sebukwe, maze akajya mu mbere hamwe n'abandi bakobwa. Abakwe bicazwaga ku ruhande rwabo n'abasangwa na bo bakicara ku rundi ruhande, maze bakabakira bagatarama. Igitaramo kigeze hagati, se w'umuhungu yaramuhamagaraga akajya kurongora [Ndekezi S., 1984, p. 45].

D. Kurongora

Iyo igihe cyo kurongora cyabaga kigeze, se w'umuhungu yahamagaraga umuhungu we ngo naze arongore, akamufata ukuboko, bagasanga umugeni mu mbere, umushyingira n'abandi bakobwa. Umushyingira yahezaga abakobwa bahereje umugeni agasigarana na we wenyine.

Mushiki w'umusore ni we wabaga amutwaje umwishywa n'imbazi, bagera imbere y'umugeni, akawumuhereza, akawambika umugeni mu mutwe. Hanyuma mushiki we akongera akamuhereza inkongoro irimo amata bakamuriyemo imbazi, akayajundika maze akayamucira mu maso avuga aya magambo: *“Ndakurongoye ndi mwene kanaka”*; mushiki we n'umushyingira bagahita batera impundu [Erny P., 2005, p. 223].

Mushiki w'umusore yarongeraga akakira imbazi akayigumana, agasuka nke mu gacuma karimo inzoga umugore ari buze kunywa mu gitaramo. Umushyingira yamburaga umukobwa umwishywa maze akawizirikaho. Ibyo birangiye umusore yabaga abaye umugabo, agasohoka yivuga, bakamuha intebe akicara n'inzoga akanywa. Umugeni aho yicaye mu mbere, yarariraga, abakobwa bakamuririmbira ibihozo [Nzajyibwami E., 2015, p. 29].

Nk'uko twabivuze haruguru, mu duce tutabagamo umwishywa mu kurongora bakoreshaga urukangaga, ariko umusore n'inkumi bakihutira kubonana rutararaba kuko ngo iyo rwarabaga bataramenyana, umukobwa yashoboraga kuba ingumba.

I.5.3. IMIHANGO YAKORWAGA NYUMA YO KURONGORA

Mu Rwanda, umukobwa wabaga yakorewe umuhango wo kwambikwa umwishywa n’uwo kumuciraho imbazi yumvaga ko yarongowe, umusore wabimukoreye amufiteho uruhare kandi ko n’ababyeyi be badashobora kumumwima.

Umugeni n’iyo yabaga yateruwe cyangwa yibwe, iyo bamwambikaga umwishywa cyangwa urukangaga, bakamucira imbazi mu maso yumvaga ko yarongowe byarangiye. Yashoboraga kuhava ariko iyo yashimaga urugo, yarahagumaga umugabo we akazajya gukwa nyuma.

A. Kwakira umwishywa

Ababyeyi b’umusore bakiraga umwishywa umuhungu wabo amaze kurongora (kwambika umwishywa umugeni no kumucira imbazi). Barihereraga bakabonana (kwakira umwishywa) maze bakagaruka mu bandi inkera igakomeza.

Bukeye abakwe barabyukururizwaga, bakavuga imisango yo gusoza. Bavugaga ubutumwa bw’ababyeyi b’umukobwa, bashingana umwana wabo bagira bati: *“Muzadufatire neza umwana wacu; ananiranye muzamuhishire, mumutwoherereze neza. Umwana wacu ni muzirankoni si muziramurimo n’ibindi”*. Barangiza bakabasezerera bagataha [Ndekezi S.,1984, p. 65]..

Ababyeyi b’umugeni bakiraga umwishywa ari uko abaherekeje umugeni bageze mu rugo. Imbazi yabaga yagabanyijwemo kabiri, igice kimwe kigasigara iwabo w’umuhungu ikindi bakakijyana iwabo w’umukobwa. Umwishywa bawujyanaga wose, umushyiringira akawushyikiriza ababyeyi b’umugeni hamwe n’inzoga y’umwishywa. Iyo nzoga yabaga irimo imbazi. Ababyeyi b’umugeni iyo bamaraga gusoma ku nzoga y’umwishywa na bo bajyaga kwihereza maze bakakira umwishywa [p. 66]. Ibyo birangiye, umukwe mukuru yavugaga, uko basohoje umugeni, uko bakiriwe, uko bazimaniwe

n'uko baherekejwe. Hanyuma se w'umukobwa akabashima akanabazimanira.

Akenshi abageni bakiraga umwishywa ku munsu ukurikira uwo bashyingiriweho. Impamvu ni uko bagombaga gutegereza ko ababyeyi b'umukobwa babanza kwakira umwishywa noneho na bo bakabona kuwakira. Mbere y'uko abageni bakira umwishywa habanzaga umuhango wo guca hagati.

B. Guca hagati

Mu baherekezaga umugeni agiye gushyingirwa, hategurwaga umwe muri basaza be umuherekeza kugira ngo azace hagati. Mu ijoro ryo kwakira umwishywa ku bageni, bavaga iwabo w'umusore bakajya mu nzu yabo bagaherekezwa na musaza w'umugeni. Mbere y'uko umusore n'umugeni babonana, musaza we yirambikaga hagati yabo, maze umusore yamusaba kubabisa undi akanga. Yahavaga ari uko umusore agize icyo amugabira nk'inka, isuka, ibitare cyangwa ikindi kintu [Nzajyibwami E., 2015, 33].

Guca hagati wari umugenzo wakorwaga mu Rwanda hose; bikaba byari nko gutanga umugabo ko umugeni umuryango wabahekeye ari bwo bwa mbere agiye kubonana n'umugabo. Ibi byerekanaga ko umugeni wasabwe, agakobwa ari we umuryango wabahekeye kandi ko byahamijwe na musaza we waciye hagati agahabwa impano y'ikintu runaka.

C. Gukirana.

Gukirana ni umugenzo wakorwaga mbere y'uko abageni babonana. Umushyingira yabaga yitwaje amavuta mu giseke maze agasiga umukobwa amavuta menshi ari byo bitaga gutotobeka kugira ngo umugabo we namufata intoki ze zinyerere.

Mu muco nyarwanda cyaraziraga ko umukobwa ahita yemera kubonana n'umugabo kuko bari gukeka ko asanzwe yiyandarika. Babanzaga gukirana, umukobwa akanga ko babonana, ariko akurikije impanuro za nyirasenge akaza kwemera [Maquet J.J., 1945, 90].

Nk'uko twabivuze haruguru, abageni bakiraga umwishywa nyuma y'ababyeyi babo, akenshi byabaga nyuma y'umunsi umwe wo kurongora kuko batangaga umwanya wo kugeza umwishywa iwabo w'umukobwa. Ku bantu babaga bashyingiwe kure aho byafataga iminsi irenze umwe umwishywa utaragerayo, abageni babariranyaga igihe gikoreshwa kugira ngo umuntu abe ageze iwabo w'umukobwa maze mu ijoro bakeka ko bagezeyo bagakora umuhango wo gukirana no kwakira umwishywa.

Hari ibice bimwe by'Igihugu nko mu Bugesera, aho byari ishema ku mukobwa ko ananira umusore, akazamwemerera ko babonana ari uko abanje kugira icyo amugabira nk'itungo cyangwa umurima. Icyo kintu yahabwaga kuko yananiye umugabo cyabaga ari ike bwite n'iyo yasendwaga yarakijyanaga [Coupez et Kamanzi, 1962, 47].

Bugicya, iwabo w'umukobwa bashakaga inzoga n'ipfukire bakabijyana iwabo w'umukwe. Bajyanaga inzoga maze bakajya kurisha umugeni kuko yabaga anywa amata gusa cyangwa arya duke cyane kuko kugira umutima n'isoni byamubuzaga kugira icyo arya. Ab'iwabo ni bo bazaga kumumara isoni, bakamusangiza n'umugabo we [Erny P., 2005, p. 236].

I.6. GUTWIKURURA

Gutwikurura mu muco w'u Rwanda, ni imihango ikorwa hagamijwe gusohora umugeni no kumuha uburenganzira bwo kugira imirimo akora. Mu Rwanda, umugeni wese yaratinyaga, akihisha ntagire umurimo n'umwe akora atarahabwa uburenganzira.

Mu gihe cyo gutinya, yabohaga nyabitabo. Nyabitabo kari agaseke k'ibara rimwe umugeni yaturaga nyirabukwe amushimira ko yamubyariye umugabo mwiza. Umugeni yavaga iwabo yitwaje ibikoresho, akihisha mu nzu yo mu gikari cyangwa mu kirambi kwa sebukwe akaboha agaseke k'igikongote. Ni ukuvuga agaseke katagira ibara kubera ko na we aba aje nta bara afite (nta busembwa) [Nzajyibwami E., 2015, p.34].

Igihe cyo gutwikurura kigeze, iwabo w'umukobwa bashakaga amafu n'amata menshi ariko iteka umubare ntiwagombaga kuba igiharwe. Bashakaga kandi inzoga z'amarwa n'inzagwa. Bamara kubibona bagatuma ku mukwe ngo yitegure. Abakobwa b'amasugi ni bo bikoreraga ayo mafu. Mu gutwikurura hagendaga umukwe mukuru, umushyingira, musaza w'umugeni n'ishuti n'abavandimwe bitewe n'uko ibyo bajyanye bingana.

Mbere yo guhaguruka mu rugo, umugore ubonetse wese yafataga ingasire n'umwuko akabitega mu bikingi by'amarembo, ingasire hasi, umwuko hejuru. Abikoreye ibitwikurura bagendaga babitambuka buri wese akozaho ino ry'ikirenge. Byari ukwanga ko baza gusitara bakamena ibyo bikoreye.

Bagisohoka iwabo w'umukobwa, bamenaga agafu gake ku ifu bitaga "*Nyabwarure*" kugira ngo bagereyo amahoro batongeye kumena kuko byasuraga gupfusha umwana w'imfura. Iyo ibintu byageraga iyo bijya, bashiki b'umuhungu barazaga bagafata kimwe mu bibindi by'inzoga bakakijyana ngo ni ingurane y'impundu batanze musaza wabo yarongoye [Ndekezi S., 1984, p. 96].

Umuhango wo gutwikurura wabaga ugizwe n'ibice bine (4) by'ingenzi:

- Gukura abageni mu nyegamo;
- Kogosha amasunzu;
- Guha abana amata (wakorwaga gusa n'abatunzi);
- Kwerekana imitwa.

I.6.1. GUKURA UMUGENI MU NYEGAMO

Mbere y'umuhango nyirizina wo gutwikurura, babanzaga guteguzwa umugeni maze akitwikira inyegamo. Uyoboye umuhango, akenshi yabaga ari umushyingira, akaza akorosora umugeni. Inyegamo yabaga ari ikirago cy'ubusuna cyangwa cy'urukangaga kiboshye neza. icyo kirago abaje gutwikurura bagisubiranagayo bakagishyikiriza ababyeyi b'umukobwa [Najyibwami E., 2015, p. 35].

I.6.2. KOGOSHA AMASUNZU

Umushyingira yazaga gutwikurura yitwaje icyuma cyo kogosha, urukebano (uruho) n'agaseke ko kuza gutwaramo imisatsi y'umugeni. Uwo muhango wakorwaga ku buryo butandukanye mu Gihugu ariko ahenshi byakorwaga na musaza w'umukobwa, yaba atazi kogosha agakuraho agasatsi gake ubundi umushyingira cyangwa umugabo we akamwogosha akamurangiza.

Hari uduce tumwe na tumwe tw'igihugu sebukwe yabanzaga agakuraho agasatsi gake agaha umuhungu we na we agakuraho agasatsi gake noneho bagaha musaza we cyangwa umushyingira akamwogosha akamurangiza.

Umusatsi washyirwaga mu rukebano maze bakarushyira mu gaseke, kakazashyikirizwa nyina w'umukobwa hamwe n'uruho yabaga yambaye rusimbuwe n'inkanda akabibika.

Iyo iwabo w'umukobwa babonaga batazatwikurura vuba, boherezaga umushyingira kumwogosha amasunzu kugira ngo abone uburenganzira bwo gukora no kujya ahagaragara ndetse no kwanga ko yasama inda agifite amasunzu [p. 36].

I.6.3. UMUHANGO W'AMATA

Bendaga amata bakayashyira mu nkongoro eshanu (5) maze umugabo warongoye agafata imwe, umugeni indi, umukwe mukuru, umushyingira na musaza w'umugeni maze amata bakayabuganiriza mu gisabo kimwe bakayapfundikiriramo bose hamwe uko ari batanu.

Batangiraga gucunda bose hamwe bavuga bati: “*Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu, karindwi, umunani, ikenda ... kenda inka n'abana*”, maze bakarekura igisabo umugeni agacunda wenyine. Iyo yaruhaga, umwe muri babandi uko ari batanu yaramwakiraga kugeza amata avuze. Iyo amata yavuraga, umugabo, umugeni na musaza we uko ari batatu bafataga indoshyo maze bakamvura amavuta. Igihe bamvuraga na bwo bagiraga bati: “*Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu, karindwi, umunani, ikenda ... kenda inka n'abana*” [Ndekezi S., 1984, p. 96].

Umushyingira yabaga yateguye amata mu nkongoro ebyiri z'isugi n'abana babiri b'ibitsina byombi bakabicaza ku gasambi imbere y'abageni. Umushyingira yaherezaga inkongoro umugabo, agahereza indi umugore. Umugabo yarabanzaga agasoma agasomya umugore we, n'umugore agasoma akanasomya umugabo we. Hanyuma buri wese yasomyaga buri mwana maze bakaza kurekera za nkongoro abana bakinyweshya kugeza bamazemo amata.

Hari uduce tw'igihugu umugabo yaherezaga amata umwana w'umukobwa gusa naho umugore agahereza umwana w'umuhungu, gusa igisobanuro cy'uwo muhango cyari kimwe mu Rwanda hose: kwifuriza abageni kuzabyara kobwa na hungu no kuzagira ibyo babaha.

I.6.4.KWEREKANA IMITWA

Umuhango w'amata uhumuje, umukwe mukuru yajyanaga abageni mu nzu yo mu gikari aho babaga bashyize ibintu (imitwa) bazanye gutwikuruza maze akabibereka.

Imitwa yabaga igizwe n'ibintu byinshi ariko byabaga byiganjemo ibiribwa byagombaga gufasha urugo rushya kubaho mu gihe bazaba bataratangira guhinga ngo beze. Muri byo twavugaga: ibiribwa by'amoko yose nk'amafu y'amamera atwawe mu biseke. Bajyanaga kandi agaseke kitwa "Nyabunure" karimo ifu y'amakoma izifashishwa mu muhango wo gutekesha. Bajyanaga inzoga n'amata, inkanda yo kwambara n'ibindi bikoresho by'isuku [Nzajyibwami E., 2015, p. 39].

I.7. GUTEKESHA

Gutekesha cyangwa **gukoza ku mashyiga** wari umuhango wakorwaga n’ababyeyi b’umuhungu hagamijwe guha uburenganzira umugeni bwo kuba yakwisanzura agakora imirimo yose ikenura urugo rwe.

Nyirabukwe w’umugeni yateraga urusyo rwaje mu birongoranwa, baba batararuzanye akarwizanira, yamara kurushyigikira akabwira umukazana n’umuhungu we bagatangira gusya. Umugabo yatangiranaga n’umugore we gusya ariko bagera hagati akamureka agakomeza wenyine. Agafu baseye bakavangaga n’ifu y’amakoma yabaga iri mu gaseke ka Nyabunure akaba ari yo bakoresha mu kuvuga umutsima [Nzajyibwami E., 2015, p.40].

Bateraga amashyiga mashya, maze bakarika amazi yo kuvuga umutsima. Amazi yamara guserura, bakenda ya fu bakawuvuga. Mu turere dutandukanye tw’Igihugu byakorwaga mu buryo bunyuranye. Nko mu magepfo, mu Nduga no mu Busanza, bavugaga umutsima ari batatu harimo umugeni, musaza we n’umugabo we. Amazi yo kuvugisha umutsima yavomwaga n’umutinyisha mu kabindi k’isugi.

Mu Rukiga na ho barikaga ari batatu ariko mu mwanya wa musaza w’umugeni hajyagamo nyirabukwe. Ahasigaye hose mu Gihugu barikaga ari babiri umugabo n’umugore ariko bagera hagati umugore agakomeza wenyine kugeza umutsima uhiye akawugabura.

Ku munsu wo gutekesha, umuryango w’umuhungu wagiraga icyo ugabira urugo rushya kizarufasha mu buzima rutangiye. Umuryango w’abatunzi wagabiraga urugo rushya inka, abagaragu n’abaja naho umuryango w’abahinzi warwerekaga imirima yo guhinga.

Ahenshi, umuhango wo gukoza ku mashyiga ntiwatumirwagamo abantu benshi; wakorwaga n’ababyeyi b’umusore hakiyongeraho ababaga bari mu rugo rushya muri icyo gihe.

I.8. GUCA MU IREMBO NO KURAMUKANYA

Hashize iminsi mike bashyingiwe, abageni bajyaga iwabo w’umukobwa gukura ubwatsi. Bajyanaga inzoga, bari kumwe na se w’umuhungu, umuranga cyangwa se undi muntu mukuru ushobora kubavugira amagambo.

Abageni bageze iwabo w’umukobwa barakirwaga bakazimanirwa maze ubavugira akaka ijambo. Yatangiraga ashima ababyeyi b’umukobwa ko umuryango wabo waje kubasaba umugeni bakamubaha, bakabakwera, bakabasaba kubahekera bakabikora, none bakaba baje kubereka ko umukobwa wabo urugo rwamuguye neza. Se w’umukobwa yaramusubizaga hanyuma akakira abana akabazimanira. Abakoye isuka babazimaniraga imwe mu masuka bakoye ariko noneho ikwikiye naho abakoye inka babahaga inka cyangwa ikindi kintu gifite agaciro. Abageni bararaga aho mugitondo bagasezera, bakabaherekeza [Nzajyibwami E., 2015, 42].

Iyo umuhango wo guca mu irembo utarakorwa, umukobwa ntiyabaga ashobora kujya gusura iwabo kumugaragararo yajyagayo rwihihwa kandi agaca mu cyanzu.

Hari aho umuhango wo guca mu irembo bawitaga “*kwanura*”. Iyo umukobwa yageraga iwabo bwa mbere nyuma yo kurongorwa, yasangaga bashyize urutaro hanze ruriho uburo, inzuzi n’amasaka. Yarabifataga akabishyira mu nkuri, akabijyana iwe atashye, hanyuma agasya uburo n’amasaka akavuga umutsima mu nkono y’isugi, yarangiza we n’umugabo we bakawufungura [Gasimba F.S., 2013, p.99].

Gusura abageni cyangwa kuramukanya ni umuhango wakorwaga nyuma yo guca mu irembo. icyo gihe ababyeyi b’umukobwa bariteguraga bakajya gusura urugo rw’abana. Bajyanaga ibintu by’amoko yose birimo ibinyobwa ndetse n’ibiribwa. Ubwinshi bw’ibyo bajyanaga bwaterwaga n’ubushobozi bw’umuryango [Nzajyibwami E., 2015, 42].

UMWANZURO

Umuco w'Abanyarwanda cyanecyane mu bijyanye n'imihango y'ubukwe, wari ufite byinshi byiza: gushishoza mu guhitamo umuryango muzashyingirana, gusabanya imiryango, kunguka amaboko, kurema urugo rukomeye n'ibindi.

Abanyarwanda bahaga agaciro gakomeye ubukwe kuko ari bwo bwatumaga habaho kubaka urugo, bityo umuryango n'Igihugu bikaguka. Ibyo byasabaga ubushishozi no guhitamo neza uzaremya urugo. Umuryango wagiraga uruhare mu mitegurire inoze y'ubukwe, ukubakira abana urugo rukomeye.

Imihango y'ubukwe yagendaga ihinduka ukurikije uturere, ariko ik'ingenzi muri yo nticyahindukaga. Imihango yose yakorwaga yabaga igamije gufasha imiryango kumenyana, gusabana no gutuma abayigize bumva ari umuryango umwe koko nubwo babaga bahujwe n'abana babo.

Nanone intambwe z'ubukwe mu Rwanda hose ntizahindukaga ahubwo icyahindukaga ni uburyo zagendaga zikorwa n'ibyo bazikoreshagamo. Ubukwe bwabanzirizwaga no kurambagiza hagakurikiraho gusaba no gufata irembo, hakaza gusaba no gukwa, gutebutsa, nyuma bakazabahekera. Umugeni ageze iwabo w'umuhungu, habagaho umuhango wo kurongora, bagatwikurura nyuma abageni bakazajya guca mu irembo n'ababyeyi bakaza gusura abana. Iyo mihango bayifataga nk'ihame kandi ntiyahindukaga.

Umutwe ukurikira uribanda ku buryo ubukwe busigaye bukorwa muri iki gihe, imyumvire kuri bwo yahindutse n'ibibazo byatewe na yo haba ku mihango y'ubukwe muri rusange, ku bageni ubwabo ndetse no ku muryango nyarwanda.



UBUKWE BW'ABANYARWANDA MURI IKI GIHE

II. UBUKWE BW'ABANYARWANDA MURI IKI GIHE

INTANGIRIRO

Abanyarwanda bakunda kandi bakomeye ku muco wabo. Bigaragarira mu mihango ndangamuco itandukanye nk'ubukwe aho usanga mu duce twose tw'Igihugu baharanira kugumana umwimerere wabwo nubwo hari ibibazo bimwe na bimwe usanga mu myiteguro n'imihango yabwo.

Uyu mutwe uribanda ku gusesengura imyumvire y'Abanyarwanda ku bukwe muri iki gihe, hagamijwe kumenya isoko y'ibibazo by'ingenzi bibugaragaramo no gutanga imirongo migari yagenderwaho mu gutegura ubukwe buboneye no gushinga urugo ruhamye. Ibyinshi muri ibyo bibazo usanga bishingiye ku bikorwa kuva mu myiteguro ya mbere y'ubukwe, mu gihe cy'ubukwe na nyuma y'ubukwe. Ikindi kandi bigaragarira ku igabanuka ry'uruhare rw'ababyeyi n'umuryango mu bukwe.

II.1. IMYITEGURO YO GUSHINGA URUGO MURI IKI GIHE

II.1.1. Imyiteguro y'umusore n'inkumi bitegura gushinga urugo

Gushinga urugo cyangwa gushyingirwa ni imwe mu ntambwe zikomeye mu buzima bw'umuntu. Ni igikorwa gisaba imyiteguro yihariye kandi igomba kwitonderwa. Imyiteguro yo gushinga urugo ntisaba umunsi umwe gusa ishobora no gutwara amezi ndetse n'imyaka. Imyiteguro isabwa umusore si yo ikenewe ku mukobwa witegura gushyingirwa.

Uretse kuba umusore n'inkumi bagejeje ku myaka y'ubukure kandi bafite ubushake bwo gushinga urugo, hari ibyo basabwa kubanza gukora mbere yo gushinga urugo. Imyiteguro n'ibyo abageni basabwa bitandukana hashingiwe ku mikoro, aho baherereye: mu mugi cyangwa mu cyaro.

Umusore wo mu cyaro asabwa kubaka inzu ye bwite, mu gihe uwo mu mugi asabwa kuba ayifite cyangwa afite ubushobozi bwo kuyikodesha. Bose basabwa kuba bafite inkwano, bashobora gucyuza ubukwe no kuzatunga urugo. Abakobwa bo ibyo basabwa mu mugi no mu cyaro birasa. Akenshi basabwa kuba bafite imyitwarire myiza kandi biteguye kuba abagore beza bita ku mirimo yo mu rugo, baba bafite ubushobozi bagatangira kwizigamira ibizabafasha kubona ibirongoranwa n'indi myiteguro y'ubukwe.

A. Uruhare rw'umuryango

Uruhare rw'umuryango mu bukwe muri iki gihe rwaragabanutse haba mu myiteguro ndetse no mu ruhererekane rw'imihango yabwo. Abakuze ndetse n'urubyiruko bitana bamwana ku igabanuka ry'uruhare rw'umuryango mu bukwe. Abakuze bavuga ko kuba abasore n'inkumi babatunguza ubukwe bituma batabona umwanya uhagije wo kwitegura bityo uruhare rwabo rukaba ruto cyangwa rukabura burundu.

Urubyiruko rugaragaza ko bamwe mu babyeyi batambamira umubano wabo

bashingiye ku myumvire ishingiyeye ku moko, uturere, amadini, umutungo n'ibindi. Ibyo bituma urubwiruko ruhitemo kwitegurira ubukwe rutagendeye ku byo ababyeyi n'umuryango bifuzza.

Ku rundi ruhande, hari urubwiruko rwima ababyeyi n'umuryango umwanya bakwiye mu bukwe kubera ko rwihagije mu bushobozi bigatuma rwumva ko atari ngombwa kwiyambaza ababyeyi. Hari n'urundi rubwiruko rubaheza bitewe n'ipfunwe ry'uko ari abakene cyangwa se bashobora kugaragara nabi mu ruhande.

Ubusanzwe ku Banyarwanda, gutegura no gutumira mu bukwe byakorwaga n'umuryango cyangwa bigakorwa mu izina ryawo, naho kuri ubu umusore n'umukobwa ni bo bitegurira ubukwe ndetse bakanatumira abo bashaka. Byongeye kandi, hari n'ikibazo cy'uko umuryango muri rusange ugenda utakaza agaciro n'umwanya wahoranye mu buzima bw'abawugize, ugasanga abantu barabaye ba nyamwigendaho. Ibyo bigaragara cyane cyane ku bafite ubushobozi mu muryango kuko baba badashaka kugira aho bahurira n'ibibazo by'abakene bo mu muryango bavukamo.

B. Inama zitegura ubukwe

Mu myiteguro y'ubukwe muri iki gihe, umusore n'inkumi bateganya inama zitegura ubukwe buri wese ku ruhande rwe. Ahenshi izi nama usanga zitumirwamo inshuti n'abavandimwe n'abandi bese umusore cyangwa inkumi babona ko bazabatwerera cyangwa bakabashyigikira mu bukwe.

Umusore ateganya umuntu uyobora inama z'ubukwe akaba ari we ugeza ku bazitabiriye urutonde rw'ibikenewe mu bukwe, ingengo y'imari y'ubukwe: ibyo afite n'ibyo akeneye ku bitabiriye izo nama. Izo nama kandi ziga ku bikorwa byose bigamije imigendekere myiza y'ubukwe.

II.1.2. Imyiteguro yo gushinga urugo iboneye

Imyiteguro y'ubukwe kubera ko igorana kandi igasaba n'igihe kinini, usanga bituma urubwiruko rushaka rutinze cyanecyane abasore kubera ko ari bo basabwa byinshi.

Abantu bitegura ubukwe, basabwa cyane gutegurana ubushishozi inama z'ubukwe, kandi umuryango ukazigiramo uruhare rw'ibanze. Muri iki gihe usanga akenshi ziba ziganjemo urubwiruko rudasobanukiwe n'imihango yose y'ubukwe bwa kinyarwanda, rukaziyobora uko rwishakiye. Bene izo nama usanga ahanini ziba zigamije gukura ubushobozi bwo gucyuza ubukwe mu bazitabiriye aho kwiga ku migendekere myiza yabwo. Ibi bitera bamwe mu bazitabira kuziyamo ku gahato, abandi bakazihungira kure kubera ko ibizigirwamo biba bisaba amafaranga kandi bakayabishyuzwa nk'aho ari ideni. Ukutitabira izi nama bigira ingaruka ku mitegurire n'imigendekere myiza y'ubukwe kuko hari ibitekerezo biba bitazitangiye.

Ni ngombwa rero ko abasore n'inkumi bajya babanza bategura neza ibijyanye n'ubukwe bwabo, bagakora kandi ubujyanye n'ubushobozi bafite. Ikindi, ntibakwiye guheza umuryango mu nama zo kubutegura, ahubwo bakwiye kureka ukagira uruhare rw'ibanze mu myiteguro yabwo yose.

II.2. IMIHANGO Y'UBUKWE BWA KINYARWANDA MURI IKI GIHE

INTANGIRIRO

Ubukwe ni umwe mu mihango yubashywe n'Abanyarwanda kuva kera kugeza ubu. Kubaka urugo ni ishema ry'imiryango na ba nyiri ubwite basangiye umugambi wo gushinga urwabo. Guharanira ishema no gushaka kugaragara neza mu bandi bituma abantu benshi birarira bagakora ibirori ndetse n'ibindi bijyanye n'ubukwe mu rugero rubasumbye bo n'imiryango bakomokamo. Ibyo bikaba intandaro zo kubaka ingo zisenyuka zitarakomera maze bikagira ingaruka ku miryango no ku Gihugu muri rusange.

Ibika bikurikira biribanda ku mihango y'ubukwe muri iki gihe, uburyo ikorwamo, ibibazo biyigaragaramo ndetse n'ibyifuzo by'Abanyarwanda mu kubikemura.

II.2.1. KURAMBAGIZA

A. Kurambagiza muri iki gihe

Kurambagiza nk'ukotwabibonye haruguru, ni ukureba uburanga bw'umukobwa cyangwa umuhungu, ubwiza, imico n'imyifatire ye. Mu kurambagiza habaho kumenya no kugenzura imyitwarire, imibereho, imikorere, isuku ndetse n'umuryango umuhungu cyangwa umukobwa akomokamo kugira ngo umenye niba yarahawe uburere.

Ubusanzwe mu muco w'Abanyarwanda habagaho umuranga wafashaga imiryango y'abateganya gushyingiranwa kumenyana no gutunganya neza imihango ijyanye no kurambagizanya kwayo.

Muri iki gihe abashaka gushinga urugo bahurira ahantu hatandukanye nko mu mashuri, ku kazi, mu bitaramo, kuri murandasi, kuri terefone, mu modoka zitwara abagenzi n'ahandi hahurira abantu benshi. Umusore n'umukobwa bahuye muri ubwo buryo akenshi bahita bategura kubana bataziranye neza. Umuhungu n'umukobwa ni bo barambagizanya, bagashimana hanyuma bakabimenyesha ababyeyi n'imiryango.

Imyumvire y'Abanyarwanda ku kurambagiza muri iki gihe igaragarira ku bigenderwaho mu guhitamo uwo muzabana cyangwa ibyo ababyeyi bumva umukwe cyangwa umukazana wabo yagombye kuba yujuje.

Imbonerahamwe 1: Guhitamo uwo muzabana

Itsinda 1: Urubyiruko (Hagati y'imyaka 18-35).	
Ugendera kuki mu guhitamo umusore/umugeni muzabana?	
<i>Ibyo ugenderaho mu guhitamo umusore (ibisubizobyanzwe n'abakobwa)</i>	<i>Ibyo ugenderaho mu guhitamo umugeni. (ibisubizo byatanzwe n'abasore)</i>
Akazi akora; Amashuri yize; Amafaranga atunze; Inzu; Ubutunzi; Umuryango akomokamo Imodoka/ipikipiki/igare atunze Inshuti ze ;	Uburere yahawe ; Kwitonda Gushyira mu gaciro Akazi akora; Amashuri yize ; Amafaranga atunze ; Umuryango akomokamo; Uburanga; Ikimero
Grp 2: Abakuze (Hejuru y'imyaka 50)	
Ugendera kuki mu guhitamo umukazana/ umukwe?	
<i>Ibyo ugenderaho mu guhitamo umukwe</i>	<i>Ibyo ugenderaho mu guhitamo umukazana</i>
Umuryango akomokamo; Uburere yahawe; Umusore wubaha; Kwiyoroshya; Ikinyabupfura; Akazi akora; Amashuri yize; Amafaranga atunze; Umusore ufite gahunda Umusore udasesagura Gukunda umurimo Inshuti ze.	Umuryango akomokamo. Uburere yahawe ; Uburanga; Kwitonda Gushyira mu gaciro Amashuri yize ; Akazi akora; Kugira isuku

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, imyumvire y'urubyiruko n'iy'abakuze ku bigenderwaho mu guhitamo uwo ruzabana na we iratandukanye. Urubyiruko rwibanda cyane ku bukungu n'ubutunzi bw'uwo ruzabana na we mu gihe ababyeyi bibanda ku muryango we, imico n'imyifatire.

Abasore mu guhitamo umugeni bazabana nubwo bagaruka ku buranga n'ikimero by'umukobwa, ntibirengagiza uburere umukobwa yahawe, imico n'imyifatire ye, kugira isuku n'ibindi biranga umwari w'Umunyarwandakazi. Ikindi kigaragara ni uko abasore bamwe na bo basigaye bibanda ku butunzi bw'umukobwa bazabana: Akazi akora, amashuri yize n'urwego rw'umuryango akomokamo mu bijyanye n'ubukungu.

Inkumi zo mu guhitamo umusore bazabana zibanda cyane ku butunzi bugaragara umusore afite, bitabujije ko zinareba imyifatire ye n'uburyo avugwa mu muryango we n'aho atuye. Abenshi bagaruka cyane ku butunzi afite bukubiyemo inzu, amafaranga, imodoka agendamo, amashuri yize, bakanita ku rwego rw'umuryango.

Abakuze basanga umusore cyangwa inkumi bakwiye kugendera ku mico n'imyifatire mu guhitamo uwo bazabana; bakareba umuryango avukamo, uburere yahawe, ikinyabupfura agira, inshuti ze n'abo bagendana. Basobanura ko umusore cyangwa inkumi ukomoka mu muryango ufite ingeso mbi na we ashobora kuzaba umugabo cyangwa umugore w'umunyangeso mbi. Iyo inshuti z'umusore cyangwa inkumi zifite imico n'imyitwarire bidahwitse uwo musore cyangwa inkumi na we ashobora kurangwa na byo.

B. Inenge zigaragara mu kurambagiza muri iki gihe

Umuhango wo kurambagiza muri iki gihe wataye ireme kandi ntugihabwa agaciro ukwiye. Uwo muhango wagiye uhinduka haba mu bijyanye n'igihe wamaraga, agaciro wahabwaga, abawugiragamo uruhare n'uburyo wafashaga indi mihango y'ubukwe yawukurikiraga.

Bimwe mu bivugwa ko bibangamiye uwo muhango harimo: kuba nta muranga

ukibaho, kuba umusore n'inkumi ari bo bihuza umuryango utabizemo uruhare, kuba umusore n'inkumi badafata umwanya uhagije wo kumenyana no kuba urubwirako rudahabwa uburere buhagije burutegurira gushinga urugo.

Umuranga utagihabwa agaciro:

Mu muco w'Abanyarwanda, nta bukwe bwatahaga butagira umuranga. Umuranga yabaga ari inshuti y'imiryango yombi ishaka guhana abageni cyangwa akaba umuvandimwe w'umuryango umwe ariko aziranye n'abantu bo mu muryango bashakamo amaboko. Umurimo w'ingenzi w'umuranga wari uwo guhuza imiryango yombi kandi akayifasha kumenyana neza mbere yo kunga ubumwe ngo bashyingire abana babo.

Muri iki gihe umuranga nta gaciro agihabwa mu kurambagiza, mu mihango y'ubukwe ndetse no mu ngo zishingwa. Umusore n'inkumi ni bo birambagiriza maze, babifashijwemo n'inshuti zabo, bakagenzura imyifatire y'uwo bashaka kurushingana. Iryo genzura rikorwa mu gusurana bakareba uko babakira, ijisho babareba, imyifatire yabo, isuku ibaranga n'ibindi bituma urugo rugaragara neza. Uretse ibi, hari n'abita ku mitungo, amashuri, idini cyangwa se akarere uwo bifuzza kubana akomokamo.

Umusore n'inkumi igenzura bikorera riba rikeneye undi muntu ubazi, akabafasha kumenyana neza kuko kumenya imico, imyumvire, imyifatire, imyitwarire ndetse no gushyira mu gaciro by'abantu bahura ari uko bahanye gahunda bidahagije. Uwo muntu ni we witwa umuranga mu muco w'Abanyarwanda.

Gusa, abasore n'inkumi basigaye bakemanga abaranga b'iki gihe bitewe n'imyitwarire idahwitse iranga bamwe muri bo aho umusore akundana n'umukobwa yamara kumuhararukwa akamurangira undi, bakagenda bamuherekanya nk'uko bigenda mu mukino w'umupira w'amaguru. Ibyo ni byo mu migi bita "*gutanga pase*". Iyo uwo mukobwa ageze ku musore witeguye gushaka hanyuma agashyingiranwa na we, bubaka urugo bataziranye neza ndetse umubano we na wa muranga ukaba ushobora gukomeza. Ibyo bishobora kuba no ku ruhande rw'umusore aho umugore w'inshuti y'umusore

ashobora kumurangira umugeni ariko agakomeza gucudika na we nyuma y'ubukwe.

Uretse kuba umuranga atizewe, usanga abasore cyangwa inkumi batinze gushaka ari bo baba bamukeneye kuko abafasha kubona abo bashyingiranwa mu buryo bwihuse. Hari n'abandi basimbuje umuranga ahantu hose hahurira abantu benshi nko mu nsengeru, ibitangazamakuru n'ahandi.

Ababyeyi n'umuryango ntibakigira uruhare mu kurambagiza:

Mu muco w'u Rwanda, ababyeyi n'umuryango ni bo barambagirizaga abana babo bageze igihe cyo kubaka, ariko muri iki gihe usanga nta ruhare rugaragara bakigira mu guhitamo umukwe cyangwa umukazana wabo. Usanga hari uburyo bwinshi abasore n'inkumi bahura, bakamenyana, bagakundana bari kure y'imiryango yabo bigatuma uruhare rw'imiryango rukaba ruke cyangwa ntirunaboneke mu irambagiza.

Uretse kuba abasore n'inkumi baba bari kure y'imiryango yabo, hari nubwo banga nkana kubimenyeshya ababyeyi kubera ko bazi ko bashobora kubabangamira bagendeye ku bibazo imiryango ifitanye, ku bibatandukanya nk'amoko, amadini, uturere, inzego z'ubukungu n'ibindi. Ikindi kandi bashobora no kutabibamenyeshya bitewe no kubasuzugura cyangwa kutamenya agaciro k'uruhare bagira muri uwo muhango.

Ubumenyi budahagije bw'urubyiruko mu bijyanye no gushinga urugo:

Mu muco w'u Rwanda, ababyeyi n'umuryango baganirizaga abasore n'inkumi kuva mu bwana ibireba umugabo uhamye n'ibisabwa umugore ubereye urugo. Ku ruhande rumwe, inkumi yabaga yaraganiriye na nyirasenge cyangwa nyina wabo kuva mu bwangavu bakamutoza kumenya no kwita ku mirimo yo mu rugo, bakamutoza uburere bukwiriye umwari uzaba umugore mwiza. Uretse kuganira n'abagize umuryango yanungukiraga uburere n'ubumenyi mu rubohero.

Ku rundi ruhande, umusore yatozwe mu muryango ndetse no mu litorero kumenya kuvuga neza, kwita ku muryango ndetse n'izindi ndangagaciro zamufashaga mu mibanire ye n'abandi. Ibyo byamutozaga kumenya urugo rwe, kururinda no kuruteza imbere.

Muri iki gihe, ababyeyi ntibakibona umwanya uhagije wo kuganira n'abana babo, n'abawufite usanga batinya kubaganiriza ku ngingo zikomeye zirebana no kubaka urugo. Abana na bo ntibakira ibitekerezo by'abayeyi kubera ko bumva babarusha ubumenyi bakuye mu mashuri no mu bundi buryo bw'itumanaho rigezweho. Hari nanone abasore n'inkumi batagira ababagira inama mu bijyanye no kwitegura gushinga urugo kubera ubupfubyi bwatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994 hamwe n'ibindi bibazo bitandukanye bituma abana badakurira mu muryango.

C. Uko kurambagiza bikwiye gukorwa

Nyuma yo kubona inenge zigaragara mu kurambagiza zavuzwe haruguru, birakwiye ko umusore n'inkumi bagira igihe gihagije cyo kumenyana, bakamenyesha ababyeyi iby'umubano wabo hakiri kare.

– Igihe gihagije cyo kumenyana ku musore n'inkumi:

Mu mpamvu zagaragajwe zituma ingo zishingwa muri iki gihe zitaramba, harimo kuba umusore n'inkumi badafata igihe gihagije cyo kumenyana, ngo umwe agenzure imico, imyitwarire n'imyifatire bya mugenzi we ahubwo bagahita bihutira gukora ubukwe.

Mu kurambagiza, umusore cyangwa inkumi akwiye kumenya amateka y'uwo bagiye kubana kuko bishobora kugira ingaruka ku buzima bw'urugo rwabo. Ni ngombwa kumenya uko umuntu yabayeho, inshuti ze za kera, amateka y'umuryango we n'ibindi byazagira ingaruka cyangwa akamaro mu mibanire yabo. Muri icyo gihe kandi, bakwiye kubwizanya ukuri batirengagije ibibabangamira.

- **Kumenyesha umuryango hakiri kare iby’umubano w’umusore n’inkumi:**

Kujya inama n’ababyeyi ni ingenzi ku bitegura kurushinga. Birakwiye ko umusore cyangwa inkumi begera ababyeyi babo bakabagezaho umushinga bafite wo kubaka urugo, bakabereka uwo bakundanye kugira ngo inama z’ababyeyi zibunganire mu rugendo batangiye. Ababyeyi babafasha kumenya niba nta sano ya hafi bafitanye, kubagira inama no kubigisha ibijyanye n’imihango n’imiziririzo y’ubukwe.

- **Kwigisha abana ibijyanye no gushinga umuryango mu mashuri, mu ltorero, mu mugoroba w’ababyeyi mu midugudu:**

Nk’uko mu Rwanda uburere n’uburezi byafashaga abasore n’inkumi kumenya byinshi ku bijyanye n’ubukwe n’imyiteguro yabwo, no muri iki gihe abana bakwiye gutegurwa kuva bakiri bato, bigishwa ibijyanye n’imibanire y’abantu, amahame mbonezarugo, n’ibirebana n’imyiteguro yo gushinga urugo ruhamye. Ubu burere bugomba gutangwa mu miryango, mu mashuri y’ingeri zose no mu mudugudu binyuze muri gahunda zitandukanye nk’Umugoroba w’Ababyeyi n’Itorero.

II.2.2. GUSABA NO GUFATA IREMBO

A. Gusaba no gufata irembo muri iki gihe

Gusaba no gufata irembo muri iki gihe ni wo muhango wa mbere w'ubukwe umuryango usigaye ugiramo uruhare kubera ko akenshi umusore n'umukobwa basigaye barambagizanya umuryango utabimenyeshejwe.

Gusaba no gufata irembo ni umuhango ukurikira kurambagiza, ukabera iwabo w'umukobwa. Umuryango w'umusore ugenda witwaje inzoga, isuka n'igicuba (ijerekani nshya). Isuka y'ifatarembo yitwa *mbogo* ni iyo guhingira ubwatsi bw'inka bazakwa igihe nikigera, naho igicuba kikaba icyo kuzayidahirira.

Iyo umunsi umuryango w'umusore watanze ugeze, umusore ategurira abazajya kumufatira irembo inzoga zikenewe (amakaziye y'imitobe, ay'inzoga n'amacupa atatu y'inzoga zikomeye: imwe yo gutwerera abasangwa mu birori babasanzemo, indi yo kwaka ijambo n'iyi gushima babahaye irembo), isuka n'igicuba (ubu bakoresha ijerekani). Muri uyu muhango, hagenda abantu batarenze batanu bo mu muryango w'umuhungu, umusore we ntagenda asigara mu rugo n'umukobwa nubwo bibera iwabo ntabigararamo.

Iyo abo umusore yahisemo ngo bage kumufatira irembo bageze iwabo w'umukobwa barakirwa, bakazimanirwa maze uhagarariye umuryango w'umukobwa agafata ijambo akababaza ikibagenza. Uhagarariye umuryango w'umusore agatangira avuga ukuntu imiryango yabo isanzwe iziranye kandi ko yashyingiranye kuva kera, ko umusore wabo yabengutse umukobwa wo muri urwo rugo, none bakaba baje gusaba irembo rizanyuzwamo inka igihe nikigera.

Imisango yo gusaba no gufata irembo akenshi irihuta kuko ubusanzwe mu kinyarwanda ntawimana irembo. Iyo umuryango w'umusore wemerewe irembo, hakurikiraho umuhango wo kurifata. Muri iki gihe ahenshi mu Rwanda, mu gufata irembo bakoresha isuka y'ifatarembo n'igicuba (ijerekani nshya). Iyo umuryango w'umukobwa ubyemeye abashyitsi barasezera bakajya kubwira umusore n'abandi basigaranye na we inkuru nziza.

Mu gace k'u Mutara nko mu Turere twa Nyagatare, Kayonza na Gatsibo, mu gufata irembo, ni ho honyine mu Rwanda bagifite umuco wo gutanga inka y'ifatarembo kandi uwo mugenzo ukaba uhuriweho na bose. Mu tundi duce tw'Igihugu, imiryango itunze inka nyinshi ni yo isigaranye uwo mwihariko wo gutanga inka mu muhango wo gufata irembo.

B. Inenge zigaragara mu gusaba no gufata irembo

Umuhango wo gusaba no gufata irembo, muri iki gihe ukorwa mu buryo bwo guhushura bigatuma habaho guhuzagurika mu yindi mihango ikurikiraho. Nko mu migi, kubera uko guhushura, usanga akenshi umukwe n'umusangwa bakuru batabona umwanya wo kumenyana neza, imiryango na yo ntimenyane ndetse hari n'aho usanga mu mihango ikurikiyeho uje gusaba umugeni atazi amazina y'uwo asaba.

Ku ruhande rw'umuhungu hagenda abantu nka batanu (5): umukwe mukuru n'umwunganira, umubyeyi umwe nka nyirasenge cyangwa nyina wabo, umusore uhagarariye mugenzi we n'umukobwa utwaye igiseke cyangwa inkangara. Iyo nkangara irimo inzoga zo gutwerera umuryango basanze, gusaba ijambo no gusaba irembo zigaherekezwa n'amakaziye atarenga abiri. Ku ruhande rw'umukobwa ho batumira abavandimwe ba hafi n'abaturanyi.

Kubera ko imihango yo gusaba no gufata irembo ahenshi ifatwa nk'imihango y'urwiyerurutso, usanga abayitumirwamo akenshi ari abantu bapfuye gufatwa kuko ari bo baba babonetse, ugasanga akenshi n'ibikorwa muri iyo mihango ntabwo bazi neza. Ni henshi mu Gihugu usanga abajya gusaba no gufata irembo ari abasore b'urungano rwe badasobanukiwe iby'uwo muhango. Aho bageraje kujyana n'umuntu ukuze usanga na we bamukodesheje kandi atari uko azi iby'uwo muhango ahubwo ari uwo babonye. Ibyo bigira ingaruka eshatu z'ingenzi ari zo:

- Kutamenyana kw'imiryango igiye guhana abageni (uw'umuhungu n'uw'umukobwa). Kuri ibyo, hiyongeraho ko imisango igenda nabi bitewe n'uko uwo wakodeshejwe aba atazi abagize umuryango usabwa

irembo n’abo mu muryango arisabira;

- Kuvanga imico mu muhango wo gusaba no gufata irembo. Kubera ko umuntu wakodeshejwe aba asanzwe akoreshwa henshi, usanga avanga imihango n’ibikorwa mu karere amenyereye akabizana aho bidakorwa cyangwa bitamenyerewe, bityo umuhango nyirizina ukagenda nabi.
- Kwitiranya imihango. Kubera ko muri iki gihe abenshi baba batazi uko imihango ikorwa n’uko ikurikirana, henshi mu Gihugu hari imihango bakora mu gihe cyo gusaba no gufata irembo kandi ubundi ikorwa mu mihango yo gusaba no gukwa umugeni. Nko gutanga isuka bayita “*Cyozi cyogera inka*” kandi haratangwaga isuka yitwa “*Mbogo*”. Ikindi kibazo ni icyo gutanga igicuba mu muhango wo gufata irembo kandi kera barajyanaga ikibindi naho igicuba kikazagenda mu muhango wo gusaba no gukwa.

Hari imiryango idakora imihango imwe n’imwe kubera ko baba batazi igisobanuro cyayo, twavugaga nko kwanga isuka mu gusaba no gufata irembo, bumva ko isuka isura ubukene.

C. Uko gusaba no gufata irembo bikwiye gukorwa

Nk’uko twabibonye, umuhango wo gusaba no gufata irembo ni ingenzi kuko ari wo wa mbere uhuza imiryango y’abifuzaga gushinga urugo. Uyu muhango ukwiye gukorwa neza kugira ngo imiryango imenyane bihagije, bityo n’indi mihango izakurikira izagende neza.

Kugira ngo imihango yo gusaba no gufata irembo igende neza ni ngombwa ko umuryango usubirana uruhare wahoranye mu mihango y’ubukwe, abavugaga imisango bakaba ari abantu bo muri icyo miryango, bazi umuco w’ako karere kandi bamenyereye imisango. Ibyo byarushaho kuba byiza abagize uruhare mu misango yo gusaba no gufata irembo ari na bo bakomeje kwifashishwa no mu yindi mihango ikurikiraho.

Kuva kera kose inka zitaragwirira mu Rwanda, mu mihango y’ubukwe y’Abanyarwanda bakoresheje amasuka. Ni yo mpamvu mu mihango y’ubukwe bw’Abanyarwanda isuka igomba kuba mu *bisabisho* by’ibanze

kubera ko n'abatangaga inka mu gufata irembo yajyanaga n'isuka. Gusa, hari uduce tumwe na tumwe cyangwa imiryango idakunda amasuka mu mihango y'ubukwe kuko bavuga ko isuka isura kuba "*umurimiramfizi*" [Nzajyibwami E., 2015, p. 39]. Umurimiramfizi ni umuntu w'umuhinzi gusa utabifatanyije no korora inka [Bizimana S., et Kayumba C., 2010, p. 511].

II.2.3. GUSABA UMUGENI, GUKWA NO GUTEBUTSA

A. Gusaba, gukwa no gutebutsa muri iki gihe

Muri iki gihe gusaba, gukwa no gutebutsa bisigaye bikorerwa umunsi umwe hagamijwe koroshya imyiteguro, gukoresha igihe neza ndetse no kwirinda gusesagura.

Gusaba no gukwa ni imihango ikurikira uwo gufata irembo ikabera iwabo w'umukobwa cyangwa ahandi umuryango w'umukobwa wahisemo. Abanyarwanda benshi bafata iyi mihango nk'iy'ingenzi kandi ihabwa agaciro cyane ku ruhande rw'umuryango w'umukobwa kubera ko ari byo birori bibera iwabo.

Iyo umunsi wo kujya gusaba ugeze umuryango w'umusore witoramo abahagarariye umuryango, bajya mu muryango w'umukobwa, bakayoborwa n'umukwe mukuru. Mu gutoranya umukwe mukuru bareba umuntu usanzwe amenyereye imihango yo gusaba no gukwa, azi kuvuga neza kandi ari umuntu w'inyangamugayo.

Abagiye gusaba bitwaza inzoga zitandukanye n'imitobe, igicuba (ijerekani), isuka, n'inzoga zikomeye zigera kuri eshetu (likeri, wisiki...) zifashishwa mu mihango yo gusaba umugeni. icyakora hari amadini amwe n'amwe atemerera abayoboke bayo ibinyobwa bisindisha.

Imyambaro y'umusore n'iy'abamwambariye igendana n'imategurire y'aho umuhango wo gusaba ubera. Iyo hateguye kinyarwanda, umusore n'abamugaragiye barakenyera, haba hateguye bisanzwe, bakambara amakoti.

Iyo bageze hafi y'urugo bagiye gusabamo, barisuganya, bakitegura uburyo bwiza bwo kwinjira, hagati aho ariko umukwe mukuru yohereza umuntu ujya kubavunyishiriza. Uwagiye kuvunyisha agarukana n'abaje kubaha ikaze no kwakira ibinyobwa n'ibindi bintu baba bitwaje bagasigarana gusa ibyo baza

gukoresha mu gihe k'imisango. Mu byo basigarana harimo inzoga zikoreshwa mu byiciro bitatu:

- Inzoga ya mbere aba ari iyo gutura umuryango w'umukobwa dore ko akenshi uje gusaba babanza gutebya bamubwira ko asanze bibereye mu bindi birori. icyo kinyobwa umukwe mukuru atanga kiba ari icyo gusuhuzwa umusangwa mukuru no kumwerekana ko yiteguye kwifatanya na bo muri ibyo birori abasanzemo.
- Inzoga ya kabiri ni iyo gusabisha umugeni. Impamvu y'iyi nzoga ni uko mu kinyarwanda nta jambo ryambaye ubusa, kandi ngo ijambo rivugishijwe amatama masa ntiryumvikana.
- Naho inzoga ihereye ni inzoga yo gushimira umuryango w'umukobwa iyo ubahaye umugeni.

Muri iki gihe, mu misango yo gusaba, umusangwa mukuru aha ijambo umukwe mukuru, na we akavuga ikimugenza. Umuryango w'umukobwa ntabwo uhita umwemerera umugeni, kuko babanza kumurushya no kugira bamwe mu bo bagendanye barega ibyaha. Urezwe ashobora kwiregura we ubwe cyangwa agafashwa n'umukwe mukuru kwiregura. Iyo bese bamaze kwisobanura neza, babemerera umugeni maze bakabakosha.

Mu muhango wo gukwa, umukwe mukuru abanza gutanga isuka ari yo *Cyozi cyogera inka*, hanyuma agakurikizaho igicuba cyo kuyidahira. Hari imiryango imwe n'imwe batanga nanjoro (akayuya, agakero) yo kwahiza ubwatsi bw'inka. Nyuma yaho hatangwa inkwano ishobora kuba inka cyangwa amafaranga.

Iyo bakoye inka, barayicanira ikaza ari imwe cyangwa iherekejwe n'iyayo. Iyo ari amafaranga na yo bayita inka, bakohereza by'umugenzo abantu bo ku mpande zombi bakajya kuyireba mu rwuri. Abavuye kuyireba iyo bayishimye, bazana n'umushumba waje ayirongoye akavuga amazina yayo.

Iyo kuvuga amazina y'inka birangiye, umusangwa mukuru asaba umukwe mukuru kumwerekana umusore yaje gusabira. Muri iki gihe, umusore na we akenshi aba ahari tutirengagije ko hari n'igihe basabira umusore uba mu mahanga maze mu mwanya wo kumwerekana, hakerekana ifoto ye. Mu gihe

umusore ahari, arahaguruka akajya gusuhuza umusangwa mukuru, akajyana n’abasore bamwambariye babarirwa hagati ya bane n’umunani bitewe n’uko yabiteguye. Iyo arangije gusuhuza no kwiyereka umuryango w’umukobwa, bamwereka ahandi bamuteganyirije yicara maze umukwe mukuru agasaba umusangwa mukuru ko umugeni bamwemereye yaza na we akamuramutsa.

Umukobwa iyo asohotse, umusore aramusanganira, bakaramukanya hanyuma bakajyana kuramutsa umuryango w’umukobwa, bakanaha impano bamwe mu bagize umuryango we (umusangwa mukuru, se, nyina, bakuru na basaza b’umukobwa cyangwa ababahagarariye iyo batakirih), bagakurikizaho umuryango w’umusore na wo bakawuha impano hakurikijwe ibyiciro byavuzwe haruguru.

Ibyo birangiye, umukwe mukuru asaba ijambo agashimira kandi agasezera ariko agasaba umusangwa mukuru kuzamuhekera (**gutebutsa**) ku itariki bemeranyijweho. Umusangwa mukuru amwemerera kuzamuhekera ku itariki bumvikanyeho ariko mbere y’uko ataha akabanza kumuha akanozangendo. Ubwo umukobwa ahagurukana n’umusore bakajya mu mbere, akenshi barifotoza hanyuma umusore akabona gutaha.

B. Inenge zigaragara mu gusaba, gukwa no gutebutsa

Mu mihango yo gusaba no gukwa muri iki gihe ni ho hagaragara amakosa menshi mu bukwe kandi bigaterwa ahanini n’imyumvire itari yo Abanyarwanda bamwe bafite kuri iyo mihango. Ibyo byongererwa imbaraga n’uko uruhare rw’ababyeyi n’umuryango mu bukwe rwagabanutse, bityo urubyiruko rukayikorera uko rubyumva.

Imbonerahamwe 2: Ibyo Abanyarwanda batekereza ku mihango yo gusaba no gukwa muri iki gihe

Itsinda 1: Urubyiruko (Hagati y’imyaka 18-35).	
Ni ibiki ugaya cyangwa ushima mu mihango yo gusaba no gukwa muri iki gihe?	
<i>Ibigawa</i>	<i>Ibishimwa</i>
<ul style="list-style-type: none"> - Abasangiza b’amagambo bakoresha amagambo adahwitse; - Kwigana iby’abandi bakoze; - Umuryango w’umukobwa urushya kandi ugasuzugura uw’umuhungu ku buryo bugaragara. - Kubeshya mu misango - Inkwano ihenze yakwa umusore. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha igihe neza ukora imihango myinshi mu gihe gito kandi hagakoresha amafaranga make. - Gutebya no gushyenga - Ubukwe bwabaye nk’ubushabitsi ku basangiza b’amagambo, abavuga amazina y’inka, abavuga imisango...
Grp 2: Abakuze (Hejuru y’imyaka 50)	
Ni ibiki ugaya cyangwa ushima mu muhango wo gusaba muri iki gihe?	
<i>Ibigawa</i>	<i>Ibishimwa</i>
<ul style="list-style-type: none"> - Kuba uruhare rw’umuryango rwaragabanutse; - Gutebya mu misango higanwa imvugo y’abantu bazwi; - Abagore bavuga imisango; - Umukwe mukuru cyangwa umusangwa mukuru bakodeshejwe bitiranya amazina y’abo bahagarariye. - Gusangiza abageni na ba sebukwe cyangwa ba nyirabukwe - Kwanga isuka ku miryango imwe n’imwe mu mihango yo gusaba no gukwa. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukomera ku mucu mu myambaro, mu mbyino, mu ndirimbo no mu gukwa (inka, n’iyo batanze amafaranga bayita inka). - Kugerageza gukoresha ururimi rw’Ikinyarwanda neza mu misango, - Urubyiruko rwitabira kwiga no kumenya amazina y’inka akoreshwa mu mihango yo gusaba no gukwa, - Gusabanya imiryango ihana abageni,

Iyi mbonerahamwe iragaragaza bimwe mu bibazo by'ingenzi bigaragara mu mihango yo gusaba, gukwa muri iki gihe.

1. Guheza imiryango mu mihango yo gusaba no gukwa no gukodesha abavuga imisango.

Guheza umuryango mu mihango y'ubukwe bigira ingaruka kuko usanga ahenshi umusangiza w'amagambo, umukwe mukuru, umusangwa mukuru n'abisi bavuga amazina y'inka bakodeshwa cyangwa bagatirwa mu yindi miryango. Ibyo biterwa ahanini no kuba abagize imiryango batakimenya umuco ndetse n'amasano y'Ikinyarwanda, aho usanga buri wese mwaba mufite icyo mupfana cyangwa ntacyo yitwa *tante*, *tonto*, *kaka*, *anko*, n'andi [Gasimba F. S., 2013, p.79]. Ibi bituma abasore n'inkumi birengagiza abakwiye kubavugira imisango (umuryango) bakajya kwiyambaza rubanda (ba tonto na ba anko).

Ikindi gituma urubyiruko ruheza imiryango ni ugushaka gukoresha abantu bafite amazina akomeye cyangwa b'ibyamamare hagamijwe ahanini gushimisha abatimirwa aho kwita ku mucu.

Nanone, hari rumwe mu rubyiruko ruheza imiryango mu bukwe bitewe n'amakimbirane ari mu miryango ku mpamvu zitandukanye zishingiye ku myumvire, ku myemerere, ku moko, ku turere n'ibindi. Bityo, hari aho usanga mu Rwanda abakobwa bagumirwa bitewe n'uko batabonye umusore bakomoka mu gace kamwe, umusore wifuzwa n'umuryango bakomokamo cyangwa se umusore bahuje idini. Iyo bigenze gutyo usanga urubyiruko ruhitamo kwihererana imyiteguro yose y'ubukwe, bakabimenyesha imiryango ntacyo igishoboye guhindura.

2. Abasangiza b'amagambo batebya bigana imvugo y'abayobozi n'abandi bantu bazwi mu Rwanda

Mi misango y'ubukwe, hari ingeso zadutse zo kwigana abayobozi bakuru b'Igihugu cyangwa se abandi bantu b'ibyamamare, hagamijwe gusetsa abatashye ubukwe.

Akenshi biterwa n’uko abasangiza b’amagambo baba bakodeshejwe maze bagakoresha uko bashoboye ngo basetse kandi bashimishe abitabiriye ubukwe bagamije kurushaho kwimenyekanisha. Bene izo ngeso, usanga zibangamiye umuco kuko mu kinyarwanda kizira kwigana no gusubira mu ijwi abakuru, baba bari aho cyangwa se badahari.

Uretse ingaruka zagaragajwe haruguru ziyanye n’umuco, nanone usanga ibijyanye no gutebya by’abasangiza b’amagambo bituma hakoreshwa igihe nabi kuko bitinza imihango y’ubukwe, ugasanga abakuru b’imiryango batabonye umwanya uhagije w’imisango n’ibiganiro bisabanya imiryango.

3. Gukoresha amagambo asesereza abaje gusaba ndetse no kubasuzugura mu buryo bugaragara

Nk’uko twabivuze haruguru, ikiganiro umukwe mukuru agirana n’umusangwa mukuru ni cyo kitwa imisango y’ubukwe. Iyo imisango ikozwe neza bituma imiryango irushaho kumenyana no gusabana.

Umuryango usaba umugeni buri gihe mu misango uba wiyoroheje kandi wicishije bugufi mu gihe uw’umukobwa uba ufite imbaraga bigatuma hari bamwe bakoresha ubwo bubasha umuco ubaha nabi, bagakoresha imvugo idahwitse cyangwa isesereza umuryango usaba.

Mu misango yo gusaba kandi, akenshi abasangwa bagora umuryango waje gusaba. Mu magambo umukwe mukuru avuga, abasangwa bayaheraho bakamusarika, bakayashakamo inenge cyangwa bagahata ibibabazo n’ibicumuro abaherekeje umukwe mukuru. Ibyo bishobora gutera ipfunwe n’ubwoba abaje gusaba mu gihe ku ruhanda rw’umukobwa aba ari ibitwenge bisa.

Hari n’amagambo asigaye yaradutse yo kubaza abantu niba ari abatunzi cyangwa aborozi, na yo usanga apfobya cyangwa agasesereza abaje gusaba cyanecyane iyo abakwe baje gusaba mu muryango ubarusha ubutunzi n’amaboko.

Imyitwarire idahwitse yo gusuzugura no gusesereza abakwe igira ingaruka ku bantu bamwe na bamwe aho usanga hari abantu abatagikunda kugenda baherekeje umusore mu mihango yo gusaba kubera gutinya ibibera muri uwo muhango.

4. Imiryango imwe n'imwe yanga isuka mu muhango wo gukwa

Nk'uko twabivuze mu gufata irembo, hari imiryango imwe n'imwe cyanecyane iyo mu Burasirazubwa bw'Igihugu nko mu Turere twa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza na Rwamagana aho banga isuka mu mihango yabo ngo kuko isura ubukene.

5. Abagore bavuga imisango

Si kenshi bibaho, ariko hari aho usanga abagore bavuga imisango muri iki gihe bagendeye ku ihame ry'ubwuzuzanye n'uburinganire hagati y'umugore n'umugabo. N'iyi umugore yaba azi kuvuga imisango neza kurusha abagabo, aho byagiye bigaragara, nubwo batabivuga ngo babyerure, usanga kubyakira byabananiye, bavuga ko atari iby'i Rwanda. Umugore na we ugiye kubikora arabanza akisegura ndetse akanabisasira cyane kuko bidasanze mu muco w'u Rwanda.

6. Abavuga amazina y'inka nabi

Bamwe mu bashumba baba bakodeshejwe hari amakosa menshi bakora agaragarira cyane mu kuba batazi amazina y'inka, hakaba n'abitiranya amahamba n'amazina y'inka. Ibi bigira ingaruka ku rubyiruko n'abandi badasobanukiwe na yo kuko ibyo bumviye mu bukwe batashye babifata nk'ukuri.

Nanone, kandi amakosa akunze kugaragara ku bashumba bakodeshejwe, ni uko iyo bahumuje kuvuga amazina y'inka, inkuyo hari bamwe bayicamo kabiri, igice kimwe bakagishyira umusangwa mukuru ikindi bakagiha umukwe

mukuru bagamije kubona inzoga cyangwa ikindi kinyobwa ku mpande zombi (amata y'umushumba). Ubusanzwe mu muco w'u Rwanda, umushumba urangije kuvuga amazina y'inka aha inkuyo umukwe mukuru akaba ari we umushimira, yarangiza umukwe mukuru akayicamo kabiri igice kimwe akagishyira umusangwa mukuru. Umushumba wo ku ruhande rw'umukobwa, inkuyo ayiha umusangwa mukuru kuko aba ari we umukuriye.

Hari kandi nanone abashumba biha ijambo akenshi bakabikora mu magambo atebya bagaya bike bahawe cyangwa igihe bahawe ikinyobwa batifuzaga. Mu muco w'u Rwanda, mu misango y'ubukwe, umushumba usibye amazina y'inka avuga, nta rindi jambo aba afite keretse hagize umwe mu bayoboye imisango ugira icyo amubaza.

7. Kudasobanukirwa imico y'aho mwagiye gusaba umugeni

Hari abakwe bajya gusaba batabanje kuganira n'abo mu muryango w'umukobwa ngo bamenye neza umuco wabo. Ibi bituma hari abibagirwa bimwe mu bisabisho by'ingenzi cyangwa ugasanga hari ibyo bajyana bidakenewe kandi bitanemewe muri uwo muryango. Ibi bigira ingaruko z'uko imihango itinda cyangwa bakananirana ku buryo hari n'aho bimana umugeni.

8. Isesagura ry'umutungo mu gusaba no gukwa

Muri iki gihe, ahenshi mu birori byo gusaba no gukwa hagaragara isesagura ry'umutungo cyanecyane ku ruhande rw'umukobwa bitewe n'uko ari byo birori bikomeye bitegurwa kandi bikabera iwabo. Kuba umuryango w'umukobwa uba ushaka kugaragara neza no guharanira ishema n'icyubahiro byawo mu maso y'abitabiriye ibirori, bituma ugira imyiteguro ihambaye bityo ugakoresha amafaranga menshi akenshi bigakorwa hatitawe ku bushobozi bwawo. Ibyo bigaragarira nko muri ibi bikurikira:

- Gutumira abantu benshi batari ngombwa;
- Gukodesha ahantu hanini habera ibirori;
- Gutegura no gutaka ahabera ibirori;

- Gukodesha imyambaro n'imodoka;
- Kugura ibinyobwa n'ibiribwa by'abantu benshi;
- Gukodesha amatorero abyina;
- Gukodesha abavuga imisango n'amazina y'inka;
- Gufata amafoto, amajwi n'amashusho;
- Gukodesha ibyuma bya muzika n'ibindi.

Ibyinshi mu myiteguro yagaragajwe haruguru, bisaba ubushobozi buhanitse kandi bitari ngombwa kuko uwo muhango uba ushobora kuba bitabonetse. Ilesagura rigaragara mu mihango yo gusaba no gukwa riterwa no kwisanisha n'indi miryango y'inshuti cyangwa abaturanyi bagize ibirori by'akataraboneka mu gihe cyahise. Uku kwigereranya guterwa n'uko abantu baha agaciro ibirori n'ibizakorwamo kurusha umuhango nyirizina n'intego zawo. Ibyo bishobora gutuma bamwe bishora mu myenda. Ubukene, amakimbirane no kutumvikana bikomoka kuri iyo myenda bishobora gukurikirana umusore n'inkumi mu rugo rwabo.

C. Uko imihango yo gusaba, gukwa no gutebutsa ikwiye gukorwa

Gusaba no gukwa bikwiye guhabwa agaciro kandi bigafata igihe gihagije ku buryo aho bishoboka umunsi wo gusaba watandukanywa n'igihe cyo gukwa no gutebutsa. Ibyo byafasha imiryango kurushaho kumenyana, gusabana no gutebura urugo rushya rw'abana bayo.

Umuhango wo gusaba no gukwa warushaho kandi kugenda neza, umuryango usabwa umugeni ugiye utumira abantu bake kandi ba ngombwa. Uyu muhango byaba byiza ubereye iwabo w'umukobwa, bityo amafaranga akoreshwa mu gukodesha aho bibera agafasha mu yindi myiteguro.

Mu muhango wo gusaba no gukwa, abasangiza b'amagambo bakwiye bakirinda gutebya gukabije (kwigana imvugo y'abayobozi bakuru cyangwa ibyamamare) kubera ko bituma igihe imiryango igenerwa cyo kuganira kiba gito, bityo ntihabeho kumenyana neza no kwizihirwa muri ibyo birori. Abavuga amazina y'inka bakwiye gukoresha umwimerere w'amazina y'inka aho kuyavanga n'izindi ngeri z'ubuvanganzo nyemvugo (ibyivugo, amahamba, amahigi n'ibindi).

Mu misango yo gusaba no gukwa hakwiye kujya hakoreshwa imvugo iboneye, idasesereza kandi idasebya abagize umuryango w'umusore ngo usange byabaye nk'urubanza. Nanone kandi, abavuga imisango y'ubukwe bagomba kumenya ko kizira gushinja icyaha umukwe mukuru n'abasaza bamugaragije.

Gushinja icyaha ubundi bikorwa hagamijwe kwigisha urubyiruko ibijyanye no kuganira no gutebya. Baba bagamije kureba niba abaje gusaba atari abanyamusozi akaba ariyo mpamvu ubusanzwe mu muco w'Abanyarwanda bakundaga gushinja ibyaha bijyanye n'imibanire hagati y'abagize imiryango isanzwe yarashyingiranye. Gupfa gushija icyaha kuko wacyumvise ahandi sibyiza cyanecyane iyo bikozwe hagamijwe kunaniza abaje gusaba.

Nubwo hari byinshi Abanyarwanda bagaya mu mihango yo gusaba, gukwa no gutebutsa, hari n'ibyo bashima. Bishimira ko nubwo iterambere ryaje rikagira

byinshi rihindura, imihango yo gusaba no gukwa igikomeza gukurikiza umuco w'u Rwanda kandi ugasanga byubahirizwa mu Gihugu hose.

Ikindi bashima ni uko imisango, indirimbo n'imbyino bya kinyarwanda, amazina y'inka n'ubundi buvanganzo nyemvugo bigikoreshwa mu bukwe, kandi abenshi mu babikora ari urubyiruko, bikaba bitanga ikizere ko bizakomeza gutezwa imbere no mu gihe kizaza.

II.2.4. GUSEZERANA IMBERE Y'AMATEGEKO

A. Gusezerana imbere y'amategeko muri iki gihe

Mu mihango y'ubukwe, uwo gusezerana imbere y'amategeko watangiye gukurikizwa mu Rwanda mu gihe cy'abakoronni b'Ababirigi ahagana mu wa 1948 [Nzajyibwami E., 2015, p.47]. Muri iki gihe, uwo muhango ukorerwa ku biro by'Umurenge nk'urwego rwa Leta ruhuza abateganya kubana.

Umusore n'inkumi baja kwiwandikisha ku murenge hasigaye byibura ukwezi n'igice ngo ubukwe butahe. Iyo bamaze kwiwandikisha, Umurenge ubaranga mu gihe cy'ukwezi hagamijwe kureba niba ntawe muri bo ugiye gushyingirwa atabyemerewe n'amategeko (gushyingirwa bwa kabiri, ku gahato n'ibindi).

Mbere yo gusezerana, umusore n'inkumi babanza kumvikana ku birebana n'icungamutungo mu rugo rwabo. Hari abahitamo ivangamutungo rusange, abandi ivangamutungo muhahano n'abahitamo ivanguramutungo risesuye.

Ku munsu wo gusezerana, umwanditsi w'irangamimerere mu Murenge asobanurira abashaka gushyingirwa uburyo bw'imicungire y'umutungo kugira ngo batekereze k'ubwo bahisemo nk'uko biteganywa n'ingingo ya 4 y'Itegeko n° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura [Igazeti ya Leta № 31 yo ku wa 01/08/2016].

Iyo umwanditsi w'irangamimerere arangije gusobanurira abageni icyo amategeko ateganya, bahamiriza mu ruhame uburyo bahisemo maze bafashe ku ibendera, bakarahirira kuzabana ubudahemukirana nk'uko amategeko ya Repubulika y'u Rwanda abiteganya.

B. Inenge zigaragara mu gusezerana imbere y'amategeko muri iki gihe

Kimwe mu bibazo bigaragara ni uko usanga abenshi bacurikiranya umuhango wo gusaba no gukwa n'uwo gusezerana imbere y'amategeko. Ubusanzwe, umuhango wo gusaba no gukwa, wagombye kubanziriza uwo kujya gusezerana imbere y'amategeko. Ubu bukurikirane bw'imihango buhabwa ishingiro n'itegeko rivuga ko habanza umuhango w'ubwumvikane hagati y'imiryango yombi, hagakurikiraho uwo gusezerana imbere y'amategeko.

Muri uyu muhango, usezeranya umusore n'inkumi abaza umuryango w'umuhungu ko wakoye n'icyo wakoye. Ariko bimaze kugaragara ko akenshi uyu muhango wo gusezerana imbere y'amategeko ubanziriza uwo gusaba no gukwa. Imiryango yombi ifatanya kubeshya mu gihe isinyira gusezerana imbere y'amategeko, ikanavuga ko yakoye umugeni. Ikindi ni uko umuryango w'umuhungu ujya gusaba uwo wamaze gusinyira ko ari umugore wabo imbere y'amategeko.

Hari n'aho usanga bamwe mu bashinzwe irangamimerere mu murenge bafatanya n'abashaka gushyingiranwa gukora ayo makosa kandi bagombye gufata iya mbere mu kubahiriza amategeko y'Igihugu, yaba ay'umuco n'ayanditse.

C. Uko umuhango wo gusezerana imbere y'amategeko ukwiye gukorwa

Uruhererekane rw'umuhango wo gusaba no gukwa n'uwo gusezerana imbere y'amategeko rukwiye kubahirizwa, hakabanza gusaba no gukwa, gusezerana imbere y'amategeko bigakurikira. Ibyo byavanaho ikinyoma k'imiryango yombi ibeshya ubuyobozi bari imbere y'amategeko ko basabye kandi ko bakoye nyamara bitaraba.

II.2.5. GUHAGURUTSA UMUGENI

A. Guhagurutsa umugeni muri iki gihe

Mu mihango y'ubukwe muri iki gihe, umusore ni we ujya kwa se bukwe guhagurutsa umugeni. Mu mugi bateganya imodoka itwara abageni, ku bifite bagateganya n'indi yo gutwara abasore bambariye umuhungu n'iyi gutwara abakobwa bambariye umugeni.

Umusore mbere y'uko ajya guhagurutsa umugeni, hari imiryango imwe n'imwe isaba ko abanza akohereza nyirabukwe ikizeneko nk'ikimenyetso k'ishimwe ko yamubariye umugeni. Ikizeneko akenshi kiba kigizwe n'impano y'umwenda cyangwa ibindi bikoresho abagore bakoresha mu kwitaka no kurimba.

Iyo igihe kigeze cyo guhagurutsa umugeni, umusore n'abamugaragiye bajya aho umugeni ari buhagurukire hashobora kuba iwabo mu rugo cyangwa ahandi umuryango wahisemo maze bagategereza ko babashyikiriza umugeni.

Umugeni asohokana na musaza we, hari imiryango ahoshokana na se cyangwa undi muntu umuhagarariye maze bakamushyikiriza umusore. Umusore ahereza umukobwa indabo yamuteganyirije maze bakinjira mu nzu. Nyina w'umukobwa abaha amata mu nkongoro ya kinyarwanda bakanywa, utayanywa bakagira ikindi bamuha ariko na cyo akakinywera mu nkongoro isa n'iya mugenzi we. Iyo ibyo birangiye, ababyeyi b'umukobwa babasabira umugisha ku Mana maze bagahaguruka berekeza mu rusengero.

B. Inenge zigaragara mu guhagurutsa umugeni

Akenshi usanga umusore uje guhagurutsa umugeni aza yihuta asiganwa n'amasaha maze akinjira iwabo w'umukobwa atavunyishije, agahagarara imbere y'umuryango w'inzu umugeni arimo nk'umuporisi uje gufata umunyacyaha. Akomeza kotsa igitutu umuryango w'umukobwa kugeza ubwo umugeni asohotse. Imigirire nk'iyi usanga igayitse nubwo abantu

batayitindaho cyane kuko baba bahugiye mu bindi.

C. Uko gusohora umugeni bikwiye gukorwa

Umuhango wo gusohora umugeni ukwiye guhabwa igihe gihagije kandi imyiteguro iwubanziriza igakorwa hakiri kare kugira ngo ukorwe mu mutuzo nta gusiganwa n'igihe.

Umuryango w'umukobwa ukwiye guhabwa umwanya wo kwitegura kandi icyubahiro umusore agomba guha kwa sebukwe ntikibangamirwe n'uwo muhango kubera gusiganwa n'amasaha.

II.2.6. GUSEZERANA MU IDINI

A. Gusezerana imbere y’Imana muri iki gihe

Abakirisitu ba Kiriziya Gatorika n’andi madini ya gikirisitu, mbere y’uko abageni basezerana imbere y’Imana, babanza umuhango wo kubaranga byibuze inshuro eshatu kugira ngo ababaziho imiziro iyo ari yo yose yababuza gusezerana bagire umwanya wo kuyivuga.

Abageni iyo bageze imbere ya Kiriziya/urusengero, padiri/pasiteri abakiriza isengesho maze akabaha ikaze bakinjira. Iyo bageze aho babateguriye, padiri/pasiteri atangiza amasengesho yabugenewe agizwe n’ibice bitatu by’ingenzi:

- Inyigisho zikangurira abashakanye kubaka urugo rwiza rushimwa n’Imana n’abantu;
- Kugirana amasezerano, kwambikana impeta no gusinya amasezerano imbere y’Imana n’imbaga y’abakirisitu;
- Gusabira umugisha urugo rushya.

Ubukwe bw’Abayisiramu

Abayisiramu bo mu Rwanda bifuzaga gushinga urugo, iminsi mike mbere y’ubukwe umuhungu n’umukobwa babanza kujya kwiwandikisha ku musigiti, umwe muri bo asanzwe asengeramo. Kuri uwo munsu kandi batanga impapuro zo kwa muganga zerekana ko muri bo ntawe urwaye indwara zandura kandi zidakira. Iyo ibyo birangiye, ubuyobozi bw’umusigiti bubakorera ifishi y’abashyingirwa izabafasha mu mihango yabo yo gusezerana mu idini, ikaguma ku musigiti biyandikishijeho.

Gusezerana imbere y’Imana ku bayisiramu bo mu Rwanda bishobora kubera ku musigiti cyangwa ahandi imiryango yumvikanye habereye uwo muhango. Akenshi usanga gusezerana mu idini bijyana n’imihango yo gusaba no gukwa. Ingengo y’imari ikoresheya muri iyo mihango, imiryango yombi ifatanyaga kuyishaka.

Iyo umunsi ugeze, umushehi (umwigisha mu by'idini) cyangwa imamu (ukuriye umusigiti) asanga imiryango aho ibirori biri bubere, akaza azanye ya fishi abageni bujuriye ku musigiti. Mbere yo gusezeranya abageni, abanza kubaza imiryango niba umusore yarakoye cyangwa niba hari ubundi buryo bumvikanyeho.

Ibyo birangiye, umwigisha ahamagara umusore, akaza akicara hagati y'imiryango yombi maze umuntu umuryango w'umukobwa wateganyije ko ari we utanga umukobwa na we agatambuka akicara arebana n'umusore. Utanga umukobwa mu Bayisiramu ashobora kuba se w'umukobwa cyangwa musaza we. Ku batabafite bishobora gukorwa na se wabo cyangwa undi muntu umuryango wa se w'umukobwa wahisemo.

Utanga umukobwa areba umusore mu maso maze akamubaza inshuro eshatu agira ati: *“Wowe (kanaka)....wemeye ko ngewe (kanaka)...., ngushyingira umukobwa/mushiki wanjye (kanaka).... ku nkwano ... (iyi n'iyi) ...mwemeranye?”*. Umusore agasubiza ati: *“Ndabyemeye”*. Iyo abyemeye gatatu, imamu amuha ya fishi maze akabihamya ashiraho umukono.

Ibyo birangiye, imamu ajya aho umukobwa ari mu mbere, akajyana n'abagore babiri bahagarariye imiryango yombi. Imamu abaza inshuro eshatu umukobwa mu magambo akurikira: *“Wowe (kanaka).... Wemeye ko (kanaka).... agushyingira (kanaka)..... ku nkwano... (iyi n'iyi) ...mwemeranye?”*. Umukobwa nawe arasubiza ati: *“Ndabyemera”*.

Nyuma yo kubyemera gatatu, imamu amuhereza ya fishi yasinyweho n'umusore na we agashyiraho umukono we. Abakobwa n'abagore bari kumwe n'umukobwa batera impundu maze umusore n'abo bari kumwe bakishima.

B. Inenge zigaragara mu gusezerana mu idini

Abanyarwanda bagera kuri 99% bafite amadini babarizwamo [NISR, 2012]. Ibi bituma iyo bakoze ubukwe, umuhango wo gusezerana mu idini uhabwa agaciro gakomeye. Ikibazo k'ingenzi kigaragara mu gusezerana mu idini ni uko amadini ashyira imbere indangagaciro zayo kurusha urukundo n'indangagaciro z'umuco w'u Rwanda.

Iyo umusore n'inkumi bakundanye badahuje idini bahura n'imbogamizi zo kubona idini ryemera kubasezeranya ku buryo bisaba umwe muri bo guhindura idini akajya mu myemerere ya mugenzi we. Ibi bituma nanone hari abashaka bashingiye ku myemerere y'idini kurusha ku rukundo bafitanye. Iyo bamaze kugera mu rugo, hari ubwo havuka amakimbirane ashingiye ku myemerere, umwe mu bashakanye agakomeza kujya gusengerera aho yasengeraga mbere yo kurushinga.

Uretse kuba bigora abakundanye, binatuma uruhare rw'umuryango mu bukwe rugabanuka kuko hari aho usanga imiryango yacitsemu ibice, iyo bigeze ku guhana abageni badahuje idini, imiryango imwe n'imwe yanga gutaha ubukwe bw'abo badahuje imyemerere.

Hari amadini usanga yarashyize cyane imbere amafaranga ku buryo iyo abageni bemeye kuyatanga, uwo muhango ushobora kubera aho ari ho hose bashaka kandi ukanagenda uko babyifuzza. Uko guha agaciro umutungo kuruta igikorwa kiba kigamijwe, bishobora gutera abasore n'inkumi kureka uwo muhango.

C. Uko umuhango wo gusezerana mu idini ukwiye gukorwa

Mu gusezeranya abageni mu idini, amadini akwiye kujya yita ku rukundo rw'abashaka gushing urugo kurusha ku mahame y'idini cyanecyane ko abageni ari bo basezerana, abanyamadini bagaha umugisha isezerano ryabo.

Amadini yagombye kwigisha ubworoherane mu bijyanye n'imyemerere

kubera ko imyemerere y'umuntu ku giti ke idakwiye kuba imbogamizi ku bifuza gushinga urugo. Kuba abageni badahuje idini ntibyagombye gutuma imiryango yabo itabashyigikira mu mihango y'ubukwe.

II.2.7. KWAKIRA ABATUMIRWA

A. Kwakira abatumurwa muri iki gihe

Iyo abageni bavuye gusezerana imbere y’Imana, imiryango yombi ijya kwifotoza, abandi batumurwa bo bajya aho umuryango w’umuhungu wateganyirije. Abageni baza bahabasanga maze bakabakirana urugwiro rwinshi.

Iyo abageni binjiye mu rwakiriro, umusangiza w’amagambo asaba abateraniye aho bose guhaguruka bakakirana abageni amashyi n’impundu z’urwunge. Abageni n’ababashagaye mu mukimbagiro utuje, baratambuka, bakicara mu mwanya wabateguriwe.

Ibiganiro hagati y’imiryango mu kwakira abashyitsi, ahenshi muri iki gihe bibanzirizwa n’isengesho riterwa n’umwe mu bo mu muryango w’umusore. Iyo barangije gusenga, umusangwa mukuru yakira umukwe mukuru n’abandi bakaboneraho.

Iyo abakwe bamaze gushira impumu, umusangiza w’amagambo aha umukwe mukuru umwanya maze na we akavuga ikibateranyirije aho. Mu ijambo rye, ahera igihe umuryango w’umusore waje gusaba irembo, bakaribaha. Akavuga ko nyuma baje kubasaba umugeni baramubemerera ariko bababwira ko umukobwa wabo ari mutumwinka, inka barayizana. Baza gutebutsa, none uwo munsu bakaba babahekeye. Hari ubwo umukwe mukuru asaba umukobwa guhaguruka akamwereka umusangwa mukuru kugira ngo na we arebe neza niba koko umugeni babahekeye ari we basabye.

Uhagarariye umuryango w’umuhungu (umusangwa mukuru) asubiza umukwe mukuru maze ibirori bigakomeza.

Kwakira abaje mu bukwe bigenda bitandukana bitewe n’amikoro ndetse n’imyemerere y’imiryango yashyingiranywe. Hari abateganya ibinyobwa by’ubwoko bwose (ibisindisha n’imitobe) ndetse n’ibiribwa; hari n’aho

bagateganya ibinyobwa gusa kubera kwanga ko umukwe cyangwa umugeni bareba mu kanwa ka ba nyirabukwe na sebukwe. Hari kandi amadini atemerera abayoboke bayo gukoresha ibisindisha. Muri icyo gihe bakoresha imitobe gusa, ariko na yo mu misango bakayita inzoga.

Mu birori byo kwakira abashyitsi hazamo kandi n’umuhango wo gukata umutsima n’uwo kwakira impano inshuti n’abavandimwe bateguriye abageni. Bikorwa kimwe mu Gihugu hose bigatandukanira gusa mu gihe bikorerwa. Hari abakata umutsima abageni bakinjira, abandi bakawukata ibirori bigeze hagati. Naho gutanga impano bikorwa mbere y’uko ibirori bihumuza, bigakurikirwa no gusezera k’umushyitsi mukuru.

Umuhango wo gukata umutsima ukorwa n’abageni maze buri wese bakamushyirira ku nkoko (isiniya) akajya gusangiza abo mu muryango wo kwa sebukwe. Iyo barangije kugabura umutsima, hakurikiraho umuhango wo gutanga impano. Abageni bahagarara imbere maze ushatse kugira icyo atanga akagenda akakibashyikiriza. Mu batanga impano hari abayitanga babanje kuyisasira ijambo, akenshi bikorwa n’amatsinda y’abantu cyangwa abashaka gutanga impano zigoye kuzana mu birori nk’inka, umurima, imodoka, inzu n’ibindi.

Gutanga impano iyo birangiye, umukwe mukuru arongera akaka ijambo agasezera ariko mbere y’uko umusangwa mukuru amusezerera akabanza kumwerekana aho yubakiye abana.

B. Inenge zigaragara mu kwakira abatumiwe

Gucyuzwa ubukwe muri iki gihe, cyanecyane mu migi, kugaragaramo isesagura rikabije riterwa ahanini no kwirarira, kwigana cyangwa kwisumbukuruza. Iryo sesagura rigaragarira mu gukodesha aho kwakirira abatumiwe hahenze bitewe n’uburyo hangana, hatatse cyangwa se hateguye, gutumira abantu benshi hatitawe ku bushobozi bwo kubakira bituma bamwe batabona amazimano bagataha batishimye, imodoka zihenze zo gutwara abageni n’ababagaragiye, amatorero abyina ahenze n’ibindi.

Guhagurutsa umugeni na byo ni undi muhango w'umurengera. Umusore aza mu modoka ihenze yakodesheje, akayitangaho andi mafaranga atari make yo kuyitaka. Akenshi usanga baba bateganyije imodoka zigera kuri eshatu (3): iyo gutwara abageni, iyo gutwara abasore bagaragiye umuhungu n'iyi gutwara abakobwa bambariye umugeni.

Ikindi kibazo kigaragara muri uyu muhango, ni ugukodesha umusangiza w'amagambo, umukwe mukuru, umusangwa mukuru ndetse n'abantu bakira abashyitsi bituma ubukwe burushaho guhenda. Akenshi usanga itorerero ryahawe ikiraka cyo gususurutsa abashyitsi ari na ryo ritanga abo bantu.

Gutumira abantu benshi abo uzi n'abo utazi kubera ko ubakeneyeho intwererano bituma abageni b'ubu bakodesha ibyumba by'ubukwe binini kandi bihenze; gutaka no kurimbisha icyo cyumba no kubonera amafunguro n'ibinyobwa abantu bangana batyo birahenda.


Ahenshi mu muhango wo kwakira abatunirwa mu bukwe, usanga bakodesha itorerero ribyina, abatarifite bagateganya itsinda ricuranga cyangwa umuhanzi ku giti ke. Itorerero mu Mujyi wa Kigali rikodeshwa amafaranga hagati y'ibihumbi magana atatu na miriyoni eshatu (300.000 - 3.000.000 frw). Itsinda ricuranga cyangwa umuhanzi ku giti ke bakodeshwa hagati y'ibihumbi magana abiri na miriyoni imwe (200.000 - 1.000.000 frw) [RALC, 2016, p. 105].

Ahandi hagaragarira gusesagura ni mu gukodesha imyambaro y'abageni n'ababagaragira, ababyeyi babo cyangwa ababakomokaho (agatimba, imikenyerero, amakoti...). Usanga agatimba gakodeshwa amafaranga atari make.

Mu Rwanda, gusesagura umutungo mu gucyuza ubukwe bikunze kugaragara mu migi kurusha mu byaro, bitewe ahanini nuko mu migi ibintu byaho byose bigurishwa kandi abantu bakwakira uko bakubona. Iyo wiyerekana nk'umukire bagufata nk'awe kuko mu migi byoroshye kwiyoberanya ukishyira mu rugero utarimo kubera ubwinshi bw'abantu bavuye imihanda yose. Ibyo bituma

abanyamugi bakora ubukwe buhenze bashaka kwiyerekana nk'abafite usanga ingengo y'imari nini igiye mu bidafite agaciro ariko bigaragaza uwabikoze nk'umuntu ufite ubushobozi.

Ishusho 1: Impuzandengo y'ibigendaho amafaranga mu kwakira abatumurwa mu Mujyi wa Kigali



Nk'uko bigaragara mu gishushanyo kiri haruguru, gukodesha ahantu habera ubukwe no kuhataka ni byo bitwara ingengo y'imari nini mu mihango y'ubukwe (35%). Iyo hiyongereyeho gukodesha indangururamajwi zijyanye n'aho hantu, itorero no gufata amashusho usanga bitwaye ingengo y'imari y'ubukwe hafi ya yose (60%). Naho iby'ingenzi mu gucyuza ubukwe nko kwakira abatumurwa (28%), ugasanga bikoze nabi kuko amafaranga menshi aba yagiye ku bintu bitabuza ubukwe gutaha.

Ibi bigira ingaruka ku basore n'inkumi batarashaka kuko batekereza ko gucyuza ubukwe bisaba ingengo y'imari ihanitse, bityo bigatuma bamwe batinda gushaka abandi bagahera mu kirambi, bakagumirwa cyangwa bagahitamo kubana badakoze ubukwe (gukocora).

Imibare igaragaza ko kuva mu wa 1991 kugeza muri 2012, abasore n'inkumi basigaye bashaka batinze uko imyaka igenda ishira bitewe n'impamvu zitandukanye zirimo imyaka myinshi yo kwiga, gushakisha amafaranga no gutinya gukora ubukwe bakeka ko buhenze [Nyirimanzi J.C., 2014]. Mu wa 1991, impuzandengo yo gushaka ku mukobwa yari imyaka 23 y'amavuko mu gihe ku muhungu yari 27. Mu wa 2012, impuzandengo y'imyaka yo gushaka ku bakobwa yabaye 25 mu gihe ku bahungu ari 33 [NISR, 2012, p.15].

C. Uko ibirori byo kwakira abatumurwa bikwiye gukorwa

Ubukwe bwiza si ubukoreshejwe amafaranga menshi ahubwo ni ubuteguwe neza, imihango n'imisango bikagenda neza, abasaza bakaganira neza kandi imiryango na yo ikabigiramo uruhare rufatika.

Abacyuza ubukwe bakwiye kujya bakora ubujyanye n'ubushobozi bwabo, bakirinda kwigana, kwirarira cyangwa kwisumbukuruza kuko bigira ingaruka ku rugo rushya zirimo amakimbirane n'ubukene buterwa ahanini n'amadeni baba bafashe.

Abavuga imisango mu bukwe, umusangwa n'umukwe bakuru ndetse n'abakira abantu bakwiye kuba ari abo mu miryango yahanye abageni aho kubakodesha kuko na byo byongerera ubukana ikibazo cyo gusesagura.

II.2.8. GUTWIKURURA

A. Gutwikurura muri iki gihe

Umuhango wo gutwikurura muri iki gihe iyo urebye muri rusange usanga ntaho utaniye n’uwa kinyarwanda wa kera. Ugizwe n’ibi bikurikira:

- Gukura abageni mu nyegamo;
- Kogosha amasunzu;
- Umuhango w’amata;
- Kwerekana imitwa.

Umuhango wo gutwikurura ukorwa nyuma yo gucyuzza ubukwe kandi ugakorwa n’umuryango w’umukobwa. Iyo umuryango watanze umugeni umaze kwitegura urahaguruka ukajya aho umukobwa wabo yashyingiwe. Muri iki gihe, ahenshi umuhango wo gutwikurura ubera umunsi umwe n’uwo gucyuzza ubukwe rimwe na rimwe bikabera n’ahantu hamwe.

Ibitwikurura umuryango w’umukobwa ujjana, ingano yabyo iterwa n’amikoro yawo ndetse n’akarere uwo muhango ukorewemo. Mu bitwikurura, Abanyarwanda bose bitwaza ibintu bimwe bigatandukanira gusa ku ngano yabyo. Bajyana ibiribwa bitandukanye, amata, ibyansi, igisabo, ibikoresho by’isuku n’ibyo mu gikoni.

Gukura abageni mu nyegamo

Aho gutwikurura bikorewe umunsi umwe no gusezerana, iyo abageni bavuye aho babakiriye, berekeza aho bari bubatwikururire, akenshi aba ari mu rugo rushya rw’abageni. Iyo abageni bahageze, bahindura imyambaro, ariko iyo gutwikurura bibaye ku wundi munsi, umuryangwo w’umukobwa uza usanga bawiteguye ukakirwa n’abasangwa bake bitabiriye uwo muhango.

Iyo umuryango w’umukobwa uhageze, bawakira ibyo uzanye bakabijyana mu cyumba cyateganyijwe. Igisabo giterurwa n’umwana w’umukobwa w’isugi (umwana ufite se na nyina), ibiseke bigaterurwa n’abakobwa cyangwa

abagore. Umusangwa mukuru yakira umukwe mukuru maze bidatinze, agasaba ko bajya gutwikurura abageni.

Umusangwa mukuru n'abandi bantu nka babiri bahagarariye umuryango w'umusore baherekeza umukwe mukuru, umushyingira (umubyeyi wa batisimu cyangwa undi mubyeyi umuryango w'umukobwa wateganyije) na musaza w'umukobwa cyangwa undi umuhagarariye. Iyo bageze mu cyumba abageni barimo, basanga abageni babatwikiriye mu gatambaro kabonerana (inyegamo), maze uyoboye umuhango (umusangwa mukuru) akabanza akavuga ijambo maze agasaba umushyingira gukura abageni mu nyegamo.

Kogosha amasunzu

Umuhango wo kogosha amasunzu ukurikira uwo gukura abageni mu nyegamo, ukaba ugaragaza ko umugeni avuye mu kiciro cy'abakobwa akaba yinjiye mu cy'abategarugori. Uyu muhango ukorwa na musaza w'umukobwa cyangwa umushyingira.

Kubera ko muri iki gihe abakobwa batagitega amasunzu, uwatoranyirijwe gukora umuhango wo kogosha amasunzu akata agasatsi gake ku mutwe w'umukobwa maze akakabika neza akazagaha nyina w'umukobwa, yaba atamufite akagasigira umugeni.

Umuhango w'amata

Iyo kogosha amasunzu birangiye, umushyingira aba yateganyije abana babiri b'ibitsina byombi n'amata mu nkongoro ebyiri zisa. Abana bicara imbere y'abageni, abageni bakabanza bagasoma ku mata, umugabo agasomya umugore n'umugore agasomya umugabo we. Iyo barangije, umugabo asomya umwana w'umukobwa n'umugore agasomya umwana w'umuhungu bagera hagati bakabihorera bakifasha bakanywa kugeza bijuse.

Uwo muhango ukorwa mu rwego rwo kwifuriza umuryango mushya kuzabyara hungu na kobwa no kuzagira ibibatunga n'urubyaro rwabo.

Kwerekana imitwa

Iyo umuhango w'amata urangiye, umusangwa mukuru ajya kwereka abageni ibintu umuryango w'umukobwa wazanye. Uwo muhango ni wo bita kwerekana imitwa. Iyo barangije kubireba, abagiye gutwikurura basohokana n'abageni bagasanga abandi aho bicaye baririmba banabyina indirimbo "Amahoro meza".

Iyo bageze aho abandi bantu bicaye, umusangwa mukuru abanyurira muri make ibijyanye n'umuhango bavuye gukora, umukwe mukuru akamushimira umurimo barangije hanyuma bagasabana.

Iyo umukwe mukuru abonye igihe kigeze, arasezera. Mu ijambo ryo gusezerera abashyitsi, umusangwa mukuru abaha n'izimano ry'umushyiringira (Akenshi aba ari amafaranga, ingano yayo bigaterwa n'amikoro y'abageni) maze bakabaherekeza bagataha.

B. Inenge zigaragara mu gutwikurura muri iki gihe

Muri iki gihe, gutwikurura bisigaye bikorwa mu buryo buhabanye n'umuco wa kinyarwanda, ku buryo usanzwe azi uwo muhango n'akamaro kawo yibaza intego n'ibisobanuro by'ibiri gukorwa. Ubusanzwe mu kinyarwanda hatwikururwa umugore. Iyo urebye uko uwo muhango usigaye ukorwa, batwikurura umukobwa kandi cyari ikizira mu muco w'u Rwanda. Ibyo biterwa ahanini n'uko umunsi wo gucyuza ubukwe ari na wo batwikururiraho hagamijwe kuzigama igihe n'amafaranga.

Ikindi kibazo kigaragara mu mihango yo gutwikurura, ni uko usanga umugabo n'umugore bombi bagiyeye mu nyegamo kandi ubusanzwe mu muco wa kinyarwanda ari umugore gusa uyijyamo. Kwitwikira inyegamo bituruka ku muco wa kinyarwanda watozaga umugeni gutinya no kugira isoni, bityo rero kumuvana mu nyegamo wari umuhango ugaragaza ko bamutinyuye, bitakiri ngombwa kwihisha, ashobora kujya ahagaragara.

Kwitiranya ibitwukurura n'ibirongoranwa na cyo ni kimwe mu bibazo bigaragara mu muhango wo gutwukurura bitewe n'uko akenshi bizira rimwe kandi bikazanwa n'abaje gutwukurura. Ubusanzwe ibitwukurura biba bigizwe n'ibiribwa binyuranye byiganjemo amafu n'ibinyampeke, ibinyobwa, amata ndetse n'ibindi birungo bikenerwa mu gutegura amafunguro. Ibirongoranwa byo biba bigizwe n'imyambaro y'umugeni, ibikoresho by'isuku, bimwe mu bikenerwa mu nzu ndetse no mu gikoni.

C. Uko gutwukurura bikwiye gukorwa

Gutwukurura byagombye kujya bikorwa nyuma y'uko umugeni abonana n'umugabo mu kiryamo agahinduka umugore. Ntawakwitwaza ko ari ukubera igihe kidahagije bituma gucyuzwa ubukwe no gutwukurura bibera umunsi umwe. Ingingo ya 21 y'Itegeko N° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga abakozi ba Leta igenera umukozi wa Leta wakoze ubukwe ikiruhuko k'iminsi ibiri (2) [Gazeti ya Leta, n° 42 bis yo ku wa 21/10/2013].

Umuhango wo gutwukurura ukwiye kujya ukorwa kare kandi ugahabwa igihe gihagije aho gukorwa mu gicuku bigatuma uhushurwa abantu ntibisanzure.

Umuhango wo gutwukurura ukwiye kuyoborwa n'abawusonukiwe, ntusange bafata umugore n'umugabo ngo bombi bage mu nyegamo kandi kizira mu muco w'u Rwanda ko umugabo ajya mu nkinga. Ikindi kandi muri uwo muhango hakwiye kujya hagenda abantu ba ngombwa gusa kugira ngo bagabanye ibiwugendaho.

II.2.9. GUTEKESHA

A. Gutekesha muri iki gihe

Nyuma yo gutwikurura, umuhango ukurikiraho ni uwo “*gutekesha*” bamwe bita “*gukoza ku mashyiga*”. Uyu muhango ukorwa n’umuryango w’umuhungu. Umuryango ushaka bimwe mu biribwa byiganjemo amafu, inzoga n’ibindi bikoresho byo mu gikoni nk’imbabura, amashyiga atarigeze akoreshwa maze bakajya mu rugo rw’abageni kubatekesha.

Nyina w’umuhungu cyangwa undi mugore umuryango wahisemo, yarika amazi, yamara kubira agafata abageni bakajya kuvuga umutsima. Ahenshi umugabo n’umugore batangira kuvuga umutsima bari kumwe, bagera hagati umugabo akareka umugore agakomeza wenyine. Iyo umutsima uhiye, umugeni ararura maze bose bagasangira.

Ibyo birangiye, umuryango w’umuhungu ugira icyo ugenera urugo rushya, abatanze inka barabagabira, abandi bakabaha umurima cyangwa ikindi kintu kizagirira akamaro urugo rushya. Imiryango irakomeza igasabana, igihe cyagera abashyitsi bagasezera, abageni bakabaherekeza, bagataha.

B. Inenge zigaragara mu gutekesha muri iki gihe

Uyu muhango ntugikorwa ahenshi mu Gihugu kubera ko usanga abenshi batawuzi cyangwa batazi akamaro kawo. Nanone biterwa n’uko usanga abana batura kure y’ababyeyi babo ku buryo kubatekesha bigorana.

Mu gihe k’ibirori byo kwakira abashyitsi mu bukwe, hari aho usanga abantu bakora umuhango usa nko gutekesha aho abageni mbere yo gukata umutsima babanza kuwucanaho ibishashi by’umuriro bigaragaza ko batetse. Nyuma yo gukata uwo mutsima, buri mugeni ajya gusangiza kwa sebukwe. Ibyo bituma ababyeyi badatekesha abageni babo kuko bibeshya ko babikoze.

C. Uko umuhango wo gutekesha ukwiye gukorwa

Umuhango wo gutekesha ukwiye kongera guhabwa agaciro, ababyeyi bakawukorera abageni kubera ko bituma na bo bawumenya kandi bakawuha agaciro, bityo bakazawukorera abazabakomokaho.

Mu gihe gutekesha bikoze mu muhango wo kwakira abatumurwa mu bukwe, bakata umutsima bakanawusangiza ababyeyi, byibura hagombye gutangwa ibisobanuro bihagije by’uwo muhango bituma abawureba basobanukirwa neza ko ibikoze ari ugutekesha cyangwa se gukoza ku mashyiga.

II.2.10. GUCA MU IREMBO

A. Guca mu irembo muri iki gihe

Nyuma y’iminsi mike abageni batwikuruwe, baja gusura umuryango w’umukobwa akaba ari byo bita “*guca mu irembo*”. Nk’uko twabivuze haruguru, iyo uyu muhango utarakorwa, umukobwa ntabwo aba yemerewe kujya iwabo n’iyo agiyeyo agenda yihishe. Uyu muhango rero ufasha umugore kumva ko ubuzima bwahindutse, atakiri umukobwa ujya iwabo uko ashatse ahubwo akiumvisha ko agomba gutuza akubabaka urugo rwe.

Iyo abageni bagiye guca mu irembo, bagenda bitwaje inzoga n’umuntu uza kubavugira ijambo. Iyo bagezeyo, ubahagarariye ashimira ababyeyi b’umukobwa ko babashyinye umugore mwiza, akanabereka ko umwana wabo afashwe neza. Se w’umukobwa aramusubiza, agashima umukwe we ko amufatiye umwana neza, akamubwira kandi ko ari umwana mu rugo, ko ntaho ahejwe.

Nyuma y’ijambo rya se w’umukobwa, umugeni aba abonye uruhushya rwo kongera kwishyira akizana mu rugo rwa se, agahera ko ajya mu mbere gufasha abandi kwakira abashyitsi. Iyo igihe kigeze, abashyitsi barasezera bagaherekezwa.

B. Inenge zigaragara mu guca mu irembo

Uyu muhango usa nk'aho wataye agaciro muri iki gihe kuko hari aho umugeni ahora iwabo ataraca mu irembo ngo ahabwe uburenganzira. Ibyo biba bibangamiye umuco w'u Rwanda kuko umukobwa ugiye iwabo ataraca mu irembo, yacaga mu cyanzu bitagenda bityo akaba akoze ikizira.

C. Uko guca mu irembo bikwiye gukorwa

Umuhango wo guca mu irembo ukwiye guhabwa agaciro ababyeyi bakawigisha abana babo bakiri bato, banabasobanurira imiziro irimo iyo utakozwe. Nanone byaba byiza uyu muhango ukozwe bidatinze nyuma y'ubukwe kugira ngo abageni batagira amashyushyu yo gusubira iwabo mbere y'uko ukorwa.

II.2.11. GUSURA ABAGENI

Gusura abageni muri iki gihe

Nyuma y'iminsi mike abageni bavuye guca mu irembo, ababyeyi b'umukobwa baritegura na bo bakajya gusura urugo rushya. Bagenda bitwaje ibiribwa n'ibinyobwa bagasabana n'abana bakamenyana byimazeyo n'umukwe wabo. Nta magambo menshi avugwa ahubwo uba ari umwanya wo gusabana no kumenyana neza hagati y'umukwe n'umuryango w'umukobwa kuko umutinyura kurushaho abo mu muryango wo kwa sebukwe.

Muri iki gihe, akenshi aho uyu muhango ukozwe, ukorwa uko bikwiye. Nta bibazo bigaragaramo bityo ukaba ukwiye gukomeza kubahirizwa no gushyirwamo imbaraga.

UMWANZURO

Abanyarwanda baracyakomeye ku muco wabo mu bijyanye n'ubukwe. Ibi bigaragarira mu ruhererekane rw'imihango yabwo nubwo muri iki gihe hari aho ibangamirwa n'ibishya bigenda biyinjiramo.

Ibibazo biri mu bukwe bwa kinyarwanda muri iki gihe, ni uko nta ruhare rugaragara imiryango ikibugiramo. Abana bategura ubukwe bakazaza babutura ku babyeyi nta gihe gihagije gisigaye. Abasore n'inkumi bakwiye kujya bategura neza ubukwe bwabo, ntibaheze umuryango kuva mu myiteguro kugeza imihango y'ubukwe irangiye.

Ibirori by'ubukwe bw'iki gihe bigaragaramo gusesagura ahanini guterwa no kwigana, kwisumbukuruza no kwirarira bishyira mu madeni n'ubukene urugo rushya. Abantu bagombye gukora ubukwe buhwanye n'ubushobozi bwabo, bagatumira abantu ba ngombwa kandi aho bishoboka imihango igategurirwa ndetse igakorerwa mu muryango.

II.3. IBIBAZO BYIHARIYE BIGARAGARA MU BUKWE MURI IKI GIHE

INTANGIRIRO

Mu mutwe ukurikira, turibanda kuri bimwe bibazo byagaragaye ko biremereye kandi bikaba bigira ingaruka zikomeye ku mihango yose y'ubukwe. Ibyo bibazo kandi bigira ingaruka ku rugo rushya bikaba byateza amakimbirane, ubukene no gutana kw'abashakanye. Muri byo twavuga nk'inkwano ihanitse, ibirongoranwa biremerera umuryango w'umukobwa ndetse n'ibibazo biterwa n'imyumvire idahwitse y'amategeko n'amabwiriza mbonezamubano.

II.3.1. INKWANO IHANITSE

Nk'uko twabibonye haruguru, mu mucu w'u Rwanda umuryango ugiye gusaba ugomba kugira icyo uha umuryango uwuhaye umugeni. Icyo umuryango w'umuhungu utanga ni cyo kitwa inkwano.

Amategeko Repubulika y'u Rwanda igenderaho avuga ko inkwano ari ikimenyetso k'ishyingiranwa umuryango w'umuhungu usaba uha umuryango w'umukobwa usabwa.

Itegeko rikomeza rivuga kandi ko inkwano iramutse itabonetse bitabuza amasezerano y'ubushyingirane kwemerwa iyo imiryango yombi yabumvikanye [Igazeti ya Leta N° 37 yo ku wa 12/9/2016, Ingingo ya 168].

Muri iki gihe, Abanyarwanda ahenshi bakwa amafaranga kubera ko kuyatwara bworoshye nubwo mu turere tumwe na tumwe tw'Igihugu bakwa amafaranga ariko agaherekezwa n'inka (Intara y'Uburasirazuba). Icyakora, ibi ntibikuraho ko hari aho inkwano itaboneka, umugeni agatangirwa ubuntu bwiturwa nyuma yo kumvikana kw'imiryango yombi.

A. Ibibazo bigaragara mu nkwano

Ababyeyi bamwe basigaye bakosha abana babo bisa no kwishyuzwa umusore ibyo batanze ku mukobwa wabo. Abo babyeyi basaba inkwano iremereye bagendeye ku mashuri, imirimo n'ibindi bigaragaza urwego umukobwa wabo ariho bagamije kugira icyo basigarana nyuma y'ubukwe.

Ubusanzwe mu muco w'u Rwanda, inkwano ni ishimwe umuryango w'umuhungu uha uw'umukobwa rikerekana ko wareze neza. Gusa muri iki gihe, usanga ahenshi umusore n'umuryango w'umukobwa baciririkanya ku ngano y'inkwano itangwa. Uku guciririkanya gutuma agaciro n'ishusho nyakuri by'inkwano bitakara ari na byo bituma abenshi bavuga ko inkwano itakiri ishimwe ry'ababyeyi ahubwo ari ikiguzi cy'umukobwa.

Hari abavuga ko inkwano ihanitse umusore atanga ishobora gutuma afata umugore we nk'igikoresho cyamuhenze, bityo akumva ko afite uburenganzira bwo kumukoresha icyo ashaka n'uko ashaka.

Iyo umusore atabashije kubona inkwano, ubukwe bushobora gupfa cyangwa bugasubikwa. Nanone kandi, iyo umusore yunganiwe n'umukobwa mu gutanga inkwano bishobora kugira ingaruka ku mibanire yabo, umugore akaba atakubaha umugabo we uko bikwiye.

Imbonerahamwe 3: Ishusho y'ingano y'inkwano mu Ntara n'Umujyi wa Kigali.

N°	INTARA /UMUJYI WA KIGALI	INGANO Y'INKWANO	
		Uwize	Utarize
1	Intara y'Iburasirazuba	Guhera ku nka 4 z'inzungu kuzamuka n'amafaranga ibihumbi magana inani (800.000)	Inka 1 n'ibihumbi magana atatu (300.000)

2	Intara y'Iburengerazuba	Inka 1 kuzamuka n'ibihumbi magana ane kuzamuka (400.000)	Inka 1 cyangwa ibihumbi magana atatu (300.000)
3	Intara y'Amajyepfo	Nta ngano y'inkwano, igenwa hakurikijwe ubushobozi bw'umuhungu (50.000 – 1.000.000)	
4	Intara y'Amajyaruguru	Hagati y'ibihumbi magana atanu na miriyoni (500.000 – 1.000.000)	Inka cyangwa amafaranga ibihumbi ljana na mirongo itanu kuzamuka (150.000-)
5	Umujyi wa Kigali	Hakurikizwa ubushobozi. Hagati y'ibihumbi mirongo itanu na miriyoni eshanu. (50.000 – 5.000.000).	

Iyi mbonerahamwe irekana ishusho rusange y'ingano y'inkwano mu Ntara zose n'Umujyi wa Kigali. Nk'uko bigaragara, ingano y'inkwano iratandukanye cyane hagati y'Intara n'Umujyi wa Kigali. Nk'uko twabivuze haruguru, ingano itandukana hagendewe ku rwego rw'umuryango w'umukobwa, amashuri umukobwa yize, akazi akora n'ubushobozi bw'umusore cyangwa ubw'umuryango avukamo.

Umukobwa wize byibuze ikiciro cya kabiri cya kaminuza, inkwano ye iri hagati y'inka imwe (1) n'anye (4) cyangwa amafaranga abarirwa hagati y'ibihumbi magana ane na miriyoni eshanu (400.000 – 5.000.000). Usibye ko hari aho bakwa inka igaherekezwa n'amafaranga nko mu Ntara y'Iburasirazuba.

Umukobwa utarize cyangwa utarashoboye kurangiza byibuze amashuri yisumbuye, akobwa inka imwe (1) cyangwa amafaranga guhera ku bihumbi mirongo itanu kugeza kuri magana atatu (50.000 – 300.000). Bitewe n'ubushobizi bw'umuhungu n'ubwumvikane hagati y'imiryango, inkwano ishobora kwiyongera cyangwa ikagabanuka.

Iki kinyuranyo ni imwe mu mpamvu zituma habaho guciririkanya ku ngano y'inkwano aho usanga buri muryango ushaka gukurura wishyira, bigatuma

bamwe mu basore batinya cyangwa bagatinda gushaka, abakobwa na bo bakagumirwa cyangwa bakishyingira.

B. Inkwano iboneye mu bukwe bw'Abanyarwanda

Inkwano ntikwiye kwitiranwa no kwishyuzwa ibyo ababyeyi b'umukobwa batanze bamurera cyangwa kurihisha umusore ibyo yari kuzabakorera aramutse adashatse.

Nk'uko byahoze mu muco w'u Rwanda, inkwano ntiyigeze iba imbogamizi ku miryango yifuza gushyingirana kuko mu gihe itabonetse hatangwaga umugeni w'ubuntu buziturwa. Uwo muco ntukwiye gucika ahubwo imiryango yagombye guha agaciro urukundo rw'abana ndetse n'umubano w'imiryango kurusha ubutunzi.

Nk'uko bisanzwe mu muco w'Abanyarwanda, inkwano ikwiye kujya ibanza kumvikanwaho n'imiryango ihana abageni ikanashingira cyanecyane ku bushobozi bw'umuryango ukoshwa. Imiryango mu kwaka inkwano igomba gushyira imbere urukundo rw'abana bayo bagaharanira kubafasha kubaka urugo rukomeye aho kubashora mu madeni n'imyenda biturutse ku inkwano ihanitse yifujwe.

Mu rwego rwo korohereza abasore bashaka gushinga urugo, inkwano ishobora gukomeza kuba inka imwe y'injarwanda, byaba ngombwa ko bakwa amafaranga, inkwano igahwana n'ikiguzi k'inka muri ako gace umukobwa aherereyemo.

II.3.2. IBIRONGORANWA BY'UMURENGERA

A. Ibirongoranwa muri iki gihe

Nk'uko twabivuze haruguru, ibirongoranwa ni ibikoresho byo mu rugo umukobwa ajyana mu rugo rushya nyuma yo gushyingirwa bikamufasha mu gukora isuku no gutegura amafunguro mu minsi ya mbere ataramenyera. Muri iki gihe, usanga ibyo umukobwa ajyana bitandukana bitewe n'ubushobozi bwe, ubw' umuryango akomokamo, akarere rimwe na rimwe n'ingano y'inkwano yakowe.

Muri rusange mu Rwanda, mu birongoranwa umukobwa atahana harimo ibikoresho byo mu gikoni (amashyiga yo gutekaho, amasafuriya, ibisorori, indosho, umwuko, amasahani n'ibiyiko, ibirahuri byo kunyweramo n'ibindi), iby'isuku n'iby'ibyo gutaka mu nzu, igodora, akajyana n'imyambaro ye ndetse n'ikirago. Hakurikijwe umwihariko wa buri karere ibirongoranwa bigenda byiyongera cyangwa bikagabanuka.

Mu Ntara zose zo mu Rwanda hari Intara ebyiri zigaragaramo umwihariko mu birongoranwa, izo ni Intara y'Iburasirazuba n'Intara y'Iburengerazuba.

Mu Burasirazuba

Mu Burasirazuba mu Turere twa Nyagatare, Gatsibo, Rwamagana, Ngoma na Kirehe usanga ku birongoranwa twavuze haruguru hiyongeraho intebe zo kwicaraho, ibitambaro byo gutaka mu nzu no ku madirishya, tereviziyo n'iradiyo. Mu Karere ka Bugesera hiyongeraho igare ku mukobwa uva mu muryango uciriritse naho uwifashije atwara ipikipiki mu birongoranwa.

Mu Burengerazuba

Mu Burengerazuba ku birongoranwa rusange hiyongeraho ibitambaro byo gutaka mu nzu no ku madirishya n'iradiyo. Mu Karere ka Rubavu na Karongi hiyongeraho amagodora abiri. Mu gihe muri Rubavu umukobwa agomba kujyana ikoti rya sebukwe n'umukenyero wa nyirabukwe, muri Karongi ho ajyana ikimasa cyo kwereka umusore ko iwabo bamwishimiye.

B. Inenge zigaragara mu birongoranwa

Iyo umusore yakoye amafaranga menshi, aba yiteze ko umukobwa azana ibirongoranwa bitubutse kandi by'igicro. Mu gihe umukobwa azanye bike ku bimenyerewe mu muco w'akarere baherereyemo, biteza amakimbirane mu rugo rushya rimwe na rimwe rukaba rwanasenyuka.

Ku ruhande rw'umukobwa, akenshi umuryango we ugorwa no kubona ibirongoranwa bisabwa mu turere tumwe na tumwe kuko inkwano uba warahawe iba yarakoreshejwe mu yindi mihango y'ubukwe yabanje (gusaba no gukwa). Ibi bisaba ko umuryango w'umukobwa wishakamo ubushobozi bwo kugura ibirongoranwa, ugasigara iheruheru.

Ikindi kibazo kigaragara ni icyo kwitiranya ibitwikurura n'ibirongoranwa bitewe n'uko ahenshi umunsi wo gucyuza ubukwe ari na wo batwikururaho ugasanga bigendeye hamwe kubitandukanya bikagorana.

C. Ibirongoranwa bikwiye

Ibirongoranwa bikwiye kujya bigenwa hakurikijwe ubushobozi bw'umuryango ushyingira umukobwa ntihabeho kwifuza kubigarurizamo inkwano.

Nanone kandi, ibirongoranwa bikwiye gutandukanywa n'ibitwikurura bikagenda mu bihe bitandukanye. Ibyo byatuma havaho urujijo rwo kubyitiranya kuri ba nyiri ibirori n'ababyitabiriye.

Mu turere tugaragaramo ibirongoranwa by'umurengera, hakwiye gukorwa ubukangurambaga, abantu bagasobanurirwa ibijyanye n'ibirongoranwa maze bakareka ingeso yo gukunda ibintu ahubwo bagashyira imbere urukundo n'ubusugire bw'urugo rushya.

II.3.3. IMYUMVIRE IDAHWITSE KU MATEGEKO N'AMABWIRIZA MBONEZAMUBANO

Leta y'u Rwanda iha agaciro gakomeye ugushyingirwa no kurema umuryango kuko ari byo shingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda. Ni yo mpamvu yashyizeho poritiki, amategeko, amabwiriza n'inzeho bishinzwe kurengera umuryango, by'umwihariko umwana n'umugore, kugira ngo buri wese awisanzuremo.

Muri iki gihe hirya no hino mu Rwanda, nubwo hari amategeko agenga ibijyanye no gushinga urugo, usanga ingeso mbi zo kwishyingira mu rubyiruko zigenda zifata intera. Zimwe mu mpamvu zibitera, harimo imyumvire idahwitse ku itegeko rigena imyaka yo gushyingirwa ndetse n'ihame ry'uburinganire.

A. Imyaka yo gushyingirwa

Mu Rwanda amategeko ateganya ko umusore n'inkumi bashyingirwa ari abafite byibuze imyaka makumyabiri n'umwe y'amavuko (21) [Igazeti ya leta N°37 yo ku wa 12/09/2016].

Mu byaro byo mu Rwanda cyanecyane abakobwa batagize amahirwe yo kwiga cyangwa abacikirije amashuri usanga imyaka makumyabiri n'umwe (21) yo gushyingirwa ari myinshi bityo bagahitamo kwishyingira cyangwa kubana mu buryo butemewe n'amategeko (Gukocora). icyo kibazo kigaragara muri tumwe mu turere tugize Intara y'Iburasirazuba, Amajyaruguru ndetse n'iburengerazuba nka Nyagatare, Gicumbi, Burera na Rubavu cyanecyane mu mirengye yatwo ikora ku mipaka.

Kwishyingira bitewe no kubangamirwa n'imyaka yo gushyingirwa yemewe mu Rwanda, ahanini biterwa n'impamvu ebyiri z'ingenzi:

- 1) Kuba hari andi mategeko yemerera Umunyarwanda kugira uruhare mu bikorwa bikomeye by'Igihugu ku myaka iri munsu ya makumyabiri n'umwe, bityo abasore n'inkumi bakumva ko ntacyababuza gushinga urugo kandi rugakomera.

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryemera ko umwana ari umuntu wese utaragera ku myaka cumi n'umunani y'amavuko (18) kandi ko kuri iyo myaka, umuntu agira uburenganzira bwo gukora ibintu byose bimuhuza n'abandi. Ku myaka cumi n'umunani kandi, Umunyarwanda wese wujuje ibyangombwa, yemerewe kugira uruhare mu matora [NEC, 2013, ingingo 11]. Hari n'itegeko rivuga ko ku myaka cumi n'irindwi (17) Umunyarwanda wese yemerewe gukora umurimo umubyarira inyungu [Igazeti ya Leta N° 26 yo ku wa 25/06/2012, Ingingo 59].

Ayo mategeko ndetse n'andi mabwiriza atuma abantu bibaza impamvu, umuntu agirirwa ikizere cyo kugira uruhare mu gushyiraho imirongo migari Igihugu kigenderaho biciye mu matora, akemererwa gukora imirimo imubyarira inyungu, ariko ntagirirwe ikizere ko ashobora gushinga no kuyobora urugo rwe.

- 1) Kuba Abanyarwanda basabana n'abanyamahanga cyanecyane abo bahana

imbibi bemererwa n'amategeko y'ibihugu byabo gushyingirwa ku myaka iri muni ya makumyabiri n'umwe (21).

Gusabana kw'Abanyarwanda n'abo mu bihugu bituranye n'u Rwanda, cyanecyane abo mu turere twegereye ibyo bihugu, aho inkumi n'abasore baho bemererwa gushaka ku myaka iri muni ya makumyabiri n'umwe (21), bituma abahungu n'abakobwa bo muri utwo turere na bo bigana bagenzi babo bo muri ibyo bihugu bakabana batarageza ku myaka yo gushyingirwa.

Abaturage bo mu turere dukora ku mbibi z'Igihugu usanga akenshi baba bafite abavandimwe hakurya y'umupaka ndetse banahafite amasambu, ugasanga abasore n'inkumi bo mu Rwanda iyo imyaka ibabereye imbogamizi, bambuka umupaka bagashyingirwa aho byemewe.

Imyumvire itari yo y'itegeko rigenga imyaka yo gushyingirwa, ituma bamwe mu bakobwa b'Abanyarwanda bo mu mirengye yo ku nkiko z'Igihugu, bishyingira cyangwa bagashyingirwa bakiri bato kuko mu myumvire y'abasore bo muri

utwo duce umukobwa w'imyaka makumyabiri n'umwe aba yaraheze ku ishyiga. Indi mbogamizi ni uko abasore bo muri utwo duce, iyo badashatse bakiri bato babura abakobwa bo mu kigero cyabo bashyingiranwa kuko baba barashyingiwe mbere hakurya mu bihugu by'ibituranyi, bityo bakagorwa no kubona uwo bazabana.

Ikindi kibazo gishingiye ku myaka yo gushyingirwa ni icyo “*kugura imyaka*”. Kugura imyaka ni ugutanga amafaranga mu nzego z'ibanze kugira ngo umuntu utarageze ku myaka yemewe mu Rwanda yemererwe gushyingirwa.

Ubusanzwe mu Rwanda hari itegeko riteganywa ko iyo hari impamvu zifite ishingiro, umwana ugejeje ku myaka cumi n'itandatu (16) ashobora gusabirwa ubukure akaba yashyingirwa [Igazeti ya Leta N° 37 yo ku wa 12/09/2016, Ingingo ya 114]. Kubera ko gusabirwa ubukure byemewe n'amategeko binyura mu nzira zishobora gutindira ushaka gushyingirwa atarageze ku myaka, usanga hari abanyura mu nzira zoroshye ariko zinyuranyije n'amategeko nko gutanga ruswa mu nzego z'ibanze.

Mu rwego rwo gukemura ikibazo cyo kwishyingira no kubana abantu batarageze ku myaka yemewe mu Rwanda, Abanyarwanda bifuje ko inzego za Leta zibishinzwe zihuza itegeko rigenga imyaka y'ubukure n'irigena imyaka yo gushyingirwa hakanakorwa ubukangurambaga buhagije bwo kuyasobanura no kwerekana ingaruka n'ibibazo byo gushyingirwa abana batarageze ku myaka y'ubukure.

B. Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye

U Rwanda rushishikajwe n'ibibazo by'uburinganire. Ibyo bigaragarira mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, ndetse no mu ngamba zinyuranye z'iterambere ry'Igihugu cyacu. Aha twavugaga nk'Ikerekezo cya 2020, Gahunda y'Igihugu yo kurwanya ubukene n'izindi.

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, mu ntangiriro yaryo ryibutsa ko u Rwanda rugendera ku mahame remezo ndetse n'uburenganzira bw'ibanze bwa muntu.

Muri urwo rwego Leta yubahiriza amasezerano mpuzamahanga harimo ayo kurwanya ivangura iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina. Mu gushyira mu bikorwa ayo mahame remezo, u Rwanda rwiyejeje kuba igihugu kigendera ku ihame ry'uburinganire bw'abagore n'abagabo, ibyo bigashimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo. Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore ni poritike nziza u Rwanda rugenderaho kandi yihutisha iterambere kuko buri wese atanga umusanzu we mu kubaka Igihugu.

Hari aho usanga ihame ry'uburinganire ryarumviswe nabi ugasanga umwana w'umukobwa yitwara mu buryo butamuhesha agaciro ngo "yaribohoye". Mu ngo zimwe na zimwe, hari aburirira kuri iryo hame maze bagata inshingano umuco w'u Rwanda ugenera buri wese mu barugize. Bityo, ugasanga umugabo atacyubahiriza inshingano ze, umugore na we ukamusanga mu kabari mu masaha y'akazi, abana na bo ugasanga barabuze kirera kuko ababyeyi babo baba basiganira inshingano z'urugo.

Imyumvire mibi y'ihame ry'ubwuzuzanye n'uburinganire igaragarira kandi ku bakobwa bumva ko bashobora gukora ibyo abahungu bemerewe cyanecyane bigana ingeso mbi nko kujya mu tubari mu masaha y'akazi, kugura abagabo bicuruza, kubana bigezo, ubutinganyi n'izindi ngeso zidahesheje agaciro umwari w'i Rwanda.

Ikindi kandi, kubera irari ry'imitungo rya bamwe, usanga hari abarongora cyangwa abarongorwa bishakira umutungo w'uwo bashakanye maze nyuma yo gushyingirwa imbere y'amategeko bagahita baka gatanya kuko iyo batanye, umugore n'umugabo bagabana umutungo mu buryo bungana iyo basezeranye ivangamutungo rusange.

Mu rwego rwo gukemura ibibazo biterwa n'imyumvire mibi y'ihame ry'uburiganire n'ubwuzuzanye Abanyarwanda bifuje ko inzego bireba zakora ubukangurambaga bwimbitse, zigasobanura intego y'iryo hame kandi zikarinda ko ryabangamira umuco w'u Rwanda uhuza kandi ugateza imbere umuryango.

Ni ngombwa kandi kwigisha ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye guhera mu mashuri abanza no mu miryango kugira ngo abana bakure barisobanukiwe, bityo igihe nikigera cyo kurikurikiza ntibizababere ikibazo.

UMWANZURO

Nk'uko twabivuze haruguru, Leta y'u Rwanda iha agaciro gakomeye ugushyingirwa no kurema umuryango kuko ari byo shingiro ry'imbaga y'Abanyarwanda. Inkwano ihanitse n'ibirongoranwa by'umurenge ni ibibazo byihariye mu bukwe bw'Abanyarwanda kuko bigira ingaruka ku rubyiruko rwifuzaga gushinga ingo no ku miryango rukomokamo.

Nubwo hari abifuzaga ko inkwano yavaho, Abanyarwanda benshi bakomeye ku mwihariko w'ubukwe bwabo, ushingiyeye ku nkwanu, ku ruhererekane rw'imihango ikorwa, ku misango ivugwa ndetse n'ibindi bisabanyaga imiryango ishyingirana, bityo umukobwa ntawe ashyingiye umuntu ku giti ke ahubwo akaba ashyingiye umuryango.

Nk'uko byavuzwe haruguru, inkwano ntikwiye kuba ikiguzi cy'umukobwa ahubwo ni ishimwe ry'umuryango wamureze kandi ikaba ikimenyetso cy'umubano uhoraho hagati y'imiryango yahanyaga abageni. Ni yo mpamvu Leta y'u Rwanda ikwiye kugira uruhare mu gushyiraho umurongo ngenderwaho mu

kwaka inkwano kubera ko, nk'uko byagaragaye, imiryango myinshi muri iki gihe ihanika inkwano maze bikabera imbogamizi abasore bifuza gushinga ingo. Ibyo kandi bigira ingaruka ku ngano y'ibirongoranwa umukobwa atahana kuko umusore ukoye byinshi ashaka kugaruriza ibyo yatanze mu birongoranwa.

Inkwano ntikwiye kuba ikibazo ahubwo yagombye gushingira ku bushobozi bw'umuryango w'umuhungu byaba ngombwa nk'uko byahoze mu muco w'Abanyarwanda n'ubuze inkwano agashyingirwa.

Ubusanzwe inkwano ku Banyarwanda yari inka nk'ikimenyetso k'ishimwe ku muryango w'umukobwa. Hagendewe kuri uyu mwimerere w'Abanyarwanda, aho bishoboka inkwano ishobora kugumya kuba inka imwe cyangwa se ikiguzi cyayo mu gace umukobwa aherereyemo.

Uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore bikwiye kumvikana neza, ntibibe intandaro yo guhangana hagati y'abagabo n'abagore ahubwo bikaba guha buri wese mu bagize umuryango amahirwe angana yo kubaka Igihugu.

II.4. INGESO ZIBANGAMIRA UBUKWE BWA KINYARWANDA

INTANGIRIRO

Iterambere rituma Abanyarwanda, cyanecyane urubyiruko, basabana n'imico y'ahandi ku buryo bwihuse; bityo, bikoroha gutira no kwigana iby'abandi. Ibi bishora Abanyarwanda mu rwigana rudafite ubushishozi, mu itira ritagira ishingiro no mu ngeso zihutaza indangagaciro na kirazira by'umuco wa kinyarwanda.

Umutwe ukurikira urasesengura zimwe mu ngeso urubyiruko rw'iki gihe rwigana ruzikuye mu mico y'ahandi, zikagira ingaruka ku gushinga urugo rukomeye nko kuryamana mbere yo gushyingirwa, kutagira isoni zo kuryamana n'abakubyaye cyangwa ubyaye, icyo ubu abantu bita ubupfubuzi n'ubutinganyi. Uyu mutwe usesengura kandi ingeso y'umururumba no gukunda ibintu bya bamwe hagamijwe gushakira indonke mu bukwe.

II.4.1. Imyitwarire idahwitse ibangamiye ubukwe

A. Ubusambanyi

Muri imwe mu mico y'amahanga, cyanecyane ibihugu byateye imbere, iyo umusore n'inkumi bakundana biba nta cyo bitwaye kubana nk'umugabo n'umugore bashakanye. Iyo mico ikwirakwira hirya no hino ku isi binyuze mu ikoranabuhanga, itangazamakuru, mu mafirimi, mu muziki no mu migenderanire y'abatuye isi. Iyo myumvire yageze no mu Rwanda aho usanga urubyiruko rushishikariye kumenya byinshi kuri iyo mico. Ibyo bigira ingaruka ku myumvire y'abateganya kurushinga nko gutinyuka ibyo batinyaga birebana n'ubukwe.

Hari urubyiruko rwakira nta gushungura ibyo rubona cyangwa ruvana mu mico y'amahanga bigatuma bigana iyo myumvire, igahita isimbura indangagaciro bari bamenyereye z'umuco wabo. Uko gushaka kwisanisha n'ibyo amahanga akora bikuraho kirazira urubyiruko rw'Abanyarwanda rumenyereye mu kwirinda uburara n'ubwamanzi.

Akamenyero ko kuryamana mbere yo kubana byemewe n'amategeko gaturuka ku mibereho urubyiruko rw'ubu rubamo yo kwibana no kuba kure y'imiryango yabo. Abana batangira kubana umunsi ku wundi, ku mashuri bakiri mu gihe cy'ubwangavu n'ubugimbi, kugeza biga amashuri ya za kaminuza bakibana. Na nyuma y'amashuri urubyiruko rukomeza kwibana mu kazi.

Umusore n'inkumi bagera igihe cyo kubana baranyuze mu buzima bwinshi butuma bisanzuranaho kandi bigasa nkaho nta cyo bitwaye kuryamana ku bitwa ko bakundana. Bagera igihe cyo kubana, abenshi mu bakobwa baratwaye inda bigatuma bakora ubukwe buhutiyeho.

Indi myitwarire idahwitse ibangamira ubukwe ni iya bamwe mu bakuze bashukisha urubyiruko amafaranga, impano n'ibindi bintu bifite agaciro bagamije kurushora mu busambanyi. Uko isi igenda itera imbere, ikoranabuhanga rikagera kure, ni nako umuco w'abayituye ugenda uhinduka,

bikoroha kuvanga ibyiza n'ibibi bituruka muri iryo sakazamuco. Ibyo bituma abakuze n'urubyiruko borohereza no kumenya ibikorwa mu yindi mico. Ibi bigaragarira ku bagabo bakuze bitwa shugadadi "*Sugar daddy*" n'abagore bitwa shugamami "*Sugar mammy*".

Mu muryango nyarwanda birasanzwe ko abantu bakuru bashyikirana n'abato ariko hakabaho imipaka igenga kubahana no gukurikiza amahame ngengamyitwarire y'umuco w'Igihugu. Gusa, uko iminsi igenda ihita, hari bamwe mu bakuze barengera bakagirana imishyikirano idakwiye n'urubyiruko kugeza barushoye mu ngeso mbi z'ubusambanyi.

Ku rundi ruhande ariko, urubyiruko rw'abakobwa n'urw'abahungu rusigaye rutinyuka kurenga ku mahame ngengamyitwarire bitewe n'irari ry'ibintu rugashyikirana mu ruhande n'abagabo cyangwa abagore barubyaye. Ibi abakobwa babigiramo uruhare bambara imyenda y'urukozasoni, bazana ibiganiro biganisha ku ngeso z'ubusambanyi ku buryo byorohera abagabo bakuze kugera ku ntego yabo.

Abanyarwanda bifuzaga ko mu gihe hari umuntu mukuru ufatiye mu ngeso yo gushora urubyiruko mu busambanyi, yahanwa by'intangarugero. Ku rundi ruhande, ababyeyi bakwiye kongera umwanya bagenera abana babo cyanecyane mu gihe cy'ubwangavu n'ubugimbi, bakabaha uburere buhagije, bakabagaragariza urukundo.

Urubyiruko rukwiye kwirinda irari ry'ibintu by'ubusa no kwifuzaga gukira rutavunitse ahubwo rukanyurwa n'urwego rurimo.

Indi ngeso ikunze kugaragara nyuma y'ubukwe ni ubupfubuzi. Muri iki gihe, umugore utanyuzwe n'umugabo we mu gihe k'imibonano mpuzabitsina hari ubwo ashaka undi mugabo yishyura akamukemurira icyo kibazo. Uwo mugabo cyangwa umusore wishyurwa azwi ku izina ry'"**umupfubuzi**" cyangwa "**umwunganizi**" naho igikorwa akora kikitwa "**Gupfubura**" cyangwa "**Kunganira**".

Mu rwego rwo guhashya iyi ngeso igenda ifata indi ntera cyanecyane mu migi, Abanyarwanda bifuje ko nk'uko uburaya ubwo ari bwo bose butemewe mu Rwanda, n'indaya z'abagabo zagombye kurwanywa n'inzego zose, ari iz'ibanze ndetse n'iz'umutekano. Abanyarwanda bifuje kandi ko hajyaho amategeko ahana abantu biyandirika cyangwa bakora imirimo y'urukozasoni ari uburaya ndetse n'ubupfubuzi.

Ingaruka bigira ku bukwe bw'Abanyarwanda

Imyitwarire idahwitse y'ubusambanyi yavuzwe haruguru igira ingaruka zitandukanye ku bukwe no ku ntego nkuru yo gushyingirwa. Zimwe muri izo ngaruka zagaragajwe ni:

- Kuryamana k'umusore n'umukobwa mbere yo kubana byemewe n'amategeko bituma bakora ubukwe buhutiweho kubera ko hari ubwo umukobwa aba yaratwaye inda.
- Ibi bishobora no kugira ingaruka ku muryango kuko hari n'ababyeyi banga kubashyigikira mu bukwe bwabo, cyangwa umuryango ukabaheza.
- Na nyuma y'uko babanye ikizere kiba gike cyangwa kikabura kubera ko umugabo atekereza ko uwo mugore we yari icyomanzi no ku bandi basore. Ibyo bikagera ku mwana uvuka kubera ko hari uburenganzira abuzwa na se uba atamwemera.
- Ingaruka zigera ku musore/umukobwa wahuye na shugadadi/shugamami ni uko hari ubwo bimuviramo kudatekereza gushinga urugo kubera ko aba abona ibyo akeneye byose bitamugoye. Hari abakobwa bahitamo kwibana kubera ko baba bumva bihagije batifuza kugorwa n'umugabo n'amahame y'umuco agenga abashakanye.
- Ku rundi ruhande iyo umusore/umukobwa amaze gushaka ashobora gukomeza gukurikiranwa n'irari ry'ibintu, bityo bikamuviramo kutubaka ngo rurambe. Hari n'ubwo atifuza kurekura uwo bahuye bigatuma urugo rudakomera kuko ruba rusa n'urwubatse ku manga.
- Indi ngaruka iboneka mu rugo rwa shugadadi cyangwa shugamami ni uko iyo umuryango we umenye ko yishoye muri iyo ngeso y'ubusambanyi itawubahisha biwuhungabanya. Bishobora no gutuma

atandukana n’uwo bashakanye, bikagira ingaruka ku bana babyaranye kuko batabona uburere n’urukundo bya kibyezi.

B. Ubutinganyi

Ubutinganyi ni ingeso igenda ikwirakwira hirya no hino ku isi aho abantu baryamana bahuje ibitsina. Mu Rwanda na ho iyi ngeso, imaze kwimikwa na bimwe mu bihugu byateye imbere, yarahageze ku buryo bamwe mu Banyarwanda bamaze kuyishoramo bavuga ko ari uburenganzira bwabo.

Akenshi iyi ngeso ikwirakwira cyanecyane mu rubyiruko binyuze mu ikoranabuhanga, muri firime, mu muziki, imbuga nkoranyambaga n’ibindi byamamaza ubutinganyi.

Nta bihano byihariye amategeko y’u Rwanda ateganyiriza uwishoye mu ngeso y’ubutinganyi. Gusa, ntiyemerera abantu bahuje ibitsina kubana cyangwa gushyingiranwa kuko bihabanye n’umuco n’itego nkuru yo gushinga urugo ari yo kwagura umuryango no kungura Igihugu amaboko binyuze mu rubyaro [Igazeti ya Leta, No yihariye yo ku wa 24/12/2015, Ingingo ya 168].

Abanyarwanda bifuzaga ko Leta yagaragaza aho ihagaze kuri iki kibazo kugira ngo n’abaturage muri rusange bamenye uko bitwara ku bishora muri iyo myitwarire. Abenshi muri bo bifuzaga ko iyi ngeso yakwamaganwa kubera ko ibangamiye umuco nyarwanda.

Ingaruka ubutinganyi bugira ku bukwe

Ubutinganyi butesha agaciro ubukwe n’itego yabwo mu muco wa kinyarwanda. Ubusanzwe, ubukwe buhuza umusore n’inkumi hagamijwe kororoka no kwagura imiryango. Umusore ubana n’undi musore cyangwa inkumi ibana n’indi nkumi ntibashobora kwagura imiryango.

Ubutinganyi bubangamira ubukwe kuko ababwishoramo badashyingirwa nk’uko umuco ubigena bityo imiryango yabo ntibone ibirori iba yiteze ku bana

babo. Ibi bituma umuryango nyarwanda ubibazaho, ukabafata nk'abaciye umuryango.

Ubutinganyi mu Rwanda uretse kuba butesha agaciro ubukora, bushobora no kugira ingaruka zikomeye ku buzima bwe kuko bworoshya cyane ikwirakwizwa ry'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

II.4.2. Ugushakira indonke mu bukwe

Muri iki gihe, mu gihe cyo kurambagiza n'indi mihango y'ubukwe usanga hari abashakira indonke mu bukwe bagendeye ku kamenyero gaturuka mu bice bikikije u Rwanda. Iyi myitwarire idahwise yo gushakira indonke mu bukwe igaragarira mu gusaba isake ku musore urambagiza, mu gusaba umukobwa amafaranga y'inyongera kugira ngo umusore amwemere no mu buryo butaboneye bwo gusaba inkunga bukoreshwa mu birori bita umwito.

Mu Turere tumwe na tumwe tw'Intara y'Iburengerazuba, usanga mu gihe k'irambagiza no kumenyana hagati y'umusore n'inkumi, hari akamenyero ko kwakiriza umusore **isake** igihe aje gusura umukobwa. Iyi ngeso igaragara mu Turere twa Rusizi na Nyamasheke, bigafatwa nk'ikimenyetso cy'uko yamwishimiye. Mu gihe umuryango w'umukobwa utabonye iyo sake bishobora gutuma umusore amubenga nta kindi amuhoye gifatika.

Iyi ngeso igaragara mu mirenge yegereye ibihugu by'abaturanyi nka Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) n'u Burundi; bikaba bishoboka ko ari ho yakomotse. Ibyo byiyongeraho ko muri ako gace abakobwa bavuga ko abasore baba barigiriye mu migi bityo bikaba bigoranye kubona abagabo. Bagereranya umusore n'idorari ku buryo hari n'abamugerekaho amafaranga kugira ngo basezerane imbere y'amategeko. Mu Murenge wa Nyabitekero mu Karere ka Nyamasheke, umukobwa agomba kubanza guha umusore ibihumbi 400 by'amafaranga y'u Rwanda kugira ngo bashyingiranywe.¹

Ku Banyarwanda iyi ngeso ni ingeso igayitse kuko igaragaza umururumba, inda nini ndetse n'ubusambo kuko usanga umusore agaburirwa iyo sake akayirya wenyine abandi bamurebera. Iyo ngeso kandi itesha agaciro umuhango wo kurambagiza kuko inaniza umukobwa n'umuryango urambagizwa.

Indi ngeso idahwitse igaragara mu bukwe ni iyo gutitiriza abantu basabwa inkunga mu bukwe bikunda gukorwa mu birori bita umwito cyangwa "kiceni pati" (kitchen party). Hari umugenzo wo gukorera umukobwa witegura gushyingirwa ibirori bigamije gukusanya inkunga yo kumufasha kubona

1 <http://www.igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/i-nyamasheke-umusore-ahabwa-isake-akayirya-wenyine-n-ibihumbi-400-ngo-arongora>

ibirongoranwa. Ibyo birori bamwe babyita “*umwito*” abandi bakabyita kicenipati cyangwa burayido shawa “*Bridal shower*”.

Uyu muhango utegurwa n’umuryango w’umukobwa ukitabirwa n’igitsina gore gusa, ukabera ahantu hisanzuye, hari ibiribwa n’ibinyobwa. Hateganywa kandi umushyushyarugamba ubizi, ubimenyereye kandi ugomba gususurutsa no gushishikariza abitabiriye ibirori gutera inkunga no gushyigikira umukobwa. Habamo kwidagadura, kubyina indirimo zitandukanye ziganjemo iz’urukundo, ababyeyi bakanafata umwanya wo kugira inama umugeni bamutegurira kuzaba umugore mwiza.

Bamwe bagereranya uyu muhango mushya n’uwakorwaga kera mu Rwanda mbere y’ubukwe witwaga kurara umuhuro, aho umukobwa ugiye kurushinga yaherwaga impanuro na ba nyirasenge cyangwa ba nyina wabo kandi bakamutaramira bamusezeraho.

Ikibazo kigaragara muri uyu muhango ni ukwaka amafaranga menshi buri wese wawutumiwemo cyangwa bakamutegeka icyo atanga, yakibura ntazatahe ubukwe cyangwa se akabutahana ipfunwe. Ibi bigaragara nk’ingeso yo gusabiriza.

Ikindi kibazo ni uko muri uyu muhango haba hateganyijwe kugira inama umukobwa nyamara ahenshi usanga abazimugira ari urungano rwe cyangwa bake mu babyeyi na bo batamuzi neza. Ibyo bituma mu by’ukuri nta nama zihamye umugeni ahakura. No mu gihe ababyeyi babonetse bakaganiriza uwo mugeni, akenshi usanga bakoresha imvugo yo kumutera ubwoba, bamubwira ko gushaka bitoroshye kandi harimo ibibazo byinshi agomba kuzihanganira aho kumwerekana uko azabikemura.

Ingaruka ku bukwe

Iyi ngeso yo kuzimanira isake umusore ugiye kurambagiza igira ingaruka zikomeye ku mwimerere w’ubukwe bwa kinyarwanda kuko hari abakobwa usanga bamara imitungo yabo n’iy’umuryango bakira abasore ugasanga hari n’ubwo umusore amubenze.

Ibi kandi bishobora gutuma abakobwa batabonye ubushobozi, bagumirwa cyangwa se bakagira amahitamo adakwiriye atuma batagubwa neza n'urushako. Hari abasore usanga barabigize umukino bava mu muryango umwe bajya mu wundi kugira ngo babone uko barya inkoko nyinshi.

Ingeso mbi yo gusaba inkunga mu buryo budakwiye igira ingaruka z'uko abifuza gushyigikira abateganya gushinga urugo babatariza ikizere kubera ibyo bamwe bita gusabiriza. Ibi bitesha agaciro imyiteguro ikorwa n'indangagaciro isanzwe mu muco yo gutwera no gushyigikira umuryango ufite ubukwe. Nanone abasore n'inkumi basaba inkunga babeshya ko bafite ubukwe kandi ntabwo bafite batuma imiryango ihora ikemanga n'abateganya ubukwe nyakuri. Bityo benshi mu Banyarwanda bakaba basigaye batwera ku muni w'ubukwe nyirizina.

UMWANZURO

Mu mateka y'u Rwanda, habayeho uguhura kw'imico itandukanye kandi ihurira mu buzima bwose bw'Igihugu n'umuryango urimo. Nyuma y'ubukoroni kimwe n'ahandi muri Afurika, mu Rwanda hatangiye uburere bushingiye ku bumenyi, imico n'indimi mvamahanga. Ingaruka yabaye uguta agaciro k'ubumenyi, uburere n'uburezi bishingiye ku muco w'u Rwanda.

Iterambere n'ikorabuhanga u Rwanda rugezeho byagize uruhare mu isabanyamuco ryoroshye, bityo byorohera Abanyarwanda gutira no kwigana zimwe mu ndangaciro na kirazira by'imico y'ahandi. Hari byinshi byiza Abanyarwanda bungutse ariko hari n'ingeso mbi batiye zitari ngombwa: ubusambo bwo kubagirwa isake wagiye kurambagiza ukayirya wenyine, kwiandarika kw'abasore n'inkumi, kuryamana mbere yo gushyingirwa, guhangara kuryamana n'abakubyaye cyangwa ubyaye, ubutinganyi n'ubupfubuzi.

Nk'uko bigaragara izo ngeso zavuzwe haruguru zangiza umuco nyarwanda n'indangaciro zawo, bikagira ingaruka ku muryango n'ingo zishingwa muri iki gihe. Ni yo mpamvu hakwiye gukorwa ubukangurambaga bwimbitse ku bijyanye n'imyifatire y'umwana w'Umunyarwanda kandi abagaragayeho imico mibi idahesha agaciro umuryango n'Igihugu bakagawa mu ruhame. Ibyo byaca ingeso mbi zavuzwe haruguru n'izindi zirimo kwaduka.

UMWANZURO RUSANGE

Ubukwe ni umwe mu mihango ndangamuco y'Abanyarwanda yubashywe kandi ifite agaciro gakomeye kuko uhuza abantu, bakarema imiryango maze Igihugu kikunguka amaboko. Abanyarwanda bagira bati: *“Agahugu katagira umuco karacika”*. Aha baba bashaka kuvuga ko iyo umuryango utaye ibiwuranga, bigoye ko waramba cyangwa ngo ugire iterambere rihamye.

Nubwo umuco w'u Rwanda ugenda uhura n'ibiwuhungabanya bikagira ingaruka ku mihango y'ubukwe, Abanyarwanda baracyawukomeyeho. Bigaragarira mu mihango n'imigenzo ndangamuco nk'ubukwe, ingingo ngenga zabwo ndetse n'iby'ingenzi nk'urukurikirane rw'imihango ikorwa, imisango n'ibindi.

Amateka u Rwanda rwacyemo yatumye habaho guhura k'umuco warwo n'imico y'amahanga. Muri iki gihe, iterambere n'ikoranabuhanga u Rwanda rugezeho bituma Abanyarwanda bigana ndetse bakanatira ku buryo bworoshye imico mvamahanga, bityo imyinshi mu mihango ndangamuco ita umwimerere ndetse inahindura isura.

Muri zimwe mu nenge z'ingenzi zigaragara mu bukwe bwa kinyarwanda harimo gukora imihango y'ubukwe byo kwiyererutsa, bigatuma itakaza umwimerere n'igisobanuro cyayo.

Hari izindi nenge ziterwa no kuba uruhare rw'umuryango mu mihango y'ubukwe rwaragabanutse, kuba nta muranga ukibaho bigatuma abana bihuza bagategura ubukwe imiryango yabo itabigizemo uruhare. Ibyo bitera gusesagura gukabije gushingiye ku kwigana iby'ababarusha ubushobozi, inkwano n'ibirongoranwa biremerera abashaka kurushinga n'ibindi.

Kugira ngo ubukwe busubirane isura n'umwanya bwahoranye mu kubaka umuryango nyarwanda, buri wese akwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Abashaka kurushinga bakwiye kugira umwanya uhagije wo kumenyana kandi bakabimenyesha imiryango yabo hakiri kare;
- Abagiye kurushinga bakwiye gukora ubukwe buhwanye n'ubushobozi

bwabo, nta kwishora mu madeni cyangwa imyenda;

- Ababyeyi bakwiye gushyira imbere urukundo n'umubano w'abana babo kurusha ibintu n'ibindi bibatanya;
- Ababyeyi bakwiye korohereza urubyiruko rwifuza kubaka ingo, birinda kwaka inkwano ihanitse. Abasore na bo, bakwiye kwirinda gusaba ibirongoranwa by'umurengera;
- Ababyeyi bakwiye kugira inama abasore n'inkumi bagiye kurushinga no kubashyigikira mu myiteguro no mu mihango yose y'ubukwe;
- Abayobora imihango y'ubukwe bagombye kuba bayisobanukiwe kandi byarushaho kuba byiza ari abo mu miryango ihana abageni;
- Imihango yo gusaba no gukwa byaba byiza ibereye iwabo w'umukobwa kandi igatumirwamo abantu ba ngombwa;
- Imihango yo gusaba no gukwa yagombye kujya ibanziriza umuhango wo gusezerana imbere y'amategeko mu rwego rwo kwirinda kubeshya inzego za Leta;
- Umuhango wo gutwikurura ukwiye gukorwa nyuma yo kwakira umwishywa kw'abageni kugira ngo hatwikururwe umugore aho gutwikurura umukobwa;
- Hakwiye gukorwa ubukangurambaga bwimbitse kugira ngo urubyiruko rwumve ko ingeso mbi mvamahanga nk'ubutinganyi, ubupfubuzi, inda nini n'ubusambo (isake) bya bamwe mu rubyiruko ko atari umuco w'u Rwanda kandi ko zihabanye n'indangagaciro zawo;
- Hakwiye gushyirwaho ingamba zikomeye zikumira kandi zigahana by'intangarugero abakuze bashora urubyiruko mu busambanyi "*Shugadadi na Shugamami*" n'izindi ngeso zisenya umuryango nyarwanda (ubusinzi, ibiyobyabwenge,...);
- Hakwiye kubaho ubukangurambaga busobanurira abana ibibi byo gushaka imburagihe;
- Hakwiye gushyirwaho uburyo bwo gukurikirana no guhana abayobozi n'ababyeyi bashyingira abana batarageza imyaka y'ubukure bitaciye mu nzira zemewe n'amategeko u Rwanda rugenderaho;
- Hakwiye kongera imbaraga mu gukora ubukangurambaga bukorwa n'inzego za Leta bireba, zigasobanurira neza Abanyarwanda ibijyanye n'Ihame ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye.

Iki gitabo cyagaragaje ibibazo byugarije umuryango nyarwanda mu muhango w'ubukwe bitewe no kudaha agaciro umuco no kwisanisha n'imico mvamahanga nta gushungura.

Buri Munyarwanda akwiye gufata iya mbere mu kurinda umuco, urugo n'umuryango byo shingiro ry'iterambere ry'Igihugu. Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco irashishikariza buri Munyarwanda kwita ku mwimerere w'imihango y'ubukwe nyarwanda n'intego yayo. U Rwanda ruzakomera mu gihe cyose abasore n'inkumi bashinga ingo ziramba kandi zigamije kubera urugero rwiza ababakomokaho ari bo Rwanda rw'ejo.

IBITABO BYIFASHISHIJE

1. Bender D.E. and Ewbank D., Focus group as a tool for research: issues in design and analysis, Heath Transition Review (4), North Carolina, 1994.
2. Bigirumwami A., Imihango, Imigenzo n'Imiziririzo, Nyundo, 1964.
3. Bizimana S. na Kayumba C., Inkoranya y'Ikinyarwanda Iciriritse, IRST, 2010.
4. Bushayija S., Le mariage coutumier au Rwanda, Bruxelles, Larcier, 1966.
5. Byanafashe D. et Rutayisire P., Histoire du Rwanda, UNR, Huye, 2011.
6. Coupez A. et Kamanzi Th., Récits historiques Rwanda dans la version de C. Gakaniisha, Tervuren, Annales 43, 1962.
7. Coupez A. et al. Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda n'Igifaransa, IRST, 2005.
8. Erny P., Jeunesse d'hier au Rwanda, Paris, 2003.
9. Erny P., L'Éducation au Rwanda au temps des rois, Études africaines, L'Harmattan, Paris, 2005.
10. Gasimba F.S. Ubukwe bw'Iwacu, 2013.
11. Igazeti ya Leta, N° 42 bis yo ku wa 21/10/2013, Itegeko N° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta.
12. Igazeti ya Leta N° 26 yo ku wa 25/06/2012, Itegeko N° 54/2011 ryo ku wa 14/12/2011 ryerekeye Uburenganzira bw'Umwana no Kuburengera.
13. Igazeti ya Leta N° 37 yo ku wa 12/9/2016, Itegeko N° 32/16 ryo ku wa 28/8/2016 Rigenga Abantu n'Umuryango.
14. Igazeti ya Leta, N° yihariye yo ku wa 24/12/2015, Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu wa 2003 ryavuguruwe mu wa 2015.
15. Igazeti ya Leta N° 37 yo ku wa 12/09/2016, Itegeko rigenga abantu n'umuryango, Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016.
16. Inteko Izirikana, Umuco wa Kinyarwanda, Kigali, 2003.
17. Kananura J.C., Uburezi-shingiro bw'i Rwanda, Butare, 1980.
18. Kashamura A., Famille, sexualité et culture. Essai sur les mœurs sexuelles et les cultures des peuples des Grands Lacs africains, Paris, Payot, 1973.

19. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Amabwiriza N° 03/2013 yo ku wa 23/07/2013.
20. Kwame Gyekye, An Essay on African Philosophical Thought: The Akan Conceptual Scheme, Cambridge University Press, 1987.
21. Maquet J. J., Le système des relations sociales dans le Rwanda ancien, Tervuren, 1945.
22. National Institute of Statistics of Rwanda, Thematic report, Marital Status and nuptiality, 2012.
23. Nyirimanzi J.C., The average age of first marriage increased in Rwanda in last three decades, NISR, 2014.
24. Nzajyibwami E., Ubukwe bwa Kinyarwanda n'Imihango yabwo, Kigali, 2015.
25. Nzamwita Uwanziga J., Manners in Rwanda, Basic knowledge on Rwandan culture, customs and Kinyarwanda language, 2015.
26. Ruhumuliza B., Intambara y'abazimu, Kigali, 1988.
27. Tempels P., La philosophie Bantou, Bruxelles, 1945.

AMAKURU YAVUYE KURI MURANDASI

1. <http://www.igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/i-nyamasheke-umusore-ahabwa-isake-akayirya-wenyine-n-ibihumbi-400-ngo-arongora>

**IMBONERAHAMWE IGARAGAZA INDANGAGACIRO Z'UMUCO W'U
RWANDA ZIRI MU MIHANGO Y'UBUKWE**

UMUHANGO W'UBUKWE	INDANGAGACIRO
KURAMBAGIZA	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitonda - Gushishoza - Kumenyana - Guteganya
GUSABA NO GUFATA IREMBO	<ul style="list-style-type: none"> - Guteganya - Kujya inama - Kunga ubumwe - Gusabana - Kugira urugwiro
GUSABA NO GUKWA UMUGENI	<ul style="list-style-type: none"> - Kubaha umuryango - Kugira ubupfura - Kugira ikinyabupfura - Kwihesha agaciro - Guhesha agaciro umuryango - Kunga ubumwe - Kugira ijambo - Kuba intyoza - Kwanga umugayo - Gushyira mu gaciro - Kugira ubuntu n'ubumuntu - Kugira umutima
GUTEBUTSA	<ul style="list-style-type: none"> - Guteganya - Kubahiriza igihe - Kunamba ku ijambo - Kutava ku izima - Kwihesha agaciro - Guhesha agaciro umuryango
KURONGORA	<ul style="list-style-type: none"> - Guharanira ubusugi n'ubumanzi - Kubaha ababyeyi - Kubaha umuryango - Kwihangana - Gufashanya - Gusabana

GUTINYA	<ul style="list-style-type: none"> - Gushishoza - Kudahubuka - Kwakirwa mu muryango - Kwihangana - Ubumanzi
GUTWIKURURA	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira ikinyabupfura - Kubaha umuryango - Kwihangana - Kuremera - Kwigira - Gufashanya - Kugira umutima - Kugira ubuntu
GUTEKESHA	<ul style="list-style-type: none"> - Gutoza umurimo unoze - Kwakira neza abashyitsi - Gufashanya - Kuzuzanya mu muryango - Kuzuza inshingano - Kunga ubumwe - Kubaha umuryango
GUCA MU IREMBO NO KURAMUKANYA	<ul style="list-style-type: none"> - Kuzirikana - Gushima na gushimira - Kubaha ababyeyi - Kubaha umuryango
GUSURA ABAGENI	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira umutima - Kugira urugwiro - Gusabana - Kunga ubumwe

